IKINYARWANDA

Amashuri abanza

5



IGITABO CY'UMWARIMU

REB RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Umutungo wa
Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa

IKINYARWANDA

Umwaka wa 5

IGITABO CY'UMWARIMU

Uburenganzira bw'umuhanzi

© 2026, Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB),
Kigali
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda.
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze runejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganyijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukomeza kwiga amashuri yabo kugira ngo bunguke ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bizabafasha kuvamo Abanyarwanda beza.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose.

Usibye ubushobozi rusange bugamijwe mu isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatanu, iki gitabo kizagufasha no kugeza ku banyeshuri ubundi bushobozi bukenewe mu buzima nko kwikemurira ibibazo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana, kugirana ubufatanye n'abandi, kwiyigisha bo ubwabo no guhora bihugura. Ubu bushobozi bugenda bugaragazwa n'imyitozo cyangwa ibikorwa abanyeshuri bakora.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye;
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'ababahanga gusa cyangwa ay'ababadakurikira neza gusa;
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi;
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udushya kandi babasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi;

- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri;
- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:

Igice cya mbere gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.

Igice cya kabiri kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.

Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijemo imitwe itandatu ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku muco nyarwanda, ibidukikije, uburenganzira bwa muntu, ubuzima, imiyoborere myiza ndetse n'umuco w'amahoro.

Ku ntangiriro ya buri mutwe hari ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe, ibyo umunyeshuri asanzwe azi ku biri muri uwo mutwe, igikorwa cy'umwinjizo giteye nk'inkuru y'ibyabayeho, kigufasha gutegura abanyeshuri kwinjira neza mu nsanganyamatsiko y'uwo mutwe, ingingo nsanganyamasomo zibandwaho muri uwo mutwe ariko bitabujije ko habonekamo n'izindi zijyanye n'isomo ukaba wazivugaho. Hari imbonerahamwe ifasha umwarimu kumenya ibyigwa n'amasomo ari muri buri mutwe.

Iki gitabo kandi giteganya ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Nubwo bimeze bityo ariko, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo uvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.

Ndashimira byimazeyo buri wese wagize uruhare mu kwandika no mu kunoza iki gitabo. Ndashimira by'umwihariko itsinda ry'ababakozi ba REB ryayoboye iki gikorwa kuva kigitangira kugeza kirangiye. Turashimira kandi abafatanyabikorwa bose, abarimu n'abandi bose bagize uruhare muri uru rugendo. Ibitekerezo byanyu birakenewe mu gukomeza kunoza iki gitabo kugira ngo imyigire y'abanyeshuri bacu irusheho kuba myiza.

Dr. MBARUSHIMANA Nelson

Umuyobozi Mukuru wa REB

GUSHIMIRA

Ndashimira mbikuye ku mutima abantu bose bagize uruhare mu itegurwa ry'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umunyeshuri, umwaka wa gatanu w'amashuri abanza. Ntabwo iki gitabo cyashoboraga kunozwa uko bikwiye, iyo hatabaho uruhare rw'abafatanyabikorwa banyuranye mu burezi.

Ndashimira by'umwihariko abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bashinzwe amasomo, bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo kunoza iki gitabo.

Ndashimira byimazeyo abafatanyabikorwa mu burezi cyanecyane abarimu n'abandi bafatanyabikorwa bose bagize uruhare mu gutunganya no kunoza iki gitabo. Inkunga yabo yagize uruhare rukomeye mu rugendo rwo kunoza iyi mfashanyigisho.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo, twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugurura ry'ubutaha.

MURUNGI Joan

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho

n'Imfashanyigisho/REB

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE iv

GUSHIMIRA vi

INTANGIRIRO 1

IGICE CYA MBERE: IMITERERE Y'IKI GITABO N'IMBONEZAMASOMO 1

Umwandiko 1

1. Intangiriro 1

2. Gusoma 1

3. Inyunguramagambo 2

Ubumenyi rusange bw'ururimi 3

Ibikorwa byo gusoma 3

IGICE CYA KABIRI: UMUTEGURO W'ISOMO 5

IGICE CYA GATATU: IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE 8

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 9

UMUTWE WA MBERE: UMUCO NYARWANDA 9

1.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe 9

1.2. Igikorwa cy'umwinjizo 9

1.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 10

1.4. Indangagaciro 10

1.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho 10

1.6. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe 11

Umwandiko "Ntwari n'inshuti ze" 13

Ingwizanyito n'imvugwakimwe 17

Ibikorwa byo gusoma 19

Umwandiko "Ndabaga" 20

Ikiganiro mpaka 24

Umwandiko "Amasaha ya kinyarwanda" 27

Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya isaha babyukiraho mu gitondo. 32

Ibikorwa byo gusoma 32

Umwandiko "Umwaka wa kinyarwanda" 33

Ikeshamvugo 37

Ibikorwa byo gusoma 38

Umwandiko "Ibihe bya Kinyarwanda" 39

Ikeshamvugo 43

Isuzuma risoza umutwe wa mbere 44

Ibikorwa by'inyongera 46

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 47

UMUTWE WA KABIRI: IBIDUKIKIJE 47
2.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe 47
2.2. Igikorwa cy'umwinjizo 47
2.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 48
2.4. Indangagaciro 48
2.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho 48
2.6. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe 49
Umwandiko "Dusobanukirwe n'ibidukikije" 51
Imyandikire y'Ikinyarwanda 55
Ibikorwa byo gusoma 56
Umwandiko "Urugendo rwa Kariza muri pariki" 57
Imivugire inoze y'Ikinyarwanda 61
Ibikorwa byo gusoma 63
Umwandiko: "Dufate neza iwacu heza" 63
Amarangamutima n'inyigana 68
Ibikorwa byo gusoma 70
Umwandiko "Imvura n'izuba" 71
Inkuru ngufi 74
Ibikorwa byo gusoma 75
Ikigwa: Umwandiko "Ndi inshuti y'ibiti" 76
Inshinga 80
Ibikorwa byo gusoma 82
Umwandiko "Ishyamba ry'amahoro" 83
Isuzuma risoza umutwe wa kabiri 87
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 88
UMUTWE WA GATATU: UBURENGANZIRA BWA MUNTU 88
3.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe 88
3.2. Igikorwa cy'umwinjizo 88
3.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 88
3.4. Indangagaciro 89
3.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho 89
3.6. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe 90
Umwandiko "Uburenganzira bw'umwana" 92
Ihangamwandiko 96
Ibikorwa byo gusoma 97
Umwandiko "Impuhwe ziruta ubutunzi" 98
Imyandikire y'amagambo aranga ahantu 102
Ibikorwa byo gusoma 103
Umwandiko "Mureke atete" 104
Inshinga 108
Ibikorwa byo gusoma 110
Umwandiko "Ganza yaratabawe" 110

Ingiro nkora n'ingiro ntega 114
Igikorwa cyo gusoma 115
Umwandiko: "Sekidende na nyirakuru" 116
Ibikorwa byo gusoma 121
Umwandiko "Muhirwa n'umuryango we" 122
Ikeshamvugo 125
Isuzuma risoza umutwe wa gatatu 126
Ibikorwa by'inyongera 128
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe: 129
UMUTWE WA KANE:UBUZIMA 129
4.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe 129
4.2. Igikorwa cy'umwinjizo 129
4.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 130
4.4. Indangagaciro 130
4.5. Ingingo nsanganyamasomo 130
4.6. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe 131
Umwandiko: "Inama ya muganga n'abaturage" 132
Izina rusange 135
Amategeko y'igenamajwi 136
Umwandiko: "Tugire isuku" 139
Ntera 143
Ibikorwa byo gusoma 145
Umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu" 145
Izina ntera 149
Ibikorwa byo gusoma 150
Umwandiko "Isuku yayigize intego" 151
Ibisantera 155
Ibikorwa byo gusoma 156
Umwandiko "Umugambi w'isazi" 156
Isuzuma risoza umutwe wa kane 160
Ibikorwa by'inyongera 162
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe 163
UMUTWE WA GATANU: IMIYOBORERE MYIZA 163
5.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe 163
5.2. Igikorwa cy'umwinjizo 163
4.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 164
4.4. Indangagaciro 164
6.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe 165
Ikigwa: Umwandiko "Umuyobozi mwiza" 166
Ibinyazina 170

Ibikorwa byo gusoma 171
Umwandiko “Ubutwari bwa Mukashema” 172
Ibinyazina 176
Ibikorwa byo gusoma 177
Umwandiko: “Ubwenge burarahurwa” 178
Ibinyazina 182
Igikorwa cyo gusoma 183
Umwandiko: “Ibyiza by’imihigo” 184
Ibinyazina 189
Ibikorwa byo gusoma 190
Umwandiko “Katabirora na Kamuhanda” 190
Ikinyazina mbanziriza 194
Ibikorwa byo gusoma 195
Umwandiko : “Ikiganiro na Sogokuru” 196
Amasano yo mu muryango 199
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu 200
Ibikorwa by’inyongera 202
Ubushobozi bw’ingenzi bugamijwe 203
6.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi 203
6.2. Igikorwa cy’umwinjizo 203
UMUTWE WA GATANDATU: UMUCO W’AMAHORO 203
6.3. Ubushobozi nsanganyamasomo 204
6.4. Indangagaciro 204
6.4. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho 204
6.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n’igihe yagenewe 204
Ikigwa: Umwandiko “Isazi n’ikimonyo” 206
Imyandikire yemewe y’Ikinyarwanda. 210
Ibikorwa byo gusoma 211
Umwandiko “Umwana n’ingona” 211
Imyandikire yemewe y’Ikinyarwanda 215
Igikorwa cyo gusoma 216
Umugisha wa kibyeyi 217
Ikeshamvugo ku masano 221
Ibikorwa byo gusoma 222
Umwandiko “Nyambo na Ntama” 222
Imigani y’imigenurano 226
Ibikorwa byo gusoma 228
Umwandiko “Ukuri kwa Minani” 228
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu 232
Ibikorwa by’inyongera 235
IBITABO N’INYANDIKO BYIFASHISHIJWE 236

INTANGIRIRO

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa; ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo igusaba guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo. Ikuyobora mu kwigisha udafata umunyeshuri nk'aho ari icupa ririmo ubusa ugomba gutsindagiramo ubumenyi. Igusaba kandi guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, ukamufasha kuvumbura ibindi atari azi.

Nubwo gukorera mu matsinda bifite akamaro, ni ngombwa no kwita kuri buri munyeshuri kugira ngo umukosore mu mivugire ye, imisomere ye ndetse n'imyandikire ye. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo kigusaba guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri. Kigenda kikwereka zimwe mu ngero z'izo mfashanyigisho zifatika. Ubu buryo bw'imyigishirize busaba umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga.

IGICE CYA MBERE:

IMITERERE Y'IKI GITABO N'IMBONEZAMASOMO

I. Imiterere y'igitabo

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe itandatu kandi buri mutwe ufite umubare w'amasomo agomba kwigwa. Amasomo ateguye mu byumweru. Muri iki gitabo tukwereka ibyigwa biri mu cyumweru, amasomo ari muri ibyo byigwa n'uko ayo masomo ategurwa. Ikigwa kimwe gishobora kugira isomo rimwe cyangwa menshi. Buri cyumweru gitangirwa n'ikigwa cy'umwandiko maze ibindi byigwa byose bigafatira kuri uwo mwandiko. Gusa hari igihe biba ngombwa ko hari ibyigwa bifatira ku wundi mwandiko mugufi. Dore intera zikurikizwa mu masomo y'icyumweru:

A. Ibyigwa n'amasomo by'icyumweru

Umwandiko

Isomo rya mbere: Gusoma n'inyunguramagambo

1. Intangiriro

Muri iki kiciro k'intangiriro, umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko agasaba abanyeshuri kuyitegereza akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo bijyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

2. Gusoma

Iki kiciro cyo gusoma gikorwa mu byiciro bibiri ari byo: gusoma bucece no gusoma baranguruye.

2.1. Gusoma bucece

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye adategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo bicukumbuye. Gusoma bucece bikorwa buri gihe iyo abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya.

2.2. Gusoma baranguruye

Muri iki gitabo, imbonezamasomo ijyanye no gusoma baranguruye, isaba umwarimu gusomera abanyeshuri by'intangarugero yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye.

Hanyuma agasaba abanyeshuri na bo gusoma baranguruye badategwa, bagaragaza isesekaza, banubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho bityobityo. Umwarimu asabwa kugenda akosora abanyeshuri aho badasoma neza. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma, agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Ni ngombwa gukora ku buryo buri munyeshuri agira umwanya wo gusoma, ari abitabira gutera urutoki cyangwa abatabyitabira. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma, ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo buri wese ashobore gusoma. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza bumvikanisha ibitekerezo byabo kandi batajijinganya. Agomba kandi kubibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe mu gusoma neza.

3. Inyunguramagambo

3.1. Gusomera mu matsinda

Mu matsinda, abanyeshuri bongera gusoma umwandiko bagashakisha ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe bakagenda babyandika. Babishakisha bahereye ku bivugwa mu mwandiko, byabananira bakifashisha inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo. Muri icyo gihe, umwarimu akomeza gukurikirana ibikorerwa mu matsinda, ndetse abanyeshuri bakaba bamubaza ibibazo ku byo batumva neza cyangwa bakamugisha inama. Icyo gikorwa gikurikirwa no guhuriza hamwe ibyavuye mu matsinda ku kibaho. Bitangwa n'abanyeshuri, umwarimu akabafasha kubinoza. Mu gihe bamurika ibyo bakoreye mu matsinda, amagambo yasobanuwe n'itsinda ryabanje andi matsinda ntiyongera kuyagarukaho; ahubwo asobanura amagambo atatanzwe n'itsinda ryabanje. Iyo hari amagambo batashoboye kubonera inyito, umwarimu abatoza gukoresha inkoranyamagambo bashakisha ibyo bisobanuro byaba ngombwa akabunganira.

3.2. Umwitozo w'inyunguramagambo

Iyo abanyeshuri barangije kubona ibisobanuro by'amagambo batari basobanukiwe, umwarimu abasaba kongera kujya mu matsinda kugira ngo bakore imyitozo y'inyunguramagambo iteganyijwe mu gitabo cy'umunyeshuri. Iyo igihe cyateganyijwe kigeze, bongera guhuriza hamwe ibisubizo bayobowe n'umwarimu.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Imbonezamasomo iri muri iki gitabo iteganya uburyo bubiri bwo gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

Uburyo bwa mbere ni uko umwarimu agabanya ibibazo mu matsinda anyuranye amatsinda nk'abirirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo.

Ubundi buryo ni uko buri tsinda risubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umuyobozi w'itsinda agaragaza ibisubizo byakorewe mu itsinda rye. Uko bamurika ibyakorewe mu matsinda, umuyobozi w'itsinda ajya imbere akandika cyangwa akavuga ibyo bakoreye mu itsinda ryabo. Igisubizo gitanzwe n'itsinda rya mbere iyo kinoze cyandikwa ku kibaho. Amatsinda afite ibibazo bimwe ntabwo ari ngombwa ko yose ajya kugaragaza ibisubizo; ahubwo iryabanje ni ryo rimurika noneho irindi rigafatanya n'abandi kugira ubugororangingo ritanga kuri icyo gisubizo mu gihe bibaye ngombwa. Ni ukuvuga ko igisubizo cyatanzwe n'itsinda kigakorerwa ubugororangingo andi matsinda atagisubiraho. Ubu kandi ni na bwo buryo bukoreshwa no mu yindi myitozo yo mu zindi ntera, ikorerwa mu matsinda.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Gusesengura umwandiko mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza, byibanda cyanecyane ku kugaragaza ingingo z'ingenzi zigize umwandiko ari na zo baheraho bakora inshamake yawo haba mu mvugo cyangwa mu nyandiko. Nyamara bagomba no kumenya imiterere ya buri mwandiko mu yo biga, bakamenya ibice by'ingenzi biwugize n'uturango twawo.

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro

Kuri buri bwoko bw'umwandiko bize, abanyeshuri bakwiye guhabwa imyitozo y'ubumenyi ngiro itandukanye hashingiwe ku bikorwa biteganyijwe mu nteganyanyigisho. Hagenda hasimburana ibikorwa bikurikira: guhanga, gukina, gusoma umwandiko mu isomero, kungurana ibitekerezo, kujya impaka, gutondagura umuvugo, gukora inshamake n'ibindi. Abanyeshuri bahabwa umukoro bakazagaruka barawukoze hanyuma bagahabwa umwanya wo gusangiza bagenzi babo ibyo bakoze.

Ubumenyi rusange bw'ururimi

Ubumenyi rusange bw'ururimi buteganyijwe muri iyi nteganyanyigisho harimo n'ikibonezamvugo, mu rwego rwo gufasha umunyeshuri kumenya amahame agenderaho anoza imvugo n'inyandiko bye. Ariko rero bigomba kumvikana neza ko amategeko y'ikibonezamvugo atagomba gufatwa mu mutwe nk'amasengesho; ahubwo agomba gutahurwa n'abanyeshuri ubwabo bahereye ku mwandiko cyangwa interuro yakoreshejwemo.

Ibikorwa byo gusoma

Uretse mu cyumweru kirimo isuzuma risoza umutwe n'imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi, ibindi byumweru byose bisozwa n'ibikorwa byo gusoma. Hari ibikorwa binyuranye byo gusoma ushobora gukoresha abanyeshuri mu rwego rwo gutoza abanyeshuri umuco wo gusoma bibafasha kuzamura ubusobozi bwo gusoma.

B. Isuzuma risoza umutwe

Nubwo amasuzuma agenda akorwa kenshi hifashishijwe imyitozo inyuranye igenda igaragara mu masomo, hateganyijwe isuzuma rusange risoza buri mutwe rifasha

umwarimu gusuzuma niba koko abanyeshuri bageze ku bushobozi bwa ngombwa buteganyijwe muri uwo mutwe. Iyo bigaragaye ko hari ibitagezweho, umwarimu agomba guteganya imyitozo nzamurabushobozi ijyanye n'ibyo abona bitagezweho. Mu gihe ateguye imyitozo nzamurabushobozi, agomba no gutegura imyitozo nyagurabushobozi kugira ngo abashoboye kugera ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe bayihabwe mu rwego rwo kwagura ubushobozi bwabo.

II. Imbonezamasomo

1. Uburyo bwo kwimakaza ingingo nsanganyamasomo

Muri iki gitabo ingingo nsanganyamasomo ntizirengagijwe. Zibandwaho mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo cyane ko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Mu ntangiriro ya buri mutwe hagaragazwa ingingo nsanganyamasomo ziri buze kwibandwaho n'uburyo umwarimu agomba kuzitsindagira. Umwarimu arasabwa kuzibandaho cyanecyane mu gihe akoresha imyitozo hagamijwe kwagura imitekerereze y'abanyeshuri ndetse n'imbanire yabo n'abandi.

2. Uburyo bwihariye bwo kwita ku myigire y'abanyeshuri

Iki gitabo cyanditse ku buryo gifasha umwarimu gufasha umunyeshuri mu buryo bwihariye kugira ngo atere imbere mu kunguka amagambo, mu gusoma no mu kwandika. Mu rwego rwo kugira ngo yiyungure amagambo, iki gitabo kibimufashamo by'umwihariko kubera ko gikubiyemo imyitozo n'ibisubizo bituma umunyeshuri yiyungura amagambo nk'imyitozo yo kuzuza amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo, gushaka amagambo mu kinyatuzu, kugaragaza neza amagambo yabugenewe atsindagirwa. Muri iki gitabo kandi harimo imyitozo ifasha umunyeshuri kumva ibyo asoma n'ibyo asabwa gukora kuko abanza guhabwa amabwiriza atomoye amusobanurira ibyo asabwa gukora. Byongeye kandi iki gitabo giteguye ku buryo hagenda hakoreshwamo uburyo bw'imbonezamasomo bunyuranye; gukorera mu matsinda manini y'abanyeshuri nka bane, gukorera mu matsinda ya babiribabiri, gukora umuntu ku giti ke, gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, gukora ubushakashatsi kuri murandasi, gukorera hamwe ishuri ryose n'ibindi.

III. Ubushobozi bugamijwe nyuma y'umwaka wa gatanu

Umunyeshuri urangije umwaka wa gatanu agomba kuba ashobora:

- Gusobanura ibyo yasomye, yasomewe cyangwa yabwiwe;
- Kumvikanisha mu ruhame igitekerezo ke;
- Kwisomera no gusomera abandi imyandiko iri mu Kinyarwanda;
- Kugeza ku bandi ibitekerezo bye mu mvugo no mu nyandiko bikwiye;
- Kwisesengurira umwandiko;
- Gukora inyandiko zisanzwe zo mu buzima busanzwe;
- Kwandika no guhanga yubahiriza inyurabwenge n'imyandikire yemewe;
- Gusobanura imiterere y'ururimi.

IGICE CYA KABIRI: UMUTEGURO W'ISOMO

Izina ry'ishuri: G.S. Mirimbo Amazina y'umwarimu: NTAGANDA YOHANI

Igihembwe:	Itariki:	Umwaka	Inyigisho	Umutwe Wa	Isomo rya	Igihe isomo rimara	Umubare w'abanyeshuri
Cya gatatu	.....	Wa 5 A	Ikinyarwanda	Gatanu	38 muri 40	Iminota 80	46
Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo					Umunyeshuri umwe ufite imbogamizi yo Kumva gahoro.		

Umutwe	Imiyoborere myiza
Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe	– Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'imiyoborere myiza; – Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina; – Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amasano yo mu muryango.
Isomo	**Ikinyazina ngenera ngenga**
Intego ngenamukoro	**Ahereye ku nteruro yahawe, umunyeshuri arashobora:** - Kugaragaza neza uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga. - Gutahura ikinyazina ngenera ngenga mu yandi magambo atajijinganya. - Gukoresha neza ikinyazina ngenera ngenga mu mvugo no mu nyandiko
Imiterere y'aho isomo ribera	Isomo rizatangirwa mu ishuri bicaye ku nyuguti ya U umunyeshuri ufite imbogamizi yo kumva gahoro ahabwa umwanya aho abasha kumva umwarimu neza.
Imfashanyigisho	Amashusho ajyanye n'abantu bafite ibintu binyuranye, interuro zikoreshejemo ikinyazina ngenera ngenga, imfashanyigisho zifatika n'izidafatika, igitabo k'ikibonezamvugo, Igitabo cy'umwarimu n'icy'umunyeshuri.
Imyandiko n'ibitabo byifashishijwe	Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibitabo binyuranye by'ikibonezamvugo, imbuga nkoranyambaga.

Ibice by'isomo + igihe	**Gusobanura muri make igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora**		Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo (ubushobozi + igisobanuro kigufi)
	Umwarimu ashyira mu matsinda abanyeshuri, akabafasha kwitegereza, gusoma, gutega amatwi no kujya impaka ngo batahure ikinyazina ngenera ngenga mu nteruro zatanzwe. Abanyeshuri baragaragaza kandi uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga.		
	Ibikorwaby'umwarimu	**Ibikorwa by'umunyeshuri**	
Intangiriro: Iminota 10	-Kubaza abanyeshuri icyo bibuka ku kinyazina ngenera. -Kubaza abanyeshuri icyo bibuka ku kinyazina ngenga.	-Kubwira umwarimu icyo bibuka ku kinyazina ngenera. -Kubwira umwarimu icyo bibuka ku kinyazina ngenga.	Ubushobozi nsanganyamasomo **- Ubushishozi:** igihe abanyeshuri basubiza ibibazo umwarimu ababajije **-Ingingo nsanganyamasomo–** **Uburezi budaheza:** igihe umwarimu ashakira umwanya umunyeshuri utabona neza.
Isomo nyirizina: Iminota 50	- Gusaba abanyeshuri gusoma interuro fatizo ziri mu bitabo byabo. - Kubaza abanyeshuri icyo amagambo yanditse atsindagiye ari kwerekana cyangwa asobanura. - Kubaza abanyeshuri ibinyazina bumva byumvikana muri ayo magambo. - Kwandika umutwe w'isomo ku kibaho. - Kubwira abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza inshoza, imiterere n'uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga bifashishije ibitabo byabo.	- Gusoma interuro fatizo ziri mu bitabo byabo. -Kuvuga icyo amagambo yanditse atsindagiye ari kwerekana cyangwa asobanura. -Kubwira umwarimu ibinyazina bumva byumvikana muri ayo magambo. -Kwitegereza no gusoma umutwe w'isomo. - Gukora amatsinda bakagaragaza inshoza, imiterere n'uturango tw'ikinyazina ngenera ngenga bifashishije ibitabo byabo.	**Ingingo nsanganyamasomo:** **- Uburezi budaheza:** Igihe umwarimu afasha abanyeshuri bose kugira uruhare mu isomo. **Uburinganire n'ubwuzuzanye:** Igihe umwarimu yita ku bahungu n'abakobwa..

	- Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura. - Kubwira abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. -Kuyobora abanyeshuri gusoma mu gitabo cyabo ahari imbonerahamwe irimo ibinyazina ngenera ngenga bakabisoma no kubafasha kubyumva hanyuma bakabyandika.	-Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bazikemura ubwabo bagendeye ku nama z'umwarimu. - Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. -Gusoma mu gitabo cyabo ahari imbonerahamwe irimo ibinyazina ngenera ngenga bakabisoma, hanyuma bakabyandika.	**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu kwifashisha interuro fatizo mu gutahura, imiterere n'uturango tw'ikinyazina ndafutura. **-Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda:** Igihe bakorera mu matsinda.
Isuzuma Iminota 20 Umukoro	-Gusaba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. -Kugendagenda harebwa uko bakora no gukosora abarangije -Gusaba abanyeshuri gukora ikosora rusange no kubafasha kunoza ibisubizo. -Guha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro eshatu zirimo ibinyazina ngenera ngenga no kubicaho akarongo hanyuma bakagaragaza n'inteko birimo.	- Gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. -Gukosoza imyitozo. - Gukora ikosora rusange bafatanyije n'umwarimu. -Kwandika umukoro wo mu rugo mu makaye yabo.	**Ubushobozi nsanganyamasomo** **Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Igihe umunyeshuri ashobora kujora ibisubizo bye cyangwa iby'abandi no gushaka ibisubizo by'ibibazo atagombye kubaza umwarimu **Ingingo nsanganyamasomo Uburezi budaheza:** Ufite ikibazo kihariye ntavanwa mu isomo; ahubwo ahabwa ubufashwa bukenewe. **Ubushobozi nsanganyamasomo**

			- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: Gukomeza kwihugura mu isomo no gushishikarira kudata ishuri **Ubushakashatsi:** Gukomeza gucukumbura ibindi bijyanye n'isomo.
Kwisuzuma (umwarimu)	Nshingiye ku isuzuma ryakozwe, isomo ryumvikanye kandi bararikunda kuko rifitanye isano n'ibinyazina bibiri bari barize mbere ndetse abanyeshuri batsinze imyitozo ku rugero rushimishije.		

IGICE CYA GATATU:
IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE

UMUTWE WA MBERE:

UMUCO NYARWANDA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma, gusesengura no guhina imyandiko ivuga ku muco nyarwanda;
- Gutandukanya no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo y'ingwizanyito n'imvugwakimwe;
- Gukoresha neza mu mvugo no munyandiko imvugo zikoreshwa ku masaha n'amezi bya kinyarwanda;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo;
- Gukoresha neza mu mvugo no munyandiko indamukanyo za kinyarwanda.

1.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe

- Indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda;
- Gukoresha neza ibihekane by'Ikinyarwanda mu mvugo no mu nyandiko;
- Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

1.2. Igikorwa cy'umwinjizo

- Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa

Arangije umwaka wa kane w'amashuri abanza, Karenzi yateze imodoka ashaka kujya mu mugi. Amaze kuyigeramo, afata ikicaro. Hashize umwanya muto, muri ya modoka hinjira umubyeyi uhetse umwana. Ahagarara iruhande rwa Karenzi kuko imyanya yo kwicaramo yari yashize. Umushoferi wari utwaye imodoka, asaba Karenzi kwimukira uwo mubyeyi. Karenzi mu bukana bwinshi, ati: "Nagezemo mbere kandi nishyuye ayange. Sinahaguruka, ntimukage mutumenyera!" Abari mu modoka bose barakebuka, bamureba bumiwe.

Uhereye ku nkuru ya Karenzi mu modoka, subiza ibi bibazo:

a) Iyo uba Karenzi wari gukora iki? Sobanura igisubizo cyawe.

b) Tanga izindi ngero eshatu z'imyifatire yimakaza imibanire myiza hagati y'abantu n'abandi.

Umwarimu yakira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma akabafasha kubinoza

Urugero rw'ibisubizo:

a) Karenzi yari guhagurukira uwo mubyeyi, batiriwe bamubwiriza kandi akirinda amagambo mabi n'uburakari.

Kuko kugenda mu modoka uhagaze kandi uhetse umwana byateza ingorane zikomeye nko kuba ingobyi yajishuka umwana akikubita mu modoka ntabone uko amuramira kuko amaboko ye afashe imodoka ngo atagwa.

b) Gutabarana, gufashanya, kubaha, kugira ikinyabupfura, kugira ubuntu, gukunda umurimo, kwirinda amakimbirane.

1.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho, gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko no gutahura ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bakora ikiganiro mpaka, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro hakoreshwa neza Ikinyarwanda.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe cyane cyane imusaba kubaza abo babana.

1.4. Indangagaciro

- **Ndi Umunyarwanda:** Binyuze mu gukunda umuco n'umurage by'Igihugu cyacu.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi mu gihe bajya impaka.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu guharanira guteza imbere umuco nyarwanda mu gihe biga ibihe bya kinyarwanda.

-**Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu myitwarire myiza iranga Umunyarwanda.

Ubutabera: Binyuze mu gucyaha no kudahishira uwakosheje.

-**Kwigira:** Binyuze mu guhanga ibyivugo buri wese ku giti ke.

1.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo zikurikira:

- **Uburinganire n'ubwuzuzanye;**

Mu mwandiko wa " Ndabaga", umwarimu yifashisha ikibazo Ni ibiki wanenga iyi mvugo muri iki gihe?" agashimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ko nta mirimo igenewe abahungu n'indi igenewe abakobwa.

- **Gukunda Igihugu.**

Imyandiko myinshi yo muri uyu mutwe yibanda ku ndangagaciro yo gukunda Igihugu. Umwarimu yifashisha iyo myandiko akagenda agaruka ku gukunda Igihugu.

1.6. Amasomo ari mu mutwe wa mbere n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasaha 40
1	**Umwandiko: Ntwari n'inshuti ze**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhina u mwandiko)	1
	Ingwizanyito n'imvugwakimwe	
	Ingwizanyito	1
	Imvugwakimwe	1
	Gusoma ibitabo byo mu isomero	1
2	**Umwandiko: Ndabaga**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ikiganiro mpaka	
	Ibiranga ikiganiro mpaka	1
	Umwitozo w'ikiganiro mpaka	2
	Gusoma ibitabo byo mu isomero	1

3	**Umwandiko: Amasaha ya kinyarwanda**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyingiro (Guhina umwandiko)	1
	Amasaha ya kera n'amasaha y'ubu	1
	Ubumenyingiro (Gushushanya amasaha)	1
	Ibikorwa byo gusoma	1
4	**Umwandiko**: **Umwaka wa kinyarwanda**	
	Gusoma n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyingiro (Kungurana ibitekerezo)	1
	Ikeshamvugo	
	Ikeshamvugo ku nka, ku mata no ku gisabo	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
5	**Umwandiko: Ibihe bya kinyarwanda**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ikeshamvugo	
	Amagambo yabugenewe ku ndamukanyo	1
	Isuzuma risoza umutwe wa mbere	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 1

Umwandiko "Ntwari n'inshuti ze"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ntwari n'inshuti ze*". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Ni nde mwana watangije ikiganiro? Ni Ntwari.

2. Yahuriye he n'abandi bana? Bahuriye ku iriba.

3. Baganiriye ku ki? Baganiriye ku Rwanda.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri

ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo

1. **Aterura:** Atangira
2. **Isoko:** Imvano, inkomoko
3. **Indangagaciro remezo:** Imyitwarire myiza y'ibanze.
4. **Umwete:** Umurava
5. **Rwanda rw'ejo:** Abana n'urubyiruko bazagirira akamaro u Rwanda mu myaka iri imbere.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo.

1. Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo

1. Kurata	a. Umurava
2. Amahoro	b. Gutaka
3. Umwete	c. Gutabaza
4. Gutaka	d. Umutekano

Ibisubizo:

1	2	3	4
b	d	a	c

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma no gusubiza neza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko "Ntwari n'inshuti ze" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Ntwari n'inshuti ze".

Ni nde mwibuka uvugwa muri uwo mwandiko? Mu bavugwa mu mwandiko harimo Ntwari, Muhire na Kamariza.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni bande bavugwa mu mwandiko?** Abana bavugwa mu mwandiko ni Ntwari, Muhire na Kamariza.
2. **Ni iki abanyeshuri bo ku ishuri rya Ntwari bakora, buri gitondo mbere yo kwinjira mu ishuri?** Buri gitondo haririmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu.
3. **Kubera iki nta muntu ukwiye gutaka ko yabuze umufasha?** Impamvu ni uko Abanyarwanda twese turi abavandimwe.
4. **Ni izihe ndangagaciro remezo zivugwa mu mwandiko?** Gukunda Igihugu, ubumwe, ubupfura no gukunda umurimo**.**
5. **Ni irihe hame remezo rivugwa mu mwandiko?** Ihame remezo rivugwa mu mwandiko ni "Gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose".
6. **Ntwari yashoje ikiganiro avuga ko ari byiza ko we na bagenzi be barangwa n'iki?** Yavuze ko bagomba kurangwa no gukora ikintu cyose mu gihe cyacyo, bakumvira inama bahabwa n'ababyeyi babo, bakigana umwete, bagaharanira amahoro kandi bakarangwa n'ikinyabupfura aho bari hose.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko;
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Uretse ku ishuri, vuga ahandi hantu habiri indirimbo yubahiriza Igihugu iririmbwa?

- Mbere yo gutangira inama zitabiriwe n'abayobozi ba Leta;
- Ahantu hose hari umukuru w'Igihugu;
- Mu birori byateguwe n'inzego za Leta;
- Mu myiyerekano y'ingabo z'Igihugu;
- Mbere y'imikino ihuza amakipe y'ibihugu.

2. Vuga ibintu byiza bitatu waratira umuntu kugira ngo asure u Rwanda.

- Imisozi myiza;
- Amapariki;
- Ibiyaga byiza;
- Urugwiro mu kwakira abashyitsi;
- Ikirere kiza kirangwa n'ubushyuhe ndetse n'ubukonje buringaniye.

3. Uretse ibyavuzwe mu mwandiko, garagaza ibindi wakora kugira ngo uzabashe guteza u Rwanda imbere.

Hari ibintu bitandukanye byakorwa kugira ngo duteze u Rwanda imbere: Gusigasira amahoro, gufashanya, gukora cyane, kwiga neza.

4. Umunyarwanda mwiza yagombye kurangwa n'izihe ndangagaciro?

- Kwitangira Igihugu;
- Gutabarana;
- Gukundana...

5. Ni ikihe gitero cyo mu ndirimbo yubahiriza Igihugu kigushimisha? Kubera iki kigushimisha? Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye.

6. Ni ayahe mahame remezo Igihugu cyacu kigenderaho ?

Amahame remezo Igihugu cyacu kigenderaho ni :

- Gukumira no guhana icyaha cya jenoside, kurwanya ihakana n'ipfobya bya jenoside no kurandura burundu ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyo igaragariramo byose;
- Kurandura burundu ivangura n'amacakubiri bishingiye ku bwoko, ku turere cyangwa ku kindi icyo ari cyo cyose no gushyira imbere ubumwe bw' Abanyarwanda;
- Gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize;
- Kubaka Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsi bwa demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, uburinganire bw'Abanyarwanda bose n'ubw'abagore n'abagabo bushimangirwa n'uko abagore bagira nibura 30% by'imyanya mu nzego zifatirwamo ibyemezo;
- Kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage no gushyiraho uburyo bukwiye kugira ngo bagire amahirwe angana mu mibereho yabo;
- Gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gufata mu mutwe amahame remezo Igihugu cyacu kigenderaho, hanyuma bazayavuge imbere ya bagenzi babo.

Isomo rya 4: Guhina umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Guhina umwandiko bagendeye ku ngingo z'ingenzi ziwugize.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye ubafashe kunoza ibisubizo byabo.
- Baza abanyeshuri kuvuga umutwe w' umwandiko batahanyeho umukoro batange n'ingingo z' ingenzi zikubiye muri uwo mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri guhina umwandiko mu mirongo itarenze 10. Gengenda ukosora abanyeshuri ari nako unoza ibisubizo byabo. Toranya inshamake ikoze neza Usabe umunyeshuri wayikoze kuyisomera abandi.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakabwira ababyeyi be inkuru bize n'icyo bakunze muri iyo nkuru, uzabwirwa n'iki ko abanyeshuri babikoze?

Ingwizanyito n'imvugwakimwe

Isomo rya 5: Ingwizanyito

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gutahura amagambo yandikwa kimwe, asomwa kimwe, adasobanura kimwe ariko inyito zayo zifitanye isano.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

I. Intangiriro

- Kosora umukoro usaba abanyeshuri kubwira bagenzi babo icyo bakunze mu nkuru "Ntwari n'isnhuti ze"
- Saba abanyeshuri kwitegereza interuro ziri mu bitabo byabo bavuge icyo babona amagambo atsindagiye ahuriyeho cyangwa atandukaniyeho.
  - Kamariza aterura ikiganiro maze **ataka** Igihugu cy'u Rwanda.
  - Indabo **zitaka** ubusitani.
  - Umunyabugeni **ataka** amazu akoresheje umunyabugeni.

Urugero rw'ibisubizo
Aya magambo atsindagiye bigaragara ko yanditse kimwe ariko yanditse kimwe, asomwa kimwe , ntasobanure kimwe ariko inyito zayo zikaba zifitanye isano. **Urugero**: ijambo **gutaka** mu nteruro zose rihurira ku kugira ikintu kiza.

II. Uko isomo ritangwa

Baza abanyeshuri inshoza y'ingwizanyito nk'uko yanditswe mu gitabo cy'abanyeshuri, ubafashe kuyisobanukirwa. Yobora abanyeshuri mu gusoma izindi ngero z'ingwizanyito ziri mu bitabo byabo ari nako ubafasha gusobanukirwa impamvu ari ingwizanyito. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cyabo ku ngwizanyito ugende ukurikirana uko bawukora ufasha abafite ibibazo byihariye.

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo guhimba interuro zirimo amagambo y'ingwizanyito nibura eshatu, maze bavuge icyo zihuriyeho.

Isomo rya 6: Imvugwakimwe

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gutahura amagambo yanditse kimwe, asomwa kimwe ariko adasobanura kimwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro ureba ko abanyeshuri bakoze interuro zirimo amagambo y'ingwizanyito hanyuma usabe bamwe kubwira bagenzi babo interuro bakoze.

Saba abanyeshuri kwitegereza interuro ziri mu bitabo byabo bavuge niba amagambo "avuga" na "intege" nta kindi ashobora gusobanura mu gihe yakoreshejwe ahandi hantu.

Urugero rw'ibisubizo:
Aya magambo atsindagiye ashobora gusobanura ibindi bintu mu gihe yakoreshejwe mu zindi nteruro.

1. **Kuvuga** umutsima. - **Kuvuga** amagambo.
2. **Intege** bisobanura imbaraga. – **Intege** bisobanura urugingo rw'umubiri.

- Ijambo "**kuvuga**" mu nteruro ya mbere n'iya kabiri asomwa kimwe ariko agasobanura ibintu bitandukanye.
- Ijambo "**intege**" mu nteruro ya mbere n'iya kabiri asomwa kimwe ariko agasobanura ibintu bitandukanye.

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri basome inshoza y'imvugwakimwe nk'uko yanditswe mu bitabo byabo. Ubafashe kuyisobanukirwa.Yobora abanyeshuri mu gusoma izindi ngero z'imvugwakimwe ziri mu bitabo byabo ari nako ubafasha gusobanukirwa impamvu ari imvugwakimwe.

III. Imyitozo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cyabo ku mvugwakimwe ugende ukurikirana uko bawukora ufashe abafite ibibazo byihariye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Gusubiza ni byo cyangwa si byo.
   a) Kalisa yabaye imbata y'ibiyobyabwenge (imbata ni itungo). Si byo
   b) Akunda kurya umwijima (umwijima ni inyama). Ni byo
   c) Mfite imyaka makumyabiri (imyaka ni iy'umuntu amaze). Ni byo
2. Himba interuro ebyiri zinyuranyije inyito ukoresheje amagambo akurikira: Igihumbi, intara.

Igihumbi

- Data yampaye amafaranga igihumbi.

-Yaguye none arababara mu gihumbi.

Intara

- Kanyana aragosoza intara nshya.

- Mukawera atuye mu Ntara y'Amajyepfo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka andi magambo nibura 3 y'imvugwakimwe bandike n'icyo asobanura.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 7: Akamaro ko gusoma

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura akamaro ko gusoma ibitabo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye ubafashe kunoza ibisubizo.
- Kosora umukoro ubaza abanyeshuri ibyo bibuka basomye mu bitabo bajya batahana.
- Saba abanyeshuri gusoma igika gikurikira maze basubize ibibazo byabajijweho.

"Kamari akunda gusoma ibitabo bitandukanye. Ibyo bituma agira ubumenyi bwinshi maze ibyo bize mu ishuri bikamworohera ndetse agatsinda neza amasomo."

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

Kamari akunda iki? Kamari akunda gusoma ibitabo bitandukanye.

Gusoma ibitabo bitandukanye bimarira iki kamari? Bituma agira ubumenyi bwinshi, ibyo bize mu ishuri biramworohera, atsinda neza amasomo yiga, bwira abanyeshuri ko mugiye kwiga akamaro ko gusoma ibitabo

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe gushaka inshoza yo gusoma n'akamaro ko gusoma. Gendagenda mu matsinda ureba uko bakora, ufasha abafite ibibazo byihariye.

Nyuma y'igihe wabahaye, saba amatsinda amwe kumurikira abandi ibyo yakoze. Fatanya n'abanyeshuri kunoza inshoza yo gusoma n'akamaro ko gusoma bavuze maze ubyandike ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'ibyo bakwandika byanogejwe:

Inshoza yo gusoma
Gusoma ni ugutahura amagambo yanditse ugasobanukirwa ubutumwa buyarimo. Umuntu uzi gusoma aba ashobora gutahura amagambo yanditse, kumva no gusobanukirwa ubutumwa bukubiye muri ayo magambo.

Akamaro ko gusoma
Gusoma bituma wunguka ubumenyi butandukanye maze bikagufasha gutsinda amasomo ndetse no mu buzima busanzwe. Abanyeshuri badakunda gusoma ntibagera ku rwego rw'imitsindire nk'urw'abanyeshuri bakunda gusoma. Ni yo mpamvu kugira ubushobozi bwo gusoma ari ingenzi mu buzima.

Umwitozo
Ha abanyeshuri ibitabo basomere mu ishuri.

Umukoro
Nyuma yo kwigisha abanyeshuri akamaro ko gusoma, bahe ibitabo byo gusoma batahana kugira ngo bazabisomere mu rugo.

Icyumweru cya 2

Umwandiko "Ndabaga"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wo gusomera ibitabo mu rugo ubabaze ibyo basomye.

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Ndabaga". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni nde uvugwa mu mwandiko? Ni Ndabaga.

2. Se wa Ndabaga yitwaga nde? Nyamutezi.

3. Uwo mubyeyi yari yaragiye hehe? Ku rugerero.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Ikinege:** Umwana wavutse ari wenyine mu muryango.
- **Urugerero:** Ingando cyangwa itorero abasore n'abagabo bajyagamo ibwami.

cyangwa mu rugo rw'umutware, bakahitoreza kurengera Igihugu kandi bagakorera.

umutware imirimo itandukanye.

- **Gucungurura:** Kurengera, gutabara.
- **Iteka:** Itegeko ritangwa n'umwami.
- **Guca akenge :** Kujijuka, kumenya gutandukanya ikibi n'ikiza.
- **Gupfundura amabere:** Gutangira kumera amabere.
- **Umugenga w'urugerero:** Umuyobozi w'itorero.
- **Gushiririza :** Gutwika ikintu kugeza aho gishya kigakongoka kigashira.
- **Kujijinganya :** Gushidikanya, gutanga amakuru utizeye neza ko ariyo.
- **Gukundwakaza:** Gutetesha umuntu ukamurutisha abandi.

III. Imyitozo

1. Umwitozo wo guhuza amagamo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1. Ikinege	a. Ikemezo gikomeye cyafatwaga n'umwami kigakurikizwa n'abantu bose.
2. Urugerero	b. Umwana wavutse ari wenyine, nta muvandimwe afite.
3. Gucungura	c. Gusaba ibintu cyane kugira ngo umenye cyangwa ugere ku cyo ushaka.
4. Guhata	d. Aho abasore bajyaga gukora imyitozo y'urugamba no kurinda ubusugire bw'igihugu.
5. Iteka	e. Gufasha umuntu kuva ahantu habi cyangwa kumusimbura.

Ibisubizo:

1	2	3	4	5
b	d	e	c	a

2. Gukoresha amagambo mu nteruro

Urugero rw'ibisubizo:

a. **Gushiririza**: Uwatetse ibi biryo yabishiririje.

b. **Kujijinganya:** Gatera ari kujijinganya ku bisubizo.

c. **Gukundwakazwa:** Gukundwakaza bamwe mu bana wabyaye si byiza.

d. **Guca akenge:** Umwana umaze guca akenge yijyana ku ishuri.

e. **Gupfundura amabere:** Umukobwa ugeze mu bwangavu apfundura amabere.

f. **Ikinege:** Ikinege si ikinegu.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Ndabaga*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "**Ndabaga**".

Ni nde wibuka uvugwa muri uwo mwandiko? Mu bavugwa mu mwandiko harimo Ndabaga, Nyamuteza n'umwami.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni iki cyatumye Ndabaga afata ikemezo cyo kwiga imirimo ya gihungu?** Ndabaga yafashe ikemezo cyo kwiga imirimo ya gihungu kugira ngo azabashe gukura se ku rugerero kuko nta wundi mwana w'umuhungu wari uhari ngo amusimbure.
2. **Ni ubuhe buryo Ndabaga yakoresheje kugira ngo abantu batamenya ko ari umukobwa?**
   Ndabaga yagiye kwimenesha no gushiririza amabere mu bacuzi kugira ngo atazapfundura bikamenyekana ko ari umukobwa.
3. **Ni iki cyagaragaje ubutwari bwa Ndabaga ubwo yageraga ku rugerero?** Ndabaga yagaragaje ubutwari bwe asimbuka, yiruka, arasa umuheto, atera icumu agahamya intego, maze agaragaza ko asobanukiwe imirimo yose ya gihungu nk'abandi bahungu.
4. **Ni iki cyabaye nyuma y'uko umwami amenye ko Ndabaga ari umukobwa?** Umwami amaze kumenya ukuri, yatumije se wa Ndabaga ngo asobanure, hanyuma aramubabarira, amuha inka nyinshi, ndetse ajyana Ndabaga ibwami aho yamurerereye akamurongora amaze kuba inkumi.
5. **Ni irihe teka umwami yaciye nyuma yo kumenya iby'inkuru ya Ndabaga?** Umwami yaciye iteka ko ibinege bitagira gikura bizajya byemererwa gusezererwa bigataha nta yandi mananiza.
6. **Rondora ibikoresho gakondo byakoreshwaga ku rugamba bivugwa mu mwandiko.** Ibikoresho gakondo bivugwa mu mwandiko ni: Umuheto n'icumu.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

1. **Mu mwandiko bavuga ko Ndabaga yitozaga imirimo ya gihungu. Ni ibiki wanenga iyi mvugo muri iki gihe?** Muri iki gihe twimakaza uburinganire n'ubwuzuzanye nta mirimo ihari igenewe abahungu gusa cyangwa igenewe abakobwa gusa.
2. **Ni ibihe bikorwa ushobora gukora bikakugira intwari?** Kwiga neza ugatsindira ku manota ya mbere, gutabara umuntu uri mu kaga abandi bose batinye, kujya ku rugamba urwanira igihugu, gukora ibikorwa by'indashyikirwa bifitiye abantu benshi akamaro.
3. **Iyo Ndabaga aza kugira umuhungu bavukana, ubwo barikuba bapfana iki?** Yari kuba ari musaza we.
4. **Ni izihe ndangagaciro Ndabaga yagaragaje?** Ndabaga yagaragaje indangagaciro z'ubutwari, kuvugisha ukuri, ...
5. **Iyo uza kuba Ndabaga wari kwitwara ute ku byamubayeho byose?** Aha buri munyeshuri aratanga igisubizo ke.
6. **Ubutwari bwa Ndabaga bwerekana iki ku bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye?**

   Ubutwari bwa Ndabaga bwerekana ko nta mirimo yagenewe abahungu cyangwa abakobwa ahubwo ko abana bose bashoboye. Bushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika ingingo z'ingenzi z'umwandiko "Ndabaga."

Ikiganiro mpaka

Isomo rya 4: Gutahura inshoza y'ikiganiro mpaka

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ibiranga ikiganiro mpaka - Gutegura, kuyobora no gukora ikiganiro mpaka.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye ubafashe kunoza ibisubizo byabo.
- Saba abanyeshuri gusoma ikiganiro hagati ya Kamariza na Kamanzi ku nsanganyamatsiko igira iti: "Abakobwa bagomba kugira imirimo yabo n'abahungu bakagira iyabo". Baza abanyeshuri ubwoko bw'uyu mwandiko n'impamvu z'ubwo bwoko.

Urugero rw'ibisubizo

Uyu mwandiko ni bwoko ki? **Uyu mwandiko ni ikiganiro kubera ko hari abantu babiri bari gutanga ibitekerezo ku kintu kimwe buri wese ari kuvuga uko abyumva.**

II. Uko isomo ritangwa

Bwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikiganiro mpaka. Ubabaze ikibazo bikurikira: "Murumva ari iyihe mpamvu habaho ikiganiro mpaka?" Akira ibisubizo bitandukanye ugende ubinoza. Saba abanyeshuri gusoma inshoza y'ikiganiro mpaka n' ibyitabwaho mu kiganiro mpaka mu bitabo byabo ubafashe kubyunmva hanyuma babyandike mu makayi yabo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gutekereza ku nsanganyamatsiko abantu baganiraho mu kiganiro mpaka ishobora kugira abayishyigikira n'abatayishyigikira.

Ingero z'insanganyamatsiko:

- Amafaranga ntatanga umunezero;
- Kwambara neza ni ukwambara ukikwiza;
- Kwiga indimi ni byiza kuruta kwiga ibindi.

Isomo rya 5: Ubumenyi ngiro "Gukora ikiganiro mpaka"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe; - Kuvuga neza Ikinyarwanda kandi akoresha amagambo yabugenewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye, ubafashe kunoza ibisubizo byabo.
- Baza abanyeshuri ibibazo bitandukanye ku isomo riherutse.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni irihe somo duherutse kwiga?** Ikiganiro mpaka.
2. **Mu kiganiro mpaka habonekamo amatsinda angahe? Ayo matsinda akora iki?** Mu kiganiro mpaka habonekamo amatsinda 2 itsinda rishyigikiye insanganyamatsiko n'itsinda riyivuguruza.
3. **Ikiganiro mpaka kiyoborwa na nde? Uwo ukiyobora akora iki?** Ikiganiro mpaka kigomba kugira umuyobozi ugenda uha ijambo abatanga ibitekerezo.

II. Uko isomo ritangwa

Bwira abanyeshuri ko bagiye kwitoza gukora ikiganiro mpaka. Andika ku kibaho insanganyamatsiko y'umunsi; ari yo: "Kwambara ukikwiza ni byo bigaragaza Umunyarwanda ufite umuco." Saba abanyeshuri batanubatanu barajya muri buri tsinda mu matsinda yombi. Asaba kuyajyamo ku bushake. Toranya ugomba kuba umuyobozi w'ikiganiro. Fatanya n'abanyeshuri gutegura aho buri tsinda ryicara, uyoboye ikiganiro n'indorerezi ari bo banyeshuri bandi basigaye. Mbere y'uko ikiganiro mpaka gitangira ibukiranya abanyeshuri ibyitabwaho mu kiganiro mpaka. Saba abanyeshuri gutangira ikiganiro mpaka, ukurikirane n'uburyo bagenda batanga ibitekerezo kandi bahana ijambo. Iyo bashoje ikiganiro mpaka ongera ugaruke ku ntego zacyo harimo: Gutanga ibitekerezo, kubaha ibitekerezo bya mugenzi wawe no kuvuga neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

III. Umwanzuro

Ha abanyeshuri inama ushingiye ku buryo wabonye bakoze ikiganiro mpaka.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwegeranya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko igira iti: "Abahungu ni bo bagomba gukora imirimo isaba imbaraga kuko ari bo bagira imbaraga nyinshi kurusha abakobwa."

Ibikorwa byo gusoma

Isomo : Kumenyereza abanyeshuri isomero

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutoranya igitabo yifuza gutira.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

- Kosora umukoro ubaza abanyeshuri kwegeranya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko wabahaye ubafashe kunoza ibisubizo byabo.

II. Uko isomo ryigishwa

- Jyana abanyeshuri mu isomero ry'ikigo k'ishuri cyangwa mu isomero ry'icyumba k'ishuri.
- Fatanya n'ushinzwe isomero kwereka abanyeshuri uko bakoresha isomero n'uko bahitamo ibitabo byo gusoma. Ereka abanyeshuri ahari ibitabo by'inkuru byo gusoma, ibitabo bishobora kubafasha gukora imikoro yo mu ishuri, ibishobora kubafasha gukora ubushakashatsi n'ibindi.
- Ha abanyeshuri umwanya wo gutoranya ibitabo, babitire kandi babitahane imuhira.

Icyumweru cya 3

Umwandiko "Amasaha ya kinyarwanda"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asanzwe azi ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Amasaha ya kinyarwanda". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. **Amasaha ya kizungu yasimbuye iki?** Amasaha ya Kinyarwanda
2. **Amasaha ya kinyarwanda yashoboraga gutandukana mu gihugu bitewe n'iki?** Byaterwaga n'igihe izuba ryarasiye cyangwa ryarengeye mu gace runaka.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba

abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Gihamye:** Gikomeye, kitanyeganyega, kidahinduka.
- **Gupima igihe:** Kubara igihe.
- **Umuco**: Imigenzo n'imyitwarire y'abantu bo mu muryango runaka.
- **Kiberinka:** Ni izuba ry'ikirengarenga ritavana imbaraga nyinshi. Ryitwa kandi igishukabaja.
- **Abakurambere:** Abantu batubanjirije kubaho.
- **Ku gasusuruko:** Igihe cyo mu ma saa mbiri za mu gitondo izuba rimaze kurasa ariko ritarakara cyane.

III. Imyitozo

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Gushaka amagambo mu mwandiko ahuye n'ibisobanuro byatanzwe

a. Gihoraho cyangwa kidahinduka. **Gihamye**

b. Kumenya amasaha y'umunsi uko akurikirana. **Gupima igihe**

c. Imigenzo n'imyitwarire y'abantu bo mu muryango runaka. **Umuco**

d. Igihe cy'umugoroba izuba rigiye kurenga. **Kiberinka**

e. Abantu ba kera cyane batubanjirije mu mateka. **Abakurambere**

2. Gukoresha amagambo mu nteruro

a. Gihamye: Yatanze igisubizo **gihamye** mu kizami.

b. Gupima igihe: Yashoboraga **gupima igihe** adakoresheje isaha.

c. Umuco: Umuco nyarwanda ni mwiza cyane.

d. Kiberinka: Yadusuye ku kazuba ka **kiberinka**.

e. Abakurambere: Abakurambere bacu bakundaga u Rwanda.

f. Ku gasusuruko: Izuba ryo **ku gasusuruko** rigira vitamini C

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Amasaha ya kinyarwanda*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Amasaha ya kinywarwanda".

Ni iki wibuka kivugwa muri uwo mwandiko? Amasaha ya Kinyarwanda yakoreshwaga kera atandukanye n'amasaha asanzwe ya kizungu.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo

1. **Kera Abanyarwanda bashingiraga kuki kugirango bapime igihe?** Bifashishaga izuba n'ibikorwa by'ubuzima bwa buri munsi.
2. **Amasaha ya kinyarwanda yatangiraga ryari?** Yatangiraga igihe izuba rirashe, ahagana saa kumi n'ebyiri za mu gitondo.
3. **Ni iki cyatumaga amasaha ya kinyarwanda atandukana mu duce dutandukanye?** Byaterwaga n'aho izuba rirasira n'ibikorwa biri kubera aho batuye.
4. **Kuki amasaha ya kinyarwanda ari ingenzi mu muco w'Abanyarwanda?** Kuko atwereka uko abakurambere babayeho kandi akerekana umuco wabo.
5. **Vuga ibihe nibura bitatu byarangaga amasaha ya kinyarwanda ?** Igihe cy'agasusuruko, izuba rirashe, izuba rirenze, ...

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Mu kubara amasaha, Abanyarwanda bayahuzaga n'iki?** Amasaha ya kinyarwanda, Abanyarwanda bayahuzaga n'imirimo bakoraga(imirimo y'ubuhinzi n'imirimo y'ubworozi cyangwa bakayahuza n'izuba)

2. **Ni ibihe bikorwa ukora buri munsi ku ishuri bigusaba kubahiriza igihe?** Gutangira ishuri, kubyuka, kujya gukina….(aha umunyeshuri azatanga ibindi bisubizo bye)
3. **Ubigenza ute kugira ngo wubahirize igihe?** Kureba ku isaha, kumenya ibikorwa ushaka gukora n'igihe cyo kubikora,…….(aha umunyeshuri azatanga ibindi bisubizo bye)
4. **Umenya ute igihe ugomba kubyukira kugira ngo uge ku ishuri?** Ababyeyi barambyutsa, ndeba ku isaha iri mu cyumba, numva inyoni ziririmba,…(Aha umunyeshuri azatanga ibindi bisubizo bye)
5. **Ubona hakorwa iki kugira ngo amasaha ya kinyarwanda asigasirwe?** *Abanyeshuri batanga ibisubizo bitandukanye.*

Urugero rwa bimwe mu bisubizo byatangwa:

- Yajya akoreshwa mu mvugo no mu nyandiko
- Yatozwa abakiri bato

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka ingingo z'ingenzi z'umwandiko "Amasaha ya kinyarwanda".

Isomo rya 4: Guhina umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhina umwandiko bagendeye ku ngingo z'ingenzi ziwugize.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, nizindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri kuvuga umutwe w' umwandiko batahanyeho umukoro, batange n'ingingo z' ingenzi zikubiye muri uwo mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri guhina umwandiko mu mirongo itarenze 15. Gengendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bahina umwandiko, ufasha abafite ibibazo byihariye. Toranya bamwe mu banyeshuri ubasabe gusomera bagenzi babo inshamake bakoze.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakabaza ababyeyi babo amasaha ya kinyarwanda kandi bakababwira amasaha y'ubu ahura na yo.

Isomo rya 5: Amasaha ya kera n'amasaha y'ubu

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhuza imvugo yakoreshwaga kera mu kubara amasaha n'amasaha akoreshwa ubu.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Reba ko abanyeshuri bakoze umukoro hanyuma usabe bamwe kubwira bagenzi babo amasaha ya kinyarwanda n'ayo ahura na yo mu masaha y'ubu.

Ingero:

Amasaha ya kera	**Amasaha y'ubu**
Mu bunyoni	Saa kumi n'imwe za mu gitondo
Amashoka y'inka	Saa saba z'amanywa
Inyana zisubira iswa	Saa kenda z'amanywa

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri babiribabiri bicaranye bongere basome umwandiko "Amasaha ya kinyarwanda" maze bagaragaze imvugo zakoreshwaga kera mu kubara amasaha, bazigereranye n'amasaha akoreshwa ubu. Nyuma y'igihe wabahaye, basabe basomere hamwe amasaha ya kera n'amasaha y'ubu ari mu bitabo byabo. Saba bamwe mu banyeshuri basomere bagenzi babo, basimburana amasaha ya kera n'amasaha y'ubu.

III. Umwitozo

-Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo wo kwandika ibyo

bakora kuva mu gitondo babyutse kugeza nijoro bagiye kuryama, igihe batagiye ku ishuri kandi bagende bagaragaza amasaha bakoreraho buri gikorwa.

2. Basabe guhuza ayo masaha bakoreraho ibikorwa n'amasaha ya kinyarwanda.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhuza amasaha ya kinyarwanda n'ay'ubu yabarwaga ashingiye ku nka gusa.

Isomo rya 6: Gushushanya amasaha

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: – Gushushanya isaha no kugaragaza igihe iri kubara; – Gushushanya isaha no kuyihuza n'ibikorwa bye by'umunsi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Reba ko abanyeshuri bakoze umukoro hanyuma usabe bamwe kubwira bagenzi babo amasaha y'ubu ahura n'amasaha ya kinyarwanda yabarwaga ashingiye ku nka.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri gukora ibikorwa biri mu bitabo byabo. Igikorwa cyo gushushanya amasaha y'ubu bakaragaza igihe cyanditse gitsindagiye n'icyo gushushanya isaha bagenda bayihuza n'ibikorwa bitandukanye bakora ku ishuri nk'uko biri mu bitabo byabo.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri babikora ufasha abafite ibibazo byihariye.

Nyuma y'igihe wabahaye, fatanya n'abanyeshuri gukosora, ugenda usaba umunyeshuri umwumwe kujya ku kibaho gushushanya isaha no kugaragaza igihe cyasabwe cyangwa igikorwa cyasabwe.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo wo kwandika mu magambo igihe amasaha bashushanyije ari kubara kuri buri gikorwa.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya isaha babyukiraho mu gitondo.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 7: Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

- Kosora umukoro ubaza abanyeshuri gushushanya isaha babyukiraho mu gitondo

II. Uko isomo ryigishwa

- Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma.
- Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo.
- Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.
- Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru.
- Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura uko inkuru ikomeza.
- Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.
- Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 4

Umwandiko "Umwaka wa kinyarwanda"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Umwaka wa Kinyarwanda". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ukwezi kwa mbere mu Kinyarwanda kwitwaga ngo iki? Nzeri

2. Ubu amezi ya Kinyarwanda atangirira ku kuhe kwezi? Mutarama

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo

- **Imfura**: Umwana wa mbere cyangwa ikintu kibanziriza ibindi.
- **Umusingi**: intangiriro ikomeye y'ikintu.
- **Guhinga:** Gutera imyaka
- **Ubushishozi**:Ukwigengesera, ugukora ibintu witonze nta makosa.
- **Ishingiro**: Ikintu gifite akamaro cyane
- **Kuzimira:** Gucika/kuvaho burundu.

III. Umwitozo

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira mu buryo bukwiriye: Ubushishozi, kuzazimira, inyongera, ishingiro, guhinga, imfura.

a) Nzeri ni **imfura** y'amezi ya kinyarwanda.
b) Abahinzi batangiraga **guhinga** imyaka muri uku kwezi.
c) Tumba Nyakime ni ukwezi kw'**inyongera** kwiyongeraga ku yandi.
d) Amezi ya kinyarwanda yerekanaga ubwenge n' **ubushishozi** by'abakurambere.
e) Kumenya ayo mezi bidufasha kwirinda ko umuco wacu **uzazimira.**
f) Amezi ya kinyarwanda ni **ishingiro** ry'amateka n'ubumenyi bw'Abanyarwanda.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Amasaha ya kinyarwanda*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Umwaka wa kinyarwanda".

Ni iki wibuka kivugwa muri uwo mwandiko? Uko amezi cumi n'atatu ya kinyarwanda yakurikiranaga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni ukuhe kwezi kuzwi nk'imfura y'amezi mu Kinyarwanda? Ni Nzeri.

2. Ni gute Abanyarwanda bo hambere bamenyaga uko amezi akurikirana?
Babimenyeshwaga n'ukwezi n'imihindagurikire y'ikirere.

3. Umwaka wa Kinyarwanda wagiraga amezi angahe? Yavuge.
Wagiraga amezi cumi n'atatu (13).

Nzeri, Ukwakira, Ugushyingo, Ukuboza, Mutarama, Gashyantare, Werurwe, Mata, Gicurasi, Kamena, Nyakanga, Kanama na Tumba Nyakime.

4. Ni izihe mpamvu abakurambere bifashishaga ukwezi mu gutegura igihe k'ihinga?
Kubera ko ukwezi kwagaragazaga ibihe by'imvura n'izuba.

5. Kuki ari ngombwa kwigisha abana bato amezi ya Kinyarwanda?
Kugira ngo umuco w'Abanyarwanda ushingiye ku mezi ya kinyarwanda utazibagirana.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

***a*) Gusoma umwandiko**

Saba abanyeshuri gusimbura basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iki twakwigira ku bakurambere bamenyaga igihe hakurikijwe ukwezi n'ikirere?** Twamenya uko twitondera ibimenyetso byo mu bidukikije bishobora kudufasha gufata ibyemezo byiza.
2. **Ni iki cyari kuba iyo abakurambere batamenya gukurikiranya amezi?** Ntibyari bworohe kumenya ibihe by'ihinga; igihe k'imvura cyangwa k'izuba, bigatuma bahinga nabi.

3. **Wakora iki kugira ngo umenye igihe kiza cyo gutera imyaka mu gihe cya none?** Nakurikira amakuru y'iteganyagihe, nkareba n'uko ubutaka bwifashe ndetse n'ikirere.
4. **Utekereza ko abantu b'ubu bashishoza nk'uko abakurambere babigenzaga mu gukurikirana ibihe? Sobanura.** Oya, bamwe ntibabikora kuko bishingira cyane ku bikoresho by'ikoranabuhanga ariko ni byiza kubihuza n'ubumenyi bw'ikirere nk'uko byakorwaga na kera.
5. **Gereranya amezi ya kera n'amezi y'ubu.** Amezi yakera yose yanganyaga iminsi, yari cumi n'atatu mu gihe ay'ubu ntanganya iminsi kandi ni cumi n'abiri.
6. **Shushanya indangaminsi, ugaragazemo amezi y'ubu n'iminsi agira.** *Reba niba bashushanyije neza indangaminsi n'iminsi igira.*

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Amezi ya Kinyarwanda."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Kungurana ibitekerezo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku ngingo yatanzwe. - Kuvugira mu ruhame ashize amanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri kuvuga incamake y'umwandiko batahanyeho umukoro batange n'ingingo z' ingenzi zikubiye muri uwo mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku bikorwa bikorwa hashingiwe ku mezi runaka.

Genda ukosora abanyeshuri ibyo bavuga maze mufatanyirize hamwe gufata kuvuga ibikorwa bikorwa hashingiwe ku mezi runaka.

Urugero rw'ibikorwa bavuga:

- Mu Kuboza habaho ibiruhuko by'amashuri n'umunsi mukuru wa Noheri wizihizwa cyane n'abakirisitu bajya gusenga;
- Muri Mutarama hizihizwa umunsi mukuru w'umwaka mushya;
- Muri Mata habaho icyunamo cyo kwibuka Jenoside Yakorewe Abatutsi;- (...)

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakabaza ababyeyi ibikorwa bijyanye n'ubuhinzi byose bikorwa ndetse n'amezi bikorwamo.

Ikeshamvugo

Isomo rya 5: Ikeshamvugo ku nka, amata n'igisabo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gukoresha amagambo yabugenewe ku nka, amata n'igisabo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro bavuge ibyo baganiriye n'ababyeyi ubafashe gufata umwanzuro.

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho ikiganiro Kayitesi yagiranye na se maze ubasabe batahure amagambo yabugenewe ku nka, amata n'igisabo ari muri icyo kiganiro batange n'inshoza y'ikeshamvugo ku mata, ku gisabo no ku nka.

Kayitesi akunda kwitegereza uko se akama inka kandi bakaganira. Icyo gihe kayitesi aba yagaza umutavu kugira ngo udakubagana.

Kayitesi: Data! Iyi nyana nikura nzajya nyiragira.

Se: Ntibavuga inyana ahubwo bavuga umutavu.

Hagati aho inyana irakubagana ishaka kujya aho se ari gukamira.

Se: Komeza wagaze uwo mutavu udatuma mbogora aya mata.

Kayitesi: Kubogora amata ni ukugira gute?

Se: Ni ukuyamena utabishaka.

Kayitesi: None se umuntu ashobora no kuyamena abishaka?

Se: Yego. Bibaho, mu gihe amata agucitse. Icyo gihe ntibavuga kumena amata bavuga kuyabikira.

Kayitesi na se bakomeza kuganira kugeza se ahumuje inka.

Noza ibisubizo byatanzwe n'abanyeshuri.

Ibisubizo

Umutavu : Inyana ikivuka.

Mbogora amata: kumena amata utabishaka.

Kubikira amata: Kumena amata ubishaka.

Ahumuje: arangije gukama.

II. Uko isomo ritangwa

Bwira abanyeshuri ko bagiye kwiga amagambo yabugenewe akoreshwa ku nka, amata n'igisabo. Ha abanyeshuri iminota icumi yo gusoma mu bitabo byabo ayo magambo yabugenewe. Saba abanyeshuri gukora umukino wa "Ntibavuga/Bavuga". Abanyeshuri bamwe basoma ijambo riri munsi y'umukono wa "Ntibavuga" hanyuma abanyeshuri bandi bahite basubiza bati: "Bavuga…". Yobora abanyeshuri muri uyu mukino kugira ngo ukorwe neza.

III. Umwitozo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo bawukore hanyuma mufatanye kuwukosora.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Simbuza amagambo atsindagiye, amagambo yabugenewe, wubahahirize isanish arikwiye.

(Igika gikosoye neza)

Bwira ba **bashumba** baragira inka uti: "Nimubyuke dore bwakeye **mwinikize** kandi mukame **kera**, hanyuma amata **muyabuganize** mu bisabo maze **mwahure inka**.

Igihe cyo **kuzishora** nikigera, muzijyane kuri cya **kibumbiro twazidahiyemo** amazi ejo.

2. Huza imvugo yabugenewe n'igisobanuro cyayo

Imvugo yabugenewe	**Igisobanuro**
1. Kuribora	a) Umuheha banywesha amata
2.Indorerezi	b) Agati bavurugisha amata
3. Inkuyo	c) Aho hafukuye inka zinywera
4. Umuceri	d) Utubere tw'inka tudakamwa
5. Icyarire	e) Ibyatsi bahanaguza inka
6. Ikibumbiro	f) Isaso y'inka
7. Umutozo	g) Kumeneka kw'igisabo

Ibisubizo

1	2	3	4	5	6	7
g	d	e	a	e	c	b

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

Kosora umukoro ubaza abanyeshuri ibyo basomye mu bitabo batahanye kandi ubibutse kubitirura igihe babahaye kigeze.

II. Uko isomo ryigishwa

- Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma.
- Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo.
- Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.
- Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru.
- Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.

– Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.
Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro
Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 5

Umwandiko "Ibihe bya Kinyarwanda"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro
Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Ibihe bya Kinyarwanda". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Uyu mwandiko witwa ngo iki? Ibihe bya Kinyarwanda.

2. Ni iki umwandiko ugarukaho? Uko ibihe bikuru bigize umwaka byari biteye.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Kurenga:** Izuba rigeze ku mugoroba rikajya inyuma y'imisozi; bivuze ko bwije
- **Impeshyi:** Igihe kirekire k'izuba ryinshi, gitangira muri Kamena kikageza muri Nzeri
- **Urugaryi:** Igihe gito k'izuba, gitangira muri Mutarama kikageza muri Gashyantare.
- **Itumba:** Igihe kirekire k'imvura, gitangira muri Werurwe kikageza muri Gicurasi.
  Umuhindo: Igihe kigufi k'imvura gihera muri Nzeri kikarangira mu Kuboza
- **Ruzagayura:** Ni ubwoko bw'inzara yayogoje u Rwanda mu gihe cyo hambere.

III. Imyitozo

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Ijambo	Igisobanuro
1. Kurenga	a. Igihe kirekire k'izuba ryinshi, gitangira muri Kamena kikageza muri Nzeri
2. Impeshyi	b. Igihe kirekire k'imvura, gitangira muri Werurwe kikageza muri Gicurasi
3. Urugaryi	c. Izuba rigeze ku mugoroba rikajya inyuma y'imisozi; bivuze ko bwije.
4. Itumba	d. Igihe cyo gutera no gusarura imyaka, kuva muri Nzeri kugeza mu Kuboza
5. Umuhindo	e. Igihe gito k'izuba, gitangira muri Mutarama kikageza muri Gashyantare
6. Ingoma	f. Igihe umwami runaka yayoboraga igihugu; bifashishwaga mu kubara imyaka.

Ibisubizo:

1	2	3	4	5	6
c	a	e	b	d	f

2. Gukoresha amagambo mu nteruro

- **Impeshyi**: Ibiruhuko byo mu **Mpeshyi** ni birebire.
- **Urugaryi**: Mu **Rugaryi** hagwa imvura iringaniye.

- **Itumba**: Muri iri **Tumba** nzagura igikote k'imbeho.
- **Umuhindo**: Nzabasura mu **Muhindo** mwejeje imyaka.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Ibihe bya kinyarwanda*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma?** Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Ibihe bya Kinyarwanda".
2. **Ni iki mwibuka kivugwa muri uwo mwandiko?** Ibihe bikuru by'umwaka.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Subiza ibibazo bikurikira :

1. **Abanyarwanda ba kera bamenyaga ibihe by'umunsi bashingiye kuki?** Bashingiraga ku zuba niba rirarashe, rigeze hagati cyangwa rirenze.
2. **Igihe kirekire k'izuba ryinshi kitwaga gite, kandi gitangira ryari?** Kitwaga Impeshyi, gitangira muri Kamena.
3. **Vuga kandi utandukanye ibihe by'imvura bibiri byavuzwe mu mwandiko.** Itumba n'Umuhindo. Itumba ni igihe kirekire k'imvura, gitangira muri Werurwe kikageza muri Gicurasi. Umuhindo ni igihe cyo gutera no gusarura imyaka, kuva muri Nzeri kugeza mu Kuboza.
4. **Usibye ikirere, vuga ibindi Abanyarwanda bashingiragaho kugira ngo bamenye ibihe?**

Bashingiraga ku bintu byabaye nko kurumbuka kw'imyaka, inzara, indwara cyangwa ingoma y'umwami.

5. **Umuntu akubwiye ko ikintu cyabaye ku ngoma ya Gahindiro, yaba ashatse kuvuga iki?** Bivuze ko cyabaye kera cyane.

III. Umwitozo

– Baza ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bumvise umwandiko.

Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo:

Uzuza mu nteruro zikurikira ibihe bya kinyarwanda bikurikira: ku kwezi, mu museke, mu gicuku, ijoro ryose, mu nkoko za mbere, nijoro.

1. Yabategetse kujya bizindura **mu nkoko za mbere** bakaza kumufasha guhanura.
2. Yakundaga guhanura **nijoro** akangutse.
3. Mwene se yakundaga guhanura **mu gicuku** rubanda bicuye.
4. Yaraye agenda **ijoro ryose** bucya angezeho.
5. Kuko hari **ku kwezi** yabyutse bwangu akeka ko ari **mu museke**.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Umwaka w'amashuri utangira mu kihe gihe cy'umwaka?** Umwaka w'amashuri utangira mu muhindo
2. **Gusobanukirwa n'ibihe by'umwaka bimarira iki abahinzi?** Bituma bamenya igihe bahingira, igihe batera imyaka ndetse n'ibyo bahinga bitewe n'igihe. Bibafasha kandi gufata ingamba kuko nk'imyaka ihingwa mu mpeshyi iba igomba kuvomererwa.
3. **Uratekereza ko ari iyihe mpamvu mu bihe by'impeshyi hateganyijwe ibiruhuko by'amashuri?** Ni uko haba hari izuba ryinshi rigora abanyeshuri kuryigaho.
4. **Kugira ibihe bine by'umwaka bituma ba mukerarugendo bishimira gusura u Rwanda. Uratekereza ko ari ukubera iyi mpamvu?** Basanga mu Rwanda hari ibihe by'izuba n'imvura bisimburana kandi bitari ku rwego rwo hejuru ku buryo byagira ingaruka ku buzima bw'umuntu.
5. **Sobanura ibikorwa byakorwaga muri buri gihe cy'umwaka wa kinyarwanda.** Mu bihe by'imvura babiba/batera imyaka mu bihe by'izuba bakayisarura.(aha batanga ibisubizo binyuranye)

6. **Gereranya ibihe by'umwaka w'amashuri n'ibihe by'umwaka wa kinyarwanda.** Ibihe by'umwaka wa Kinyarwanda ni bine naho iby'amashuri ni ibihembwe bitatu. Byose bitangira muri Nzeri.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhanga umwandiko cyangwa inkuru ku nsanganyamatsiko bihitiyemo, bakoreshemo ibihe bya kinyarwanda n'amezi ya kinyarwanda.

Ikeshamvugo

Isomo rya 4: Indamukanyo za kinyarwanda

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gukoresha indamukanyo zinoze zijyanye n'umuco nyarwanda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro, ubafashe kunoza ibisubizo byabo.
- Saba abanyeshuri gusoma igika fatizo kiri mu bitabo byabo batahuremo amagambo ajyanye n'indamukanyo.

Amagambo ajyanye n'indamukanyo ari mu gika fatizo:

- Amashyo, amashongore, gira abana, hungu na kobwa, gira inka, amashyo n'amagana, muraho ni amahoro, turaho ni amahoro, yezu akuzwe, iteka ryose.

II. Uko isomo ritangwa

Baza abanyeshuri indamukanyo icyo ari cyo, basabe kurambura ibitabo byabo ahari imbonerahamwe irimo indamukanyo. Saba babiribabiri kuzisoma bagerageza no kuzifata mu mutwe. Ha abanyeshuri umwitozo wo kuvuga indamukanyo n'ibisubizo byazo. Bikorwa bite? Abanyeshuri bari mu gihande kimwe bavuga indamukanyo abo mu kindi gihande bakayikiriza.

III. Imyitozo

Ha abanyeshuri umwitozo wo guhimba ikiganiro hagati y'abantu babiri cyangwa batatu, bakoreshemo indamukanyo maze ubasabe ku gikina na bagenzi babo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhimba ikiganiro hagati y'abantu babiri kirimo indamukanyo zitandukanye bize.

Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko mu gusigasira umuco n'indangagaciro nyarwanda
- Ubushobozi bwo gukoresha neza amagambo yabugenewe ku nka, amata n'igisabo.
- Ubushobozi bwo kwandika neza Ikinyarwanda akoresha amagambo afatana n'adafatana.

Umwandiko: Umuco n'indangagaciro nyarwanda

I. Inyunguramagambo

1. Huza ijambo n'igisobanuro cyaryo.

A	B
1. Umuco	a) Ni imyitwarire myiza umuntu agendana igaragaza icyubahiro n'ubupfura.
2. Indangagaciro	b) Ni umugenzo mwiza umuntu agaragaza mu mibanire n'abandi nko gusabana no gusangira.
3. Umurage	c) Ni uburyo abantu babaho n'ibyo bemera.
4. Ubupfura	d) Ni ibintu byiza n'indangagaciro twasigiwe n'abakurambere tugomba kurinda no gukomeza.

Ibisubizo

1	2	3	4
c	a	d	b

II. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni iyihe migenzo myiza igaragaza umuco nyarwanda uvugwa mu mwandiko? Gusabana no gusangira n'abandi, abana bato bagomba kwigishwa kuvugisha ukuri no kwitanga. Bagomba gutozwa kugira ishyaka ryo gukunda Igihugu no kugikorera

2. Ni izihe ndangagaciro abana bato bagomba kwigishwa? Umwana agomba gutozwa akiri muto kuvuga ati: "Muraho" cyangwa "Mwiriwe" akabikurana maze bikaba ikimenyetso kerekana kubaha no gukunda abantu.

3. Ni iki kigaragaza ko umuco wacu ufite umwihariko? Dufite ibihangano, imihango, imigenzo n'ibindi bigaragaza abo turi bo.

4. Ni izihe ndangagaciro remezo zagarutsweho mu mwandiko? Ni ubupfura, gukunda igihugu n'ubumwe.

5. Ni mu buhe buryo umuco ari "urumuri rutuyobora"? Umuco ni urumuri rutuyobora mu nzira y'ubuzima bwiza bw'ejo hazaza.

6. Ni iyihe nama wagira abanyeshuri barangwa n'imyitwarire mibi? Kuyireka bakarangwa n'ubupfura.

7. Ni ibiki Umunyarwanda ugiye mu mahanga yagombye gukomeza kuzirikana kugira ngo aheshe Igihugu ke icyubahiro? Agomba kugumana indangagaciro zibereye umwenegihugu mwiza.

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Hitamo igisubizo kiri cyo, usubiza ni cyo cyangwa si cyo.

Mu nteruro: "**Gusoma** igitabo no **gusoma** umutobe ni byiza." Ijambo gusoma ni:

a) Imvugwakimwe

b) Ingwizanyito

c) Impuzashusho

d) impuzanyito

Mu nteruro "Murigo yabaye **imbata** y'itabi none yishe **imbata** y". Ijambo imbata ni:

a) Imvugwakimwe

b) Ingwizanyito

c) Impuzashusho

d) impuzanyito

Mu nteruro **"Humura** ayo maso **humura** uzakira." Ijambo humura ni:

a) Imvugwakimwe

b) Ingwizanyito

c) Impuzashusho

d) impuzanyito

2. Simbuza amagambo atsindagiye amagambo yabugenewe

a) Mariya **yasutse amata** mu gisabo. **(yabuganije)**

b) Nzanira **ibyatsi** mpanagure inka. **(inkuyo)**

c) Nyampinga yagiye **kugura igisabo** mu bahinzi b'inzuzi. **(Gukoresha)**

d) Kankindi yasitaye **amena** amata. **(abogora/abyarira)**

e) Inka yacu **bayivomeye** amazi.(**bayidahiye)**

f) Kamariza **amanitse** igisabo. **(ajishe)**

3. Huza ibihe bikuru by'umwaka n'igisobanuro cyabyo

Ijambo	Igisobanuro
1. Urugaryi	a) Igihe kirekire k'izuba ryinshi, gitangira muri Kamena kikageza muri Nzeri.
2. Impeshyi	b) Igihe kirekire k'imvura, gitangira muri Werurwe kikageza muri Gicurasi.
3. Itumba	c) Igihe cyo gutera no gusarura imyaka, kuva muri Nzeri kugeza mu Kuboza.
4. Umuhindo	d) Igihe gito k'izuba, gitangira muri Mutarama kikageza muri Gashyantare.

Ibisubizo

1	2	3	4
d	A	b	c

IV. Ikiganiro mpaka

Vuga ingingo ibyiri zishyigikira cyangwa zivuguruza insanganyamatsiko ikurikira kandi uvuge n'impamvu: "Muri iki gihe ntibikiri ngombwa ko abantu bagira umuco wo kuramukanya mu mvugo zabugenewe."

Abanyeshuri bazatanga ingingo zinyuranye. Suzuma ko abanyeshuri batanze ingingo zifite ireme.

Ibikorwa by'inyongera

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri uhereye ku manota yagize mu isuzuma risoza umutwe maze ubashyire mu matsinda ukurikije ingorane bafite;
- Tegurira abanyeshuri imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo;
- Tegura imyitozo nzamurabushobozi wibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke;
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma, ushobora gusaba bagenzi babo babyumvise neza kubafasha kubyumva bari mu matsinda;
- Ku bagaragaje ubushobuzi buhagije, ushobora kubaha imyitozo ituma barushaho kwagura ubushobozi bwabo no kutarambirwa mu gihe abagaragaje ubushobozi buke bakizamurwa;
- Gendagenda mu ishuri, ureba uko bakora iyo myitozo mu byiciro byabo, ubafasha ariko wibanda cyanecyane ku bagaragaje ubushobozi buke.

UMUTWE WA KABIRI:

IBIDUKIKIJE

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amarangamutima n'inyigana;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshinga zitondaguye
- Gutahura no kwandika neza amagambo akatwa;
- Guhanga inkuru ngufi yubahiriza uturango twayo.

2.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe

- Gusesengura umwandiko no kuwukorera inshamake
- Guhanga umwandiko no kubwira bagenzi be ibiwukubiyemo;
- Inshinga iri mu mbundo n'inshinga itondaguye.

2.2. Igikorwa cy'umwinjizo

Ha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa :

Haguma akimara kugera mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza, yadukanye ingeso mbi yo kureka ishuri. Nuko ahitamo kujya gucukura amabuye y'agaciro mu buryo butemewe kuko mu gace k'iwabo yahabaga cyane. Iyo yabaga atagiye mu mabuye, yajyaga kuragira inka z'umuturanyi wabo Mudage. Izo nka zarishaga mu ishyamba ry'abaturage kandi zikaryangiza cyane. Hari n'ubwo zahirikaga amabuye ku nzu z'abaturage. Uyu mushumba na we kandi yakundaga kwangiza ibisheke n'indi myaka y'abaturage kugira ngo abone icyo kurya. Mu gihe yabaga akeneye kujya ku bwiherero yitumaga mu ishyamba. Uwo mwanda washokeraga mu kabande umanukanywe n'umuvu w'imvura.

Uhereye ku nkuru ya Haguma, subiza ibi bibazo:

a) Ni ibiki Haguma akora kandi bikaba bibangamira ibidukikije?

b) Ni iki wakora kugira ngo ibidukikije bibungabungwe?

c) Ni iyihe izihe nama wagira Mudage na Haguma mu rwego rwo kubungabunga ubuzima bw'ibidukikije?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma ubafashe kubinoza

Urugero rw'ibisubizo:

a) Haguma akora ibikorwa byinshi byangiza ibidukikije:

- Acukura amabuye mu buryo butemewe cyane ko yanze no kwiga.
- Kuragira inka no kwangiza amashyamba n'inzu by'abaturanyi.

- Kwangiza imyaka y'abaturanyi.
- Kwituma ku gasozi.

b) Nakwirinda kwishora mu bucukuzi butemewe n'amategeko kuko bifite ingaruka mbi nyinshi. Ikindi nakora ni ukwirinda kuragira inka ku kasozi, kuhituma no kwangiza imyaka y'abaturage.

a) Inama nagira Mudage ni ukororera mu biraro kuko bigira inyungu nyinshi kandi bikaba bidashobora kwangiza ibidukikije. Naho Haguma, namugira inama yo kureka iyo mirimo akora ahubwo akitabira ishuri kuko ari wo murage uzaramba agomba guharanira.

2.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

-**Guhanga udushya:** Binyuze mu guhanga inkuru ishushanyije.

2.4. Indangagaciro

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kurinda no gusigasira ibyiza bitatse u Rwanda.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere.

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiyemeza kubungabunga ibidukikije.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubahana no kwihanganirana mu ishuri no mu buzima busanzwe.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutaza abandi.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

2.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'ibidukikije. Imyandiko yose iri muri uyu mutwe igenda igaruka ku byiza by'ibidukikije, kubungabunga ibidukikije, gusura ibidukikije n'ibindi.

2.6. Amasomo ari mu mutwe wa kabiri n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasomo 48
6	**Umwandiko: Dusobanukirwe n'ibidukikije**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhina umwandiko)	1
	Imyandikire y'Ikinyarwanda	
	Amagambo akatwa	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
7	**Umwandiko: Urugendo rwa Kariza muri pariki**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gushushanya inkuru)	1
	Ikeshamvugo	
	Imivugire inoze y'Ikinyarwanda (Imikoreshereze iboneye y'ingirwanshinga n'impakanyi)	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
8	**Umwandiko: Dufate neza iwacu heza**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhimba umuvugo)	1
	Amarangamutima n'inyigana	
	Inshoza n'imikoreshereze y'amarangamutima n'inyigana	2
	Ibikorwa byo gusoma	1

9	**Umwandiko: Imvura n'izuba**	
	Gusoma n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gushushanya igice k'inkuru)	1
	Inkuru ngufi	
	Inshoza n'uturango by'inkuru ngufi	1
	Guhanga inkuru ngufi	1
	Ibikorwa byo gusoma	1
10	**Umwandiko: Ndi inshuti y'ibiti**	
	Gusoma n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gukina ikiganiro)	1
	Inshinga	
	Inshoza y'inshinga isanzwe	1
	Amoko y'inshinga	1
	Ngenga z'inshinga itondaguye	1
11	**Umwandiko: Ishyamba ry'amahoro**	
	Gusoma n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Ihinamwandiko)	1
	Isuzuma risoza umutwe wa kabiri	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 6

Umwandiko "Dusobanukirwe n'ibidukikije"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Dusobanukirwe n'ibidukikije". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Umwarimu yakira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri akababwira ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru? Ni Rugwiro, Karangwa, Isheja na Nyiraneza.

2. Ikiganiro cyavugaga ku ki? Kivuga ku bidukikije.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba

abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Ingero z'inyunguramagambo:

a) Ibinyabuzima: Ibiremwa cyangwa ibidukikije bifite ubuzima.

b) Ibiza: Ibyago bikomeye biterwa n'ihindagurika ry'ikirere.

c) Uburanga: Ubwiza.

d) Umurage: Ibyo umuntu asigirwa n'abasekuruza.

e) Ubukerarugendo: Ingendo abantu bakora basura ahantu nyaburanga cyangwa ibice bifite umwihariko, bakabyishyura, bigateza imbere igihugu.

f) Umutungo kamere: Ibintu karemano bituruka ku bidukikije nk'amazi, amashyamba, ubutaka n'inyamaswa bikifashishwa n'abantu.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora buri muntu ku giti ke imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba ko bakora. Akira ibisubizo batanga. Bakosore maze ubafashe kunoza ibisubizo byatanzwe.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Huza amagambo n'ibisobanuro byayo.

Amagambo	Ibisobanuro
1. Ibidukikije	a) Ingendo abantu bakora basura ahantu nyaburanga cyangwa ibice bifite umwihariko, bakabyishyura, bigateza imbere igihugu.
2. Isuri	b) Ibintu karemano bituruka ku bidukikije nk'amazi, amashyamba, ubutaka n'inyamaswa bikifashishwa n'abantu.
3. Umutungo kamere	c) Ibintu byose bidukikije aho abantu batuye, harimo ibinyabuzima n'ibitari ibinyabuzima
4. Ubukerarugendo	d) Ahantu hashyiriweho kubungabunga ibidukikije n'inyamaswa, kandi hakajya n'abakerarugendo.
5. Pariki	e) Igikorwa cyo gutwarwa k'ubutaka n'amazi cyangwa umuyaga, bigatera kwangirika k'ubutaka.

1	2	3	4	5
c	e	b	a	d

Gukora interuro

Ibinyabuzima: Ibinyabuzima byose bifite akamaro gakomeye.

Ibiza: Buri wese akwiye kubungabunga ibidukikije kugira ngo turusheho kwirinda **ibiza.**

Uburanga: Uburanga bw'u Rwanda bukurura ba mukerarugendo.

Umurage: Ishyamba rya Nyungwe ryamaze gushyirwa mu **murage** w'isi.

Ubukerarugendo: **Ubukerarugendo** butuma igihugu kirushaho gutera imbere.

Umutungo kamere: Umutungo kamere ufitiye abatuye isi akamaro gakomeye.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Dusobanukirwe n'ibidukikije" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Dusobanukirwe n'ibidukikije".

Uwo mwandiko wagarukaga ku ki? Uyu mwandiko wagarukaga ku bidukikije.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

1. **Ni ba nde baganiriye ku bidukikije mu mwandiko?** Rugwiro, Karangwa, Isheja na Nyiraneza.
2. **Ni iki Karangwa yavuze ku kamaro k'amazi?** Yavuze ko amazi ari ubuzima, ko tuyanywa kandi tukayakoresha mu mirimo yo mu rugo no mu buhinzi.
3. **Isheja yavuze ko amashyamba amaze iki?** Umwuka mwiza duhumeka kandi aturinda isuri.
4. **Nyiraneza yavuze ko u Rwanda rwitwa iki?** Igihugu k'imisozi igihumbi.
5. **Ni izihe ngamba abana biyemeje kugira ngo barengere ibidukikije?** Kwegeranya imyanda no kuyijyana ahabugenewe, gutera ibiti no gusaba abandi kudatemagura amashyamba.

III. Umwitozo

Baza ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu mwandiko bize.

Isomo rya 3 : Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ese ubona abana bafite uruhe ruhare mu kurengera ibidukikije aho utuye?** Abana bashobora kugira uruhare rukomeye nko gutera ibiti, gukora isuku, no kwigisha abandi.
2. **Ni gute ushobora kwirinda isuri mu gace utuyemo?** Gutera ibiti, kudatema amashyamba no gukora uturima dufashe ubutaka.
3. **Ni uruhe ruhare wowe ubwawe ushobora kugira mu kubungabunga ibidukikije?** Kwirinda guta imyanda aho itagenewe, kwitabira ibikorwa by'isuku n'ubukangurambaga ku bidukikije.
4. **Ni izihe ngaruka zikomeye zaterwa no kutabungabunga ibidukikije?** Harimo isuri, imyuzure, kwangirika kw'amashyamba, n'izimira ry'inyamaswa.
5. **Ni iki wakora mu rugo iwanyu cyangwa ku ishuri kugira ngo ufatanye n'abandi kurengera ibidukikije?** Nshobora gutera igiti, gukora uturima tw'imboga, kwigisha abandi akamaro k'ibidukikije, no gutandukanya imyanda.
6. **Uhereye ku ngero, sobanura uburyo kurinda ibidukikije ari ukurinda ubuzima bwacu.** Kurinda ibidukikije ni ukurinda ubuzima bwacu kuko ibidukikije ari byo biduha umwuka duhumeka, biduha ibyo kurya, bikurura abakerarugendo bakadusigira amadovize,...

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Dusobanukirwe n'ibidukikije" mu mirongo cumi n'itanu (15).

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhina umwandiko"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku ngingo yatanzwe. - Kuvugira mu ruhame ashize amanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zishoboka.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri basome inshamake y'umwandiko bakoze nk'umukoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda bungurane ibitekerezo ku ngingo yatanzwe mu bitabo byabo. Gendangenda wumva ibitekerezo abanyeshuri batanga, utange n'ubufasha aho biri ngombwa.

Saba abanyeshuri bamurike ibitekerezo bakusanyije ubafashe kubinoza no kubikurikiranya neza.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika ibintu byibura bitatu byangiza ibidukikije n'uko byakwirindwa.

Imyandikire y'Ikinyarwanda

Isomo rya 5: Amagambo akatwa

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutahura inshoza n'ubwoko bw'amagambo akatwa. - Kwandika neza Ikinyarwanda yubahiriza ikata ry'amagambo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro ubafashe kunoza ibisubizo byabo.
- Andika interuro fatizo maze usaba abanyeshuri kuzitegereza no kuzisoma, ubafashe gutahura ubwoko bw'amagambo akatwa n' inshoza yayo.

Urugero rw'interuro:

- Akamaro k'ibidukikije ntikarondoreka.
- Uburanga bw'Igihugu bukurura ba mukerarugendo.
- Amashyamba n'amazi biri mu bidukikije bifite akamaro kanini ku buzima bwacu?
- Abantu bose bafite icyo bakora nk'abahinzi, aborozi, abanyamyuga ndetse n'abakorera umushahara, bagomba kwitabira kuzigama.
- Amaso ye ni nk'ayawe mureba kimwe.

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri gusoma inshoza y'amagambo akatwa mu gitabo cyabo, ubafashe kuyasobanukirwa. Saba abanyeshuri buri wese gutanga urugero rw'amagambo akatwa ayabwire mugenzi we bicaranye. Gendagenda ureba ko bakoze neza. Saba abanyeshuri bamwe gusangiza ishuri ryose amagambo akatwa . Fasha abanyeshuri kunoza ibisubizo batanga.

Shyira abanyeshuri mu matsinda, maze ubasabe gusobanura imyandikire y'amagambo akatwa. Gendagenda ureba uko bakora kandi ubafashe aho bikenewe. Saba amatsinda amwe n'amwe kwereka abandi ibyo bakoze hanyuma nawe ubafashe kunoza imyandikire y'amagambo akatwa.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke umwitozo ku myandikire y'amagambo akatwa uri mu gitabo cyabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Umukoro

Saba abanyeshuri guhimba interuro bageze mu rugo kuri buri jambo mu magambo akurikira: nka, nyiri, mu, ku, na.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusoma mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma inkuru cyangwa umuvugo mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. - Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Kosora umukoro abanyeshuri batahanye ubushize ku guhimba interuro zijyanye n'amagambo akatwa hanyuma ubabaze ibibazo ku nkuru baheruka gusoma.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura ibitabo bitandukanye by'inkuru byo gusoma (bibaye biri ku nsanganyamatsiko zirebana n'umuco byarushaho kuba byiza). Shyira abanyeshuri mu matsinda matomato. Tanga igitabo muri buri tsinda, ubabwireko bagiye kugisoma basimburana umwumwe, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma utanga n'ubufasha aho bukenewe. Saba itsinda rimwe cyangwa abiri gusomera itsinda rigari inkuru bahawe abandi babateze amatwi.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru bamaze gusoma.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushushanya inkuru basomye, maze mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bazakwereke amashusho bashushanyije.

Icyumweru cya 7

Umwandiko "Urugendo rwa Kariza muri pariki"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

- Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"*Urugendo rwa Kariza muri pariki*"**.
- Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko. Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Ni uwuhe mwana uvugwa mu mwandiko? Ni Kariza.

2. Kubera iki yatemberejwe muri Pariki? Kuko yagize amanota ya mbere.

3. Kariza yanyuzwe n'urugendo? Yego urugedo rwaramunyuze.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Ingero z'amagambo n'ibisobanuro

- **Ingagi**: Inyamaswa iba mu birunga ifite imiterere ijya kumera nk'iy'umuntu.
- **Icyanya**: Ahantu hagizwe n'ishyamba n'ibindi byatsi bakomye kugira ngo hororokere inyamaswa z'amoko menshi.
- **Amakoro**: Ubwoko bw'amabuye akomoka ku iruka ry'ibirunga.
- **Ibinezaneza:** Ibyishimo byinshi.
- **Imigano**: Ubwoko bw'ibiti buba mu ishyamba ry'ibirunga. Ibi biti kandi bikunda kuba ku nkengero z'imigezi n'inzuzi kugira ngo bifate ubutaka bwe gutwarwa n'amazi.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo kandi ukosora abarangije. Koresha ikosora rusange.

Ibibazo n'ibisubizo:

Kuzuza ijambo ribura mu nteruro:

1. Kariza yifuzaga gusura **ingagi** n'abana bazo.
2. Kariza **yashimishijwe** n'ibisubizo bamuhaye.
3. Kariza yitegereza uturabo duhovwa n' **inzuki.**
4. Umuyobozi wa ba mukerarugendo yavuze ko kizira **guha** inyamaswa ibiryo.
5. Kariza yabonye ingagi iri konsa umwana wayo, aravuga ati: "Uriya muntu wicaye akikiye umwana hariya arahakora iki?" Se aramusubiza ati: "Iriya ni **ingagi**.

Guhitamo igisubizo kiza:

1. Amakoro
   a) Ibiryo by'inyamaswa.
   b) Ubwoko bw'amabuye.
   c) Amashashi yo gupfunyikamo.
2. Imigano
   a) Bumwe mu bwoko bw'ibiti byo mu ishyamba.
   b) Ingano abantu bakunda gusarura.
   c) Ibigega byo kubika amasaka.
3. Ingagi
   a) Imibu yica abantu.
   b) Inzuki zitera uturabo.
   c) Inyamaswa iteye nk'umuntu iba muri Pariki y'ibirunga.
4. Konsa
   a) Kunywa amata y'inka.

b) Kurya ibiryo biremereye.
c) Guha umwana ibere.

5. Pariki

a) Aho abantu bagura ibintu.
b) Ahakorerwa imyitozo ngororamubiri.
c) Aho habungabungwa inyamaswa n'ibimera kandi hakajya ba mukerarugendo.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Urugendo rwa Kariza muri Pariki" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Urugendo rwa Kariza muri pariki".

Ni nde mwibuka uvugwa muri uwo mwandiko? Kariza n'ababyeyi be.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Kariza yagiye gusura he?** Yagiye gusura Pariki y'Ibirunga.
2. **Ni nde wamuteguriye urugendo** Ni ababyeyi be, Mpyorero na Ncyuyinyana.
3. **Ni izihe nyamaswa Kariza yifuzaga gusura mbere?** Yifuzaga gusura ingagi n'abana bazo.
4. **Ni iki cyateye Kariza kugira ibinezaneza?** Kariza yagize ibinezaneza kuko yari yitegereje imisozi myiza itagira uko isa.
5. **Ni iki cyatangaje cyane Kariza ubwo yari muri pariki?** Yatangajwe no kubona ingagi yonsa nk'umuntu.
6. **Ni iki cyatumye Kariza yitiranya ingagi n'abantu?** Ingagi zijya gusa nk'abantu, ingore zikonsa zikanaheka abana bazo nk'uko ababyeyi baheka abana.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ku bwawe Ni iki wakora kugira ngo uzasure Pariki y'Ibirunga?** *Buri wese aratanga ibisubizo bye bijyanye n'icyo yakora hanyuma umwarimu arebe ko ibisubizo bijyanye n'igisubizo kifuzwa.*
2. **Ni irihe somo wigiye kuri Kariza?** Kariza ambereye urugero rwo gukora cyane, guharanira gutsinda kugira ngo nange nzagere ku ntego zange. Muri make, Kariza anyigishije kugira intego no guharanira kuzigeraho.
3. **Ese gusura Pariki y'Ibirunga, byakumarira iki nk'umunyeshuri?** Nk'umunyeshuri, gusura Pariki y'ibirunga byamfasha kumenya amoko anyuranye y'ibimera ndetse n'inyamaswa. Byamfasha gushira amatsiko y'ibibazo nibaza kandi ngahuza ibyo niga n'ubuzima busanzwe bw'ibinyabuzima rusange.
4. **Kubera iki ba mukerarugendo babujiwe gushotora no guhohotera inyamaswa?** Ba mu kerarugendo babuzwa gushotora no guhohotera inyamswa kuko byabagiraho ingaruka. Iyo zishotowe, zishobora kubamerera nabi zikaba zabakomeretsa cyangwa zikabica. Kuzihohotera kandi si byiza kuko bituma zishobora gupfa bityo ubuzima bwazo bukaba mu kaga katuma zishiraho maze ibyiza nyaburanga ugasanga birahangirikiye.
5. **Utekereza ko pariki zifitiye akahe kamaro Igihugu cyacu?** Pariki zikurura ba mukerarugendo bakadusigira amadovize, ni intaho y'inyamaswa, zirimo ibimera biduha umwuka mwiza duhumeka,...

6. Uramutse ugiye gusura pariki nk'uko Kariza yagiyeyo, wakora ibihe bikorwa kugira ngo werekane ko wita ku bidukikije kandi wubaha inyamaswa? Nakwirinda kujugunya imyanda aho mbonye, kutangiza ibiti, kudahohotera inyamaswa,...

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Urugendo rwa Kariza muri Pariki"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Gushushanya inkuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gushushanya neza inkuru ya "Kariza muri Pariki".
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro ureba ko abanyeshuri bashatse irindi herezo ry'inkuru "Urugendo rwa Kariza muri pariki". Saba abanyeshuri bamwe kuvuga irindi herezo ry'inkuru banditse.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri gushushanya inkuru "Urugendo rwa Kariza". Gendagenda mu ishuri ureba uko bashushanya inkuru, ufasha abafite ibibazo byihariye. Nyuma y'igihe wabahaye, saba bamwe mu banyeshuri gusobanurira bagenzi babo amashusho bashushanyije. Fata ibyo abanyeshuri bose bashushanyije maze ugenzure niba amashusho yabo ahura n'inkuru koko. Tanga ubujyanama ku banyeshuri amashusho yabo adahura n'inkuru.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kubwira ababyeyi babo inkuru bize n'icyo bakunze muri iyo nkuru maze bazakibwire bagenzi babo bagarutse mu ishuri.

Imivugire inoze y'Ikinyarwanda

Isomo rya 5: Imikoreshereze iboneye y'ingirwanshinga "-ti, -tya, -tyo, -te" n'impakanyi "ta"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gukoresha Ingirwanshinga -ti, -tya, -tyo, -te ku buryo buboneye mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zishoboka.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro bavuge icyo baganirije ababyeyi babo ku nkuru bize.
- Saba abanyeshuri gusoma interuro zatanzwe maze ubafashe gutahura imikoreshereze iboneye y'ingirwashinga **"-ti, -tya, -tyo, -te**" n'impakanyi "-ta"

Urugero rw'interuro:

1. Abaza se ati: "Uriya muntu wicaye akikiye umwana hariya arahakora iki?"
2. Nuko se aramusubiza ati: "Iriya ni ingagi irimo konsa umwana wayo."
3. Abarimu baratubwira ati: "Muririmbe indirimbo yubahiriza Igihugu."
4. Turabasubiza uti: "Yego, turiteguye."

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri gusoma interuro bahawe. Babaze ibibazo bibafasha gutahura imikoreshereze y'ingirwanshinga –**ti**, **-tya, -tyo, -te** n'impakanyi **-ta**.

1. Ni izihe nteruro zumvikanisha ubutumwa? Kubera iki?
2. Ni izihe zitumvikanisha ubutumwa? Kubera iki?

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Interuro ya mbere n'iya kabiri,zivugitse neza kuko zumvikanisha ubutumwa naho interuro ebyiri zikurikiyeho, ntizanditse neza ndetse n'ubutumwa zibumbatiye, ntibwumvikana neza.

Impamvu ituma ubutumwa bwumvikana neza ni uko impakanyi **"ta**" ndetse n'ingirwanshinga **-ti** zakoreshejwe neza naho ubutumwa butumvikana ni uko zakoreshejwe nabi.

Saba abanyeshuri gusoma imikoreshereze y'impakanyi ta n'ingirwanshinga **–ti**, **-tya, -tyo, -te** mu gitabo cyabo maze ubafashe gusobanukirwa . Saba abanyeshuri buri wese gukora interuro irimo impakanyi **"ta**" ndetse n'ingirwanshinga **–ti, -tya, -tyo, -te** ayibwire mugenzi we bicaranye. Gendagenda wumva interuro bakoze. Saba abanyeshuri bamwe gusangiza ishuri ryose interuro bakoze.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri babiribabiri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'igika cy'umwandiko gikosoye:

Tugeze ku musozi tureba hasi, Karisa ati: "Sinakomeza ntabonye ibi biti byiza!" Inyoni ziraririmba mu kirere, **ziti:** "Jwiii, jwiii, jwiii!" Mpita mfata ijambo **nti**: "Sinakwihangana **ntabwiye** ababyeyi ibyiza nabonye." Nuko twese turavuga **tuti**: "Nta handi twabona ubuzima niba dutemye ibiti byose.

Umukoro

Saba abanyeshuri kwandika interuro irimo **-ti, -tya, -tyo, -te** n'izindi nteruro 5 zirimo impakanyi **-ta**.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusubiramo inkuru

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

Saba buri munyeshuri kugaragaza umukoro ku mikoreshereze y'ingirwanshiga **-ti -tya, -tyo, -te** n'impakanyi **ta** maze uwukosore kandi mufatire hamwe umwanzuro rusange ku bisubizo bizima bigomba kwandikwa mu makayi yabo.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda matomato, maze usabe buri wese kubarira bagenzi be inkuru imwe muzo aheruka gusoma. Gendagenda mu ishuri wumva uko babara inkuru kandi utanga ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bamwe kubarira ishuri ryose inkuru basomye.

Tanga ubujyanama ngarukirane murebere hamwe ibyakozwe neza n'ibikwiye kunozwa mu kubara inkuru. Ibutsa abanyeshuri ko mu kubara inkuru umuntu yirinda kurondogora no gusubiramo ibyo yari yavuze ahubwo yibanda ku ngingo z'ingenzi ziyikubiyemo kugira ngo hatagira ubutumwa bwingenzi bwibagirana.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri banditse muri make ibikubiye mu nkuru cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 8

Umwandiko: "Dufate neza iwacu heza"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri banditse muri make ibikubiye mu nkuru basomye.
- Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko bagiye kwiga. Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo w n'ibisubizo:
1. Uyu muntu uvuga arataka hehe? Iwabo
2. Vuga ikintu kimwe yabonye kiza. Ibibaya

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
Hagasa na bike: Hakaba heza cyane.
Ibibaya: Ahantu hadahanamye ahubwo usanga harambuye.
Bashyashyana: Bakorana imbaraga kandi bihuta.
Ubwuzu: Urugwiro umuntu agaragariza undi.
Imigezi igitoshya: Imigezi ituma kituma, ituma hahora ibyatsi bibisi.
Isuri : Amazi menshi akukumba ubutaka n'ibiburiho akabijyana mu migezi.
Igitoshya: Ituma gitohagira, gisa neza.
Ihoho : Uburanga buhebuje.
Gukerensa: Gutesha agaciro.

III. Imyitozo
Saba buri munyeshuri akore imyitozo iri mu gitabo. Gendagenda ureba uko bakora unatanga ubufasha aho biri ngombwa. Kosora abanyeshuri barangije. Koresha ikosora rusange.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Guhitamo igisobanuro nyacyo k'ijambo

1. Ijambo "ibibaya" risobanura iki mu muvugo?
   a) Imisozi miremire
   b) Ahantu h'imigina
   c) Ahantu harambitse hagati y'imisozi
   d) Imihanda y'imodoka
2. "Isuri" ivugwa mu muvugo isobanura:
   a) Umuyaga mwinshi.
   b) Ikoreshwa nabi ry'amazi.
   c) Ikoreshwa ry'ubutaka mu buryo bwa kijyambere.
   d) Gutwarwa n'amazi k'ubutaka.
3. Ijambo "rushimusi" rivuga iki?
   a) Abantu b'abanyamahoro
   b) Abicira inyamaswa ku mugaragaro
   c) Abica inyamaswa mu buryo butemewe n'amategeko.
   d) Abazirengagiza
4. Ijambo "ihoho" mu mukarago wa 12 risobanura:
   a) Ubwiza burenze
   b) Ijwi ry'inkoko
   c) Umubiri udafite igitambaro
   d) Icyatsi kibisi
5. Ijambo "ibinyabuzima" ryashoboraga gukoreshwa risimbura irihe riri mu muvugo?
   a) Inyamaswa
   b) Ibibaya
   c) Ibidukikije
   d) Amazi

B. Gusimbuza ijambo ritsindagiye riri mu nteruro iryo bisobanura kimwe riri mu mwandiko no gukotra isanisha rikwiye:

a) Nyirakuru yamuramukije n'**ibyishimo** byinshi. →**ubwuzu**

b) **Amazi y'imvura** yangije imyaka yari mu murima. →**Isuri**

c) Ubuzima bwacu **bukangirika**. →**bugashirira**

d) Si byiza **gutesha agaciro** ibyiza twagezeho. →**gukerensa**

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Dufate neza iwacu heza" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma? Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "Dufate neza iwacu heza".

Uwo mwandiko wari bwoko ki? Ni umuvugo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimbura na, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Umwanditsi avuga ko yakunze iki akimenya ubwenge?** Yakunze iwabo/heza.
2. **Ni iki abantu batera ku musozi?** Bawuteraho ibiti n'ibyatsi.
3. **Ni iki cyatumye amenya akamaro ko gushyashyana batera ibiti n'ibyatsi?** Yamenye akamaro ko gushyashyana batera ibiti n'ibyatsi ari uko abonye nyuma y'igihe runaka hafite ubwiza nk'ubw'ihoho.
4. **Ni izihe nyamaswa zivugwa mu gice cya nyuma cy'umuvugo?** Inyamaswa zitabangamirwa na ba rushimusi, zisaba kurengerwa.
5. **Umwanditsi asaba abantu gukora iki ku musozo w'umuvugo?** Gufata ingamba zo kurengera ibidukikije no gukumira ikintu cyose cyabwangiza.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku muvugo bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu muvugo.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimbura na, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Genda genda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni izihe ngaruka ku mibereho y'abantu zaterwa n'uko bangije ibidukikije?** Bashobora guhura n'ibiza, kubura ibiribwa, cyangwa kurwara, ndetse ubuzima bugasenyuka burundu.
2. **Iyi mvugo "Hafite ubwiza nk'ubw'ihoho" ishatse kuvuga iki?** Irerekana uburyo umwanditsi akunda kandi aha agaciro aho avuka, akanakoresha uru rugero kugira ngo agaragaze uburanga bwaho.
3. **Sobanura iyi mvugo: "Kutabiturira si impamvu yo gukerensa akamaro kabyo."** Biranyigisha ko n'ibidukikije biri kure y'aho ntuye bikwiye kubahwa no kurindwa, kuko byose bifitiye isi akamaro.
4. **Ni ibihe bikorwa wakora wowe ubwawe mu kurengera ibidukikije aho utuye?** Gutera ibiti, kutajugunya imyanda mu mazi, gufata amazi y'imvura, kutica inyamaswa, no kwigisha abandi kubibungabunga.
5. **Tahura mu mwandiko "Dufate neza iwacu heza" uturango tw'umuvugo**. Umuvugo ufite injyana ,isubirajwi, imikarago n'ikeshamvugo.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika bataka umuntu cyangwa ikintu mu mikarago 10 maze bazawutondagurire imbere ya bagenzi babo.

Isomo rya 4: Guhimba umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhimba umuvugo utaka ikintu, ahantu cyangwa umuntu.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gutondagura umuvugo bahimbye bataka umuntu cyangwa ikintu nk'uko bari babihawe mu mukoro batahanye ubushize.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gukusanya ibiranga umuvugo. Gendagenda ureba uko abanyeshuri bakora uwo mwitozo. Tanga ubufasha ku babukeneye. Saba abanyeshuri kunoza imivugo bakoze maze ubasabe gusoma imivugo banogeje, ubashimire ari nako ababwira ibyo bari kunoza kurushaho.

Tanga ubujyanama ngarukirane murebere hamwe ibyakozwe neza n'ibikwiye kunozwa mu guhimba umuvugo. Ibutsa abanyeshuri ibyitabwaho mu guhimba umuvugo, imyitwarire y'utondagura umuvugo kandi ubashishikarize guhora bahimba imivugo itandukanye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kubwira ababyeyi babo imivugo bahimbye.

Amarangamutima n'inyigana

Isomo rya 5: Inshoza y'amarangamutima

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gukoresha neza amarangamutima mu mvugo no munyandiko; - Kugaragaza ibyiyumviro bye mu byo avuga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza amagambo atsindagiye ari mu nteruro fatizo ziri mu bitabo byabo maze batekereze ku miterere n'umumaro wayo, ubafashe gutahura ubwoko bwayo.

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri gusoma inshoza y' amarangamutima mu gitabo cyabo, ubafashe kuzisobanukirwa. Saba abanyeshuri buri wese gukora interuro irimo amarangamutima hanyuma ayibwire mugenzi we bicaranye. Gendagenda wumva interuro bakoze. Saba abanyeshuri bamwe gusangiza ishuri ryose interuro bakoze.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Tegura ikiganiro kitarengeje ipaji imwe y'urupapuro, ukoreshemo neza amarangamutima kandi wubahirize imyandikire yemewe y'ururimi rw'Ikinyarwanda.

Buri munyeshuri arasubiza noneho umwarimu arebe ko ibisubizo biboneye.

Isomo rya 6: Inshoza y'inyigana

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inyigana mu mwandiko; Gukoresha neza inyigana mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza amagambo atsindagiye ari mu gika fatizo biri mu bitabo byabo maze batekereze ku miterere n'umumaro wayo, ubafashe gutahura ubwoko bwayo.

II. Uko isomo ritangwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe gusoma inshoza y'inyigana iri mu bitabo byabo, bayunguraneho ibitekerezo. Gendagenda mu matsinda ureba uko bungurana ibitekerezo, ufasha abafite ibibazo byihariye. Nyuma y'igihe wabahaye, saba amwe mu matsinda kubwira ishuri ryose ibyo bunguranyeho ibitekerezo, hanyuma ufashe abanyeshuri gusobanukirwa n'inyigana. Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora interuro irimo inyigana hanyuma ayibwire mugenzi we bicaranye. Saba bamwe mu banyeshuri kubwira ishuri ryose interuro bakoze.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Fatanya n'abanyeshuri gukora ikosora rusange ugenda unoza ibisubizo byabo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Himba interuro eshanu zirimo inyigana nibura eshanu kandi wite ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Buri munyeshuri aragaragaza igisubizo k'ibyo yanditse hanyuma umwarimu na we agende areba ko amabwiriza umunyeshuri yahawe yayubahirije.

2. Robanura inyigana n'amarangamutima biri muri izi nteruro ubishyire mu bonerahamwe ibitandukanya.

a) Meee! Meee! Uwo ni nyiribyago Sehene wize guhebeba ngo none yamwumva igataha.
b) Mu kanya gato, Mutamu itangira gutaka iti:"Ayi weee! Ahuu! Cya cyago kiranyishe!"
c) Inka iti: "Maaa!" Mu gitondo inyoni zose ziba ziririmba.
d) Inuma igira iti:"Gugu, Gugugu, Gugu!"
e) Inyombya iti:"Shwiririri!"
f) Akayaga kaba gahuhera ngo "Shiii!"
g) Mu gitondo niwumva rero inyoni ziririmba, ntugatangire kwiganyiriza ngo: "Orororo!" Ahubwo jya uhita wiyorosora ibiringiti vuba ngo: "Shiku!"

Inyigana	Amarangamutima
Meee! Meee!, Maaa!", jwijwijwi!, Gugu, Gugugu, Gugu!", Shwiririri, "Shiii!", Shiku!"	"Ayi weee!" "Ahuu!" "Orororo!"

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro eshanu zirimo amarangamutima n'izindi nteruro eshanu zirimo inyigana.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 7: Gusoma mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: -Gusoma inkuru cyangwa umuvugo mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. - Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

Kosora umukoro abanyeshuri batahanye wo kwandika interuro eshanu zirimo amarangamutima n'izindi nteruro eshanu zirimo inyigana hanyuma ubabaze ibibazo ku nkuru baheruka gusoma.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura ibitabo bitandukanye by'inkuru cyangwa imivugo byo gusoma (bibaye biri ku nsanganyamatsiko zirebana n'ibidukikije byarushaho kuba byiza). Shyira abanyeshuri mu matsinda matomato. Tanga igitabo muri buri tsinda, ubabwireko bagiye kugisoma mu ijwi riranguruye, basimburana umwumwe, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma utanga n'ubufasha aho bukenewe. Saba itsinda rimwe cyangwa abiri gusomera itsinda rigari inkuru bahawe abandi babateze amatwi.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru cyangwa umuvugo bamaze gusoma.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushushanya inkuru wabasomeye, maze mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bazakwereke amashusho bashushanyije.

Icyumweru cya 9

Umwandiko "Imvura n'izuba"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko *bagiye kwiga* Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Ni bande bavugwa mu mwandiko? Imvura n'izuba.

2. Byatangiye imvura n'izuba bikundana? Oya. Byahoraga bicyocyorana.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe n'andi badasobanukiwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

Gushwana: Kutumvikana, gucyocyorana.

Birarirambirwa: Biraryinuba

Gucyocyorana : Guterana amagambo mutongana.

Gutenguka: Kuriduka kw'imisozi.

Biratangara: Birumirwa

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora unatanga ubufasha aho bukenewe. Kosora abarangije hanyuma mukore ikosora rusange.

Urugero rw'amagambo n'interuro:

1. **Umwijima**: Ahari **umwijima** habura urumuri.
2. **Gucyocyorana**: Gashabizi akunda **gucyocyorana** n'umuturanyi we.
3. **Ibiremwa**: Turi **ibiremwa** by'Imana.
4. **Ubwirakabiri**: Sindabona **ubwirakabiri**.
5. **Umukororombya**: **Umukororombya** ugira amabara meza.
6. **Gutenguka:** Mu Itumba imisozi myinshi **iratenguka.**

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo ku mwandiko "*Imvura n'izuba*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Imvura n'izuba byajyaga izihe mpaka ?** Buri kimwe cyavugaga ko gifitiye isi akamaro kurusha ikindi.

2. **Ni iki cyabaye igihe izuba ryacanaga cyane?** Isi yarashyuye cyane, ibimera biruma, imigezi irakama.
3. **Ni izihe ngaruka z'imvura nyinshi yaguye?** Hateye umwuzure utwara abantu n'ibyabo. Imisozi irariduka, inyamaswa zibura aho zihungira, ibintu ku isi biradogera. Ibintu byose byari ku isi birashoberwa.
4. **Ni iki cyatumye imvura n'izuba bijya kwihisha?** Icyatuye imvura n'izuba bijya kwihisha ni uko byateje ibibazo ibiremwa byo ku isi hanyuma ibintu bikadogera byamaze kudogera maze byinubira imvuran'izuba kubera ibyo bibazo.
5. **Ni iki imvura n'izuba byemeye gukora nyuma y'inama?** Byemeye gukorana neza, bigasimburana mu rugero, batabangamiye ibiremwa.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko,
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. Ni irihe somo ry'ingenzi uvanye mu nkuru y'imvura n'izuba? Ibintu byose bifite igihe n'akamaro kabyo ariko bigomba gukorwa mu rugero kugira ngo bigirire abantu akamaro.

2. **Iyo imvura iguye cyane cyangwa izuba rigacana cyane, bitera izihe ngaruka aho utuye?** Hashobora kubaho imyuzure, amapfa, umusaruro muke, cyangwa indwara.
3. **Ni iki inkuru igusaba gukora kugira ngo urinde ibidukikije?** Kugira ubushishozi mu gukoresha umutungo kamere no kumva ko ibintu byose bigomba kuba mu rugero.
4. **Iyo abantu batumvikanye nk'imvura n'izuba, ni iki gishobora kubafasha kugarura amahoro?** Inama, ibiganiro, n'ubuyobozi bubahuza, nk'uko umuntu yabikoze mu nkuru.

5. Wowe wakora iki mu gihe ubona ibintu byangirika kubera imihindagurikire y'ikirere?
Gufata ingamba zo kubungabunga ibidukikije, gutera ibiti, no gusobanurira abandi ingaruka zo kwirengagiza ibidukikije.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru ivugwa mu mwandiko "Imvura n'izuba".

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Gushushanya igice k'inkuru".

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gushushanya igice k'inkuru cyamushimishije; - Gusobanura ibitekerezo bye yifashshije igishushanyo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kuvuga irindi herezo ry'inkuru ivugwa mu mwandiko "*Imvura n'izuba* nk'uko bari babihawe mu mukoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Bwira abanyeshuri ko bagiye gushushanya igice k'inkuru ivugwa mu mwandiko"*Imvura n'izuba*" cyabashimishije kandi ubahe amabwiriza agenga icyo gikorwa. Genda ukosora abanyeshuri ibyo banditse kandi ubashe n'abakeneye ubufasha bwihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusobanura ibyo bashushanyije n'impamvu ari byo byabashimishije.

III. Umwanzuro

Tanga ubujyanama ngarukirane murebere hamwe ibyakozwe neza n'ibikwiye kunozwa mu gushushanya inkuru. Ibutsa abanyeshuri ko mu gushushanya inkuru, hibandwa ku butumwa butangirwa mu mashusho kandi buri shusho ikajyana n'amagambo ajyanye na yo. Ni byiza kandi gukora ku buryo uva ibumoso ujya iburyo kandi ukava hejuru ugana hasi kugira ngo bizorohere umusomyi gutahura ubutumwa bukubiye mu nkuru ishushanyije.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhimba inkuru ishushanyije bashingiye ku miterere y'inkuru bize uwo munsi.

Inkuru ngufi

Isomo rya 5: Inshoza n'uturango by'inkuru ngufi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Guhimba no kwandika inkuru ngufi iri ku rwego rwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kongera gusoma inkuru baheruka kwiga "Imvura n'izuba".

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri, bari mu matsinda, guhera ku nkuru bamaze gusoma maze batahure uturango tw'inkuru ngufi. Gendagenda mu matsinda ureba uko bakora, ufasha abafite ibibazo byihariye.

Saba abanyeshuri gusoma inshoza y'inkuru ngufi, uturango twayo mu gitabo cyabo maze ubafashe kubisobanukirwa.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke imyitozo ku nkuru iri mu gitabo cyabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro ukurikira: Himba agakuru k'umwana wasuye kwa nyirakuru asanga bari gutema ishyamba hanyuma akababwira ibibi byabyo, bikarangira biyemeje gutera ibindi biti byinshi. Mu kwandika, uzirikane ibiranga inkuru ngufi.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera mu matsinda ya babiribabiri

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiramo inkuru yasomeye mu itsinda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

Kosora umukoro abanyeshuri batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byorohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ugerageza gushyira hamwe abagerageza gusoma neza n'abafite imbogamizi mu gusoma kugirango bafashanye. Toranya inkuru zo gusoma zingana n'amatsinda ari mu ishuri maze uzihe abanyeshuri.

Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basomera mu matsinda, abafite ibibazo ubafashe. Genzura ko umunyeshuri umwe arangiza gusoma inkuru undi na we agasoma, cyangwa ko umwe asoma igika undi agasoma ikindi. Toza abanyeshuri kujya bakosorana igihe basoma.

III. Umwanzuro

Baza abanyeshuri ibibazo kugira ngo urebe ko hari ibyo bibuka ku byo basomye.

Umukoro

Saba abanyeshuri gutira ibitabo mu isomero, bazagaruke mu isomo ryo gusoma barangije kubisoma.

Icyumweru cya 10

Ikigwa: Umwandiko "Ndi inshuti y'ibiti"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"*Ndi inshuti y'ibiti*".** Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:
1. Ni ba nde baganira? Mugeni, Manzi na Kariza.

2. Bari kuganira ku ki? Bari kuganira ku biti n'akamaro kabyo.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye hanyuma ubasabe gusoma baranguruye bagenda basimburana. Umwarimu asaba abanyeshuri kugenda bandika amagambo badasobanukiwe. Genda ukosora aho badasomye neza kandi wita ku bakeneye ubufasha bwihariye ufasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe n'andi badasobanukiwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro.

Ingero z'amagambo n'ibisobanuro:

- **Gushyigikira**: Gufasha ikintu kugerwaho no kugitera inkunga
- **Kubungabunga:** Kurinda no kwita ku kintu
- **Umusanzu:** Igikorwa cyangwa uruhare rw'umuntu mu bikorwa abandi bakora.
- **Umwuka:** ikintu kiba mu kirere kitaboneka kandi ntigifatike kigahumekwa, cyava aho kiri kihuta kigatera umuyaga..

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bakora unatanga ubufasha aho bukenewe. Kosora abarangije hanyuma mukore ikosora rusange.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

A. Kuzurisha ijambo rivuye mu mwandiko

1. **Ibiti** bifasha gukurura imvura no kurinda isuri.
2. Mugeni yavuze ko gutera igiti ari **umusanzu** ku isi.
3. Ibiti bitanga **umwuka** mwiza abatuye isi bahumeka.
4. Iyo hari izuba rikaze, abana bashobora **kuhira** ibiti.
5. Ibiti bivamo ibikoresho bitandukanye nk' **intebe** n'ameza.

B. Guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo

Ijambo	Igisobanuro
1. Gushyigikira	a. Igihe amazi atembana ubutaka akabwangiza.
2. Umwuka	b. Gufasha ikintu kugerwaho no kugitera inkunga.
3.Isuri	c. Kurinda no kwita ku kintu.
4.Kubungabunga.	d. Igikorwa cyangwa uruhare rw'umuntu mu bikorwa abandi bakora.
5. Umusanzu	e. Icyo duhumeka kugira ngo tubone ubuzima.

Ibisubizo:

1	2	3	4	5
b	e	a	c	d

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Ndi inshuti y'ibiti*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Agenda akosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni bande baganira ku kamaro k'ibiti?** Mugeni, Manzi na Kariza.
2. **Mugeni yavuze ko igiti ari iki?** Impano ku isi.
3. **Umwandiko uvuga ko ibiti bifite akahe kamaro?** Ibiti biduha umwuka mwiza, bivamo ibikoresho nk'intebe, ameza, utubati n'isura nziza y'aho dutuye.
4. **Manzi yavuze ko azakora iki mu kubungabunga ibiti?** Azajya abyuhira kuko iwabo ibiti bihari byinshi.
5. **Kariza yavuze ko kurinda ibiti ari ugukora iki?** Ari ukurinda isi n'ubuzima bwacu.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye, ubakosora aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iki wowe wakora kugira ngo ube inshuti y'ibiti nk'abana bo mu nkuru?** Gutera ibiti, kubyitaho, kubyuhira, no kwirinda kubyangiza.
2. **Utekereza ko ibiti bishize ku isi, byagira izihe ngaruka?** Isi yagira isuri, umwuka mubi, ubushyuhe bwinshi, n'ibura ry'ibikoresho bituruka ku biti.
3. **Ni iyihe nama wagira abantu bangiza ibiti?** *Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye.*
4. **Ese wowe ubona ibiti bifite akahe kamaro?** Ibiti bimwe biduha imbuto turya, imiti ya gihanga, bakoramo impapuro,ibicanwa,...
5. **Ni ukubera iki abantu bose ari abato n'abakuru bagomba kubungabunga ibiti?** Bose bagomba kubungabunga ibiti kuko buri wese azi akamaro k'ibiti, kandi ubuzima bwa bose bushingiye ku bidukikije.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhidura ikiganiro kiri mu mwandiko basomye ubundi bagikoremo inkuru.

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro: "Gukina ikiganiro"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gukina ikiganiro ahuza imvugo n'ingiro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kubara inkuru ikubiye mu kiganiro basomye "Ndi inshuti y'ibiti" hanyuma usabe bamwe mu banyeshuri babwire bagenzi babo inkuru bahimbye bagendeye ku mabwiriza bahawe mu gihe cyo guhabwa umukoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyesuri mu matsinda ya batatubatatu hanyuma ubasabe gutegura ikiganiro bari bukinire imbere ya bagenzi babo. Gendagenda, ureba ko abanyeshuri bakora ibyo basabwe kandi utange ubufasha ku babukeneye. Saba amatsinda gukina ikiganiro imbere ya bagenzi babo.

III. Umwanzuro

Tanga ubujyanama ngarukirane ku byakozwe neza ndetse n'ibyo banoza ubutaha. Bwira abanyeshuri ko mu gihe hakinwa ikiganiro ari umwanya mwiza wo gutanga ubutumwa bwumvikana. Bigaragaza ko uvuga yitaye ku byo avuga. Bibutse ko atari umwanya wo gutera urwenya ko ahubwo ari umwanya wo guha agaciro ibitekerezo bwite n'ibya bagenzi babo.

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo guhimba agakuru bagendeye ku miterere y'inkuru bize uwo munsi.

Inshinga

Isomo rya 5: Inshinga isanzwe

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gutahura inshoza y'inshinga isanzwe n'amoko yayo no kuyakoresha mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro ubafahe kunoza ibisubizo byabo.
- Andika interuro fatizo maze usaba abanyeshuri kwitegereza amagambo atsindagiye, utahure inshoza y'inshinga n'amoko y'inshinga .Basabe batahure itandukaniro ry'ayo magambo atsindagiye.

Interuro fatizo
Ibiti **birinda** isuri kandi **bigira** uruhare mu **gukurura** imvura.

- Ibiti **bitanga** umwuka mwiza.
- Ibiti **bivamo** ibikoresho **bitandukanye**.
- **Gutera** ibiti ni ingenzi mu buzima.
- **Akunda kwicara** mu ishyamba.
- **Kubungabunga** ibiti ni **ugutanga** umusanzu ku isi.

II. Uko isomo ritangwa

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro ubafahe kunoza ibisubizo byabo.
- Saba abanyeshuri basome inshoza n'amoko y'inshinga isanzwe biri mu bitabo byabo ubafashe kubisobanukirwa hanyuma babyandike mu makayi yabo.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke umwitozo uri mu gitabo cyabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Ibisubizo:

1. **Inshinga ziri mu mbundo, mu gika ni:** kubaho, kwiga, gukina, kuruhuka, kurindwa, kumubuza, kumutoza, gukunda, kugira, kubana, gukora.
2. **Inshinga zitondaguye:** yumvise, biyishaka, irishima, birahinduka, uhuha, iragwa, ziruzura, uratera, utwara.
3. **Himba interuro eshanu (5) ukore ku buryo muri buri nteruro ushyiramo inshinga iri mu mbundo n'inshinga itondandaguye**.

Reba niba interuro bahimbye zujuje ibyo wasabye mu kibazo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhanga interuro eshanu buri nteruro ibe irimo inshinga itondaguye n'imbundo.

Isomo rya 6: Ngenga z'inshinga zitondaguye.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura ngenga inshinga zitondaguwemo no gukoresha inshinga muri ngenga zitandukanye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri banditse interuro wabasabye kwandika.
- Andika interuro fatizo ku kibaho maze usaba abanyeshuri kwitegereza amagambo atsindagiye, no gutahura ngenga z'inshinga .

Interuro fatizo

- **Nge** nkunda gutera ibiti by'imbuto.
- **Wowe** ukina umupira cyane.
- **Ibiti** bifashwe neza na bose byaba impano ntagereranwa ku batuye isi bose.
- **Ngewe** ndashaka gutera ibiti mu rugo iwacu.
- **We** yiga mu mwaka wa gatandatu.
- **Manzi** yasobanukiwe akamaro k'ibidukikije.

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri basome inshamake kuri ngenga z'inshinga itondaguye ziri mu bitabo byabo ubafashe kubisobanukirwa hanyuma babyandike mu makayi yabo.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke umwitozo uri mu gitabo cyabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'bisubizo:

1. Andika ngenga inshinga ziri mu nteruro zikurikira zitondaguyemo.

Urugero rw'ibisubizo (Akira interuro abana banditse niba ziboneye)

- **Nkunda kurya imineke. (Ngenga ya mbere y'ubumwe)**
- **Dukunda gukina umupira. (Ngenga ya mbere y'ubwinshi)**
- **Ugiye gukora iki? Ngenga ya kabiri y'ubumwe)**
- **Aka gaseke kaboshye neza. (Ngenga ya gatatu mu nteko ya 12)**
- **Ba bagabo bagiye he? (Ngenga ya gatatu mu nteko ya 2)**

2. Uzurisha ngenga iboneye mu nteruro zikurikira:

a) Akunda kurya ibijumba. **Ngenga ya gatatu mu nteko ya mbere.**

b) Nkora akazi buri munsi. **Ngenga ya mbere y'ubumwe.**

c) Ukumbuye nyogosenge! **Ngenga ya kabiri y'ubumwe.**

d) Bazajya i Kigali. **Ngenga ya gatatu mu nteko ya 2**.

e) Haragendwa. **Ngenga ya gatatu mu nteko ya 16.**

3. Subiza ukoresheje yego cyangwa oya.

a) Abana bakunda gukina umupira. Ngenga ya mbere. **Oya**

b) Inka zirisha mu rwuri. Ngenga ya gatatu. **Yego**

c) Umurima wagurishijwe. Ngenga ya gatatu y'ubumwe. **Oya**

d) Utunyoni turaguruka. Ngenga ya gatatu mu nteko ya 13. **Yego**

III. Umwitozo

Ha abanyeshuri umwitozo uri mu bitabo byabo bawukore mu matsinda hanyuma nibarangiza mukosorere hamwe.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhanga interuro ebyiri ziri muri ngenga ya mbere y'ubumwe n'ubwinshi izindi ebyiri ziri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe n'ubwinshi n'indi iri muri ngenga ya ya gatatu.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 7: Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro

Kosora umukoro ubaza abanyeshuri ibyo basomye mu bitabo batahanye kandi ubibutse kubitirura igihe babahaye kigeze.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma. Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo. Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye. Genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru usoma. Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho. Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.

III. Umwanzuro

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro
Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 11

Umwandiko "Ishyamba ry'amahoro"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "***Ishyamba ry'amahoro*".** Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
Ni ba nde bavugwa mu mwandiko? Ni Ruyuki n'abana.
Umwandiko utangira abana bitwara bate? Umwandiko utangira abo bana bitwara nabi.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye hanyuma ubasabe gusoma baranguruye bagenda basimburana. Saba abanyeshuri kugenda bandika amagambo badasobanukiwe. Genda ukosora aho badasomye neza kandi wita ku bakeneye ubufasha bwihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri

ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
Gutitira: Guhinda umushyitsi k'umubiri bitewe n'ubwoba cyangwa imbeho.

Guhova: Gutara ubuki kw'inzuki/ gushaka ubuki mu ndabo kw'inzuki.

Kubungabunga: Kwita cyangwa gusigasira ikintu runaka kugira ngo kitangirika.

Uburakari: Imimerere y'umuntu urakaye.

Babyonona: Babyangiza

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke imyitozo ku nkuru iri mu gitabo cyabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

A. Gusimbuza akamenyetso ijambo riboneye

1. Ruyuki yashyiraga imbaraga mu **gutera** imbuto z'ibiti bitandukanye.
2. Abana bavunaguraga ibiti kandi **bagakuraho** indabo.
3. Ruyuki yari afite amababa y'ibara ry'ikigina **rivanze** n'umutuku.
4. Ruyuki yabwiye abana ko ibimera bitanga **imiti** ivura indwara.
5. Abo bana bahindutse inshuti z'ibimera, batangira **gutera** ibiti.

B. Gukoresha amagambo mu nteruro

1. **Gutitira**: Kubera imvura nyinshi Keza ari **gutitira**.
2. **Guhova**: Inzuki ziri **guhova** ubuki ku ndabo.
3. **Indabo**: **Indabo** zizana umwuka mwiza.
4. **Kubungabunga:** Turasabwa **kubungabunga** ibidukikije
5. **Uburakari:** Si byiza kurangwa **n'uburakari**.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ishyamba ry'amahoro" bifasha abanyeshuri kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika,

bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo
1. **Ruyuki yakoraga iki mu ishyamba?** Yateraga ibimera, akabivomerera, akanabirinda.
2. **Ni abahe bana bangizaga ibimera bya Ruyuki?** Umwana w'imbeba n'umwana w'inkima.
3. **Ruyuki yakoreye iki abo bana kugira ngo babone ko ibyo bakora atari byiza?** Yarabiyamye, arabahumiriza, hanyuma abigisha akamaro k'ibimera.
4. **Ruyuki yavuze ko ibimera bifitiye akahe kamaro abantu?** Bitanga umwuka mwiza, bivamo imiti, biturinda umuyaga, n'ibiti byo kubaka.
5. **Ni iki abana bakoze nyuma yo kugirwa inama na Ruyuki?** Basabye imbabazi, basezeranya kutazongera kubyangiza, batangira gutera ibiti na Ruyuki.

III. Umwitozo
Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru iri mu mwandiko basomye.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro
Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko
Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iki wowe wakora mu gihe ubonye abana bangiza ibikorwa byawe?**
   Nageregeza kubigisha neza, nkabereka akamaro k'ibyo bangiza aho kubarakarira gusa.
2. **Ni gute twagira uruhare mu kubungabunga ibimera mu muryango cyangwa ku ishuri?**
   Gutera ibiti, kubyuhira, kwirinda kubyangiza, no gusobanurira abandi akamaro kabyo.
3. **Ni izihe ngaruka zishobora guterwa n'iyangizwa ry'ibimera?**
   Isuri, umuyaga mwinshi, ibura ry'umwuka mwiza, n'ubushyuhe bwinshi.
4. **Usibye ibyavuzwe mu mwandiko, sobanura izindi nyungu zo kwita ku bimera n'amashyamba**.
   Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye bagaragaza uko babyumva hanyuma umwarimu arebe ko barashe ku ntego y'igisubizo gikenewe.
5. **Ni izihe indangagaciro umuntu ashobora kwigira kuri Ruyuki.** Ruyuki yari afite indangagaciro yo kugira umuco w'amahoro, kudahubuka, guhugura, kwigisha no kujya inama, kwita ku bidukikije no kubibungabunga.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhimba inkuru irimo inyamaswa cyangwa se inyamaswa n'abantu."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhimba inkuru ngufu"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhimba agakuru gafite abanyarubuga b'inyamaswa cyangwa se inyamaswa n'abantu.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba bamwe mu banyeshuri gusoma inkuru bahimbye yerekeranye n'inyamaswa cyangwa abantu nk'uko babihawe mu mukoro w'ubushize.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba buri munyeshuri kwicara akanoza inkuru ye yakoze ku buryo igaragaramo inyamaswa gusa cyangwa se inyamaswa n'abantu. Mu nkuru hagaragaremo kutumvikana ku bintu runaka ariko isoze habayeho kubyumvikanaho. Genda ukosora abanyeshuri ibyo banditse kandi ufashe n'abakeneye ubufasha bwihariye.

III.Umwanzuro

Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo inkuru banditse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bagasomera ababyeyi babo inkuru bahimbye hanyuma bakanandika inama ebyiri bakuye mu mwandiko baheruka kwiga witwa "Ishyamba ry'amahoro"

Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku bidukikije;
- Ubushobozi bwo gukoresha inshinga isanzwe muri ngenga zitandukanye;
- Ubushobozi bwo kwandika neza Ikinyarwanda akoresha isanisha rikwiye mu magambo.

Umwandiko: Ihindagurika ry'ikirere

I. Inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.

- **Kubangamira**: Izuba ryinshi ribangamira ibimera
- **Amapfa:** Amapfa yarateye abantu bose barasonza.
- **Imyuzure:** Mu gihe k'imvura nyinshi tubona umwuzure.
- **Ikinyabuzima:** Buri kinyabuzima cyose gikenera amazi.

II. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

Subiza ibi bibazo byabajijwe ku mwandiko mu magambo yawe bwite, utandukuye interuro ziri mu mwandiko uko zakabaye.

1. **Mu mwandiko bavuga ko isi imaze imyaka ingahe?** Kuri ubu, isi imaze hafi imyaka miriyari eshanu iriho
2. **Ni gute abantu n'ibimera ari magirirane?** Umwuka dusohora ni wo ibimera bikenera hanyuma uwo ibimera bisohora ni wo abantu dukenera.
3. **Kuki mbere y'uko imvura igwa umuyaga ubanza guhuha?** Ni uko ari imyuka yo mukirere igenda isunikana.
4. **Izuba ridufitiye akahe kamaro?** Izuba ni ryo eyohereza urumuri n'ubushyuhe ku isi.
5. **Ni ibihe bintu bivugwa mu mwandiko bituma mu kirere hajyamo imyuka ihumanye**? Ni abantu biyongereye ku isi n'ibikorwa byabo.
6. **Tanga urugero rw'uruganda rwo mu Rwanda rwaba rwangiza ikirere**. CIMERWA
7. **Ubona hakorwa iki kugira ngo hagabanywe imyuka mibi ihumanya ikirere?** Kwirinda ibintu byinshi bisohora ibyuka byangiza ikirere, kwirinda gutwika ahantu n'ibintu - Kongera gutera ibiti- kubungabunga ibidukikije.

III. Ubumenyi bw'ururimi.

1. **Soma interuro zikurikira maze uvuge niba inshinga itsindagiye iri mu mbundo cyangwa itondaguye.**

   a) Abantu **bakunda kwangiza** ibidukikije. →Bakunda: **Inshinga itondaguye.**

   →Kwangiza : **Imbundo.**

   b) **Gukunda** no **gukundwa birashimisha.** →Gukunda**: Imbundo** →Gukundwa: **Imbundo**

   →Birashimisha: **Inshinga itondaguye.**

UMUTWE WA GATATU:

UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku burenganzira bwa muntu;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko inshinga itondaguye, ingiro nkora n'ingiro ntega, indango yemeza n'indango ihakana;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo aranga ahantu;
- Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga;
- Guhanga inkuru ishushanyije.

3.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe

- Uburenganzira bwa muntu muri rusange.
- Guhanga umwandiko mushya
- Inshinga iri mu mbundo, n'inshinga itondaguye.
- Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

3.2. Igikorwa cy'umwinjizo

Ha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe. Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma ubafashe kubinoza.

Urugero rw'igikorwa:

Ineza ni umwana w'umukobwa ufite umubyeyi umwe, ari we nyina umubyara. Igihe Ineza yagezaga ku myaka yo gutangira ishuri, nyina yaramwihoreye ntiyamujyanayo, avuga ko nta bushobozi yabona bwo kwishyurira Ineza ngo anamubonere ibindi byose akenera mu buzima bwa buri munsi. Yavugaga ko kuba amugaburira, akamubonera imyambaro bihagije, ko na we atize kandi yamubyaye akamurera.

Uhereye ku nkuru ya Ineza na nyina, subiza ibi bibazo:

a) Ni ubuhe burenganzira Ineza yavukijwe n'umubyeyi we?

b) Umwana afite uburenganzira ku bintu byinshi. Vugamo bine.

Urugero rw'ibisubizo

a) Ineza yavukijwe uburenganzira bwo kwiga.

b) Uburenganzira bwo kubaho, gukundwa, kujyanwa mu ishuri, kuvuzwa, gukina, kurindwa imirimo ivunanye, kurindwa ihohoterwa ...

3.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda, bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro no mugihe bimenyereza gukoresha amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

3.4. Indangagaciro

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi, imiruho cyangwa ubumuga umuntu afite ntibimuce intege mu rugendo rwo kwiteza imbere.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi no kudahutaza abafite ubumuga.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kudasuzura no kutita abafite ubumuga uko bidakwiriye ahubwo abantu bose bagahabwa uburenganzira bungana.

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke n'ubwo yaba afite ubumuga.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda, nta guheza kandi ibitekerezo by'abandi bigahabwa agaciro.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere cyane cyane abafite ubumuga bagashyigikirwa.

-**Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo:** Binyuze mu kwigira isomo ku bavugwa mu mwandiko.

3.5. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo yo kubungabunga uburezi budaheza. Nko mu mwandiko wa "*Mureke atete atoneshwe*" abanyeshuri basobanurirwa uko bakwiye kubana neza n'abafite ubumuga. Muri uyu mutwe kandi hagaragaramo imvugo zabugenewe zikoreshwa ku bantu bafite ubumuga. Abanyeshuri batozwa rero kubahiriza uburenganzira bw'abafite ubumuga.

3.6. Amasomo ari mu mutwe wa gatatu n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasaha 48
12	**Umwandiko: Uburenganzira bw'umwana**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	**2**
	Gusoma no kumva umwandiko	**1**
	Gusoma no sesengura umwandiko	**1**
	Ubumenyi ngiro (Gukora inshamake y'umwandiko)	**1**
	Ihangamwandiko	
	Inshoza n'amabwiriza y'ihangamwandiko no guhanga umwandiko.	2
	Ibikorwa byo gusoma	**1**
13	**Umwandiko: Impuhwe ziruta ubutunzi**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhanga umuvugo)	1
	Imyandikire y'Ikinyarwanda	
	Inshoza n'imyandikire y'amagambo aranga ahantu	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
14	**Umwandiko: Mureke atete**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	**1**
	Inshinga	
	Ibihe bikuru by'inshinga	**2**
	Indango z'inshinga	**1**
	Igikorwa cyo gusoma	**1**

15	**Umwandiko: Ganza yaratabawe**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	**2**
	Gusoma no kumva umwandiko	**1**
	Gusoma no gusesengura umwandiko	**1**
	Ubumenyi ngiro (Guhina umwandiko)	**2**
	Ingiro nkora n'ingiro ntega	
	Ingiro z'inshinga	**1**
	Igikorwa cyo gusoma	**1**
16	**Umwandiko: Sekidende na nyirakuru**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhanga inkuru)	2
	Inkuru ishushanyije	
	Amabwiriza y'inkuru ishushanyije	1
	Ibikorwa byo gusoma	1
17	**Umwandiko: Muhirwa n'umuryango we**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ikeshamvugo	
	Inshoza y'ikeshamvugo ku bumuga Amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga	1
	Isuzumabushobozi risoza umutwe wa gatatu	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 12

Umwandiko "Uburenganzira bw'umwana"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko. Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Uburenganzira bw'umwana*" . Ubasabe kwitegereza ishusho ijyanye n'umwandiko, ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko. Akira ibisubizo by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo batanze bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Ni nde uvugwa mu mwandiko? Ni umwana.
2. Ni iki bavuze agomba kurindwa? Agomba kurindwa ibikorwa byose bimuhutaza.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe n'andi badasobanukiwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange

ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Ingero z'inyunguramagambo:

Uburenganzira: Ibyemererwa umwana n'amategeko nko kwiga, kubaho no kugira ubuzima bwiza.

Irangamimerere: Ibitabo cyangwa inyandiko zibika amakuru y'ingenzi y'umuntu nk'izina n'amavuko.

Ivangura: Gushyira abantu ku ruhande cyangwa kubima uburenganzira kubera uko bameze (igitsina, ubumuga, n'ibindi).

Imirimo ivunanye: Akazi gakomeye kadakwiriye gukorwa n'abana, kabangamira imibereho n'imyigire yabo.

Umutungo: Iby'ingenzi cyangwa ibikoresho umuntu asigarana byasizwe n'ababyeyi cyangwa akoreye.

Ubwenegihugu: Uburenganzira umuntu ahabwa n'amategeko bwo kugira igihugu.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Kuzuza interuro

a) Umwana agomba kwandikwa mu bitabo by' **irangamimerere.**

b) Umwana afite uburenganzira bwo **kwiga** nk'abandi bantu bose.

c) Gukoresha umwana **imirimo ivunanye** binyuranyije n'amategeko.

d)Abana bafite uburenganzira bwo **kuragwa umutungo** n'ubwo baba ari abakobwa cyangwa abahungu.

e) Ihohoterwa ni imwe mu myitwarire ibangamira uburenganzira bw'abana.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Uburenganzira bw'umwana" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

***a*) Gusoma umwandiko**

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda Ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni iki gituma umwana agomba kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere?** Kugira ngo ahabwe ubwenegihugu kandi amategeko amumenye nk'umuturage.
2. **Garagaza uburenganzira bw'umwana buvugwa mu mwandiko?** Umwana afite uburenganzira bwo kubaho no kwitabwaho, kwiga, kurindwa ihohoterwa n'imirimo ivunanye, kugira umutungo n'ubwenegihugu n'uburenganira bwo gukina.
3. **Ni akahe kamaro ko gukina ku mwana?** Gukina bifite akamaro kuko bituma umwana akura neza, haba mu mubiri no mu bwonko.
4. **Umwana ashobora kuragwa umutungo ate?** Umwana ashobora gusigarana umutungo w'ababyeyi be, yaba umuhungu cyangwa umukobwa.
5. **Ni ibihe bikorwa bikubiye mu kurinda ubuzima bwiza bw'umwana?** Kumuha inkingo, kumuvuza, kumwambika neza no kumurinda indwara n'impanuka.
6. **Ni ryari umwana yemererwa kwihitiramo imyemerere cyangwa idini?** Umwana yemerwa guhitamo imyerere cyangwa idini mu gihe amaze kumenya ubwenge kandi amaze kugira ubushobozi bwo kwifatira ibyemezo.

7. Guhitamo igisubizo gikwiye

A) Umwana agomba kurindwa:

a) Gukina
b) Kugira inshuti
c) Gukubitwa

B) Umwana afite uburenganzira bwo:

a) Gusaba amafaranga ku mbaraga.
b) Kurerwa n'ababyeyi cyangwa abamwitaho
c) Gukora mu ruganda.

C) Abana bafite uburenganzira bwo:

a) Gushinga urugo bakiri bato.
b) Kwiga no kugira ubuzima bwiza.
c) Gukora cyane kugira ngo babone amafaranga.

D) Ivangura ry'abana mu mashuri ntiryemewe kuko:

a) Rituma abana biga cyane.
b) Rituma abana bumva bafite agaciro.
c) Ribangamira uburenganzira bwabo.

E) Abarezi bagomba:

a) Guca intege abana.
b) Gushyigikira iterambere ry'abana.
c) Kwigisha abana uko bahunga ishuri.

III. Imyitozo

Baza ibindi bibazo ku nkuru bigufasha kumenya niba abanyeshuri basobanukiwe cyangwa bibuka buri kintu kivugwa mu nkuru ikubiye mu mwandiko basomye.

Isomo rya 3: Gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho bibaye ngombwa, wita no ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri kumurikira itsinda rigari ibisubizo babonye, ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Ni gute kubahiriza uburenganzira bw'umwana bishobora guteza imbere Igihugu?** Iyo umwana ahawe uburenganzira, akura neza kandi akagera ku ntego, atanga umusaruro mu buryo bw'ubwenge kandi akagira uruhare mu kwikorera no gukorera Igihugu. Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye hanyuma umwarimu agende abiha umurongo uboneye.
2. **Ese kumenya uburenganzira bw'umwana bikumariye iki nk'umwana?** Kubimenya bituma mbuharanira, nkamenya icyo nemerewe n'icyo mbujijwe. *Abanyeshuri baratanga ibisubizo binyuranye hanyuma umwarimu arebe ko bimeze neza.*
3. **Ni iki kerekana ko uburenganzira bw'umwana bushingiye ku mategeko?** Kuba amategeko avuga ko uburenganzira bw'umwana butangira agisamwa kandi bukubiye mu mategeko y'Igihugu.
4. **Ni izihe ngaruka zishobora guterwa no kudaha agaciro uburenganzira bw'umwana**? Umwana ashobora guhura n'ihohoterwa, ubukene, kutiga, kurwara no kuba umutwaro ku muryango n'Igihugu.
5. **Ni iyihe nama wagira ababyeyi babuza abana babo gukina?** Nashishikariza ababyeyi kugena umwanya wo gukina ku bana kuko bituma bakura neza kandi bakaruhuka mu mutwe. Bituma biga kandi bagafata kuko nta kintu kiba kibabangamiye mu mutwe.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Uburenganzira bw'umwana."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro: "Gukora inshamake y'umwandiko"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gukora inshamake y'umwandiko
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwerekana inshamake y'umwandiko "*Uburenganzira bw'umwana*." nk'uko bari babihawe mu mukoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Ha abanyeshuri bake umwanya wo gusoma inshamake bakoze mu mukoro. Saba ishuri ryose kunoza inshamake zabo zikaba zubakiye ku bitekerezo by'ingenzi.

III. Umwanzuro

Saba abanyeshuri gusoma ibyo bakoze. Tanga ubujyanama ngarukirane murebere hamwe ibyakozwe neza n'ibikwiye kunozwa mu guhina umwandiko.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakabwira ababyeyi babo umwandiko bize n'icyo bakunze muri uwo mwandiko.

Ihangamwandiko

Isomo rya 5: Inshoza n'amabwiriza y'ihangamwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ihangamwandiko n'amabwiriza y'ihangamwandiko; - Guhanga umwandiko yubahiriza amabwiriza y'ihangamwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "Uburenganzira bw'umwana", saba abanyeshuri gusubiza ibibazo kuri wo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni ibihe bitekerezo usanga bivugwa mu gika cya 2 ukagera mu gika cya 6.

- Igika cya 2 kivuga: Uburenganzira bwo kubaho no kwitabwaho
- Igika cya 3 kivuga: Uburenganzira bwo kwiga
- Igika cya 4 kivuga: Uburenganzira bwo kurindwa ihohoterwa no kurindwa gukora imirimo ivunanye
- Igika cya 5 kivuga: Uburenganzira ku mutungo n'ubwigenge
- Igika cya 6 kivuga: Uburenganzira bwo kugira ubuzima bwiza no gukina.

2. Ni ibiki bikubiye mu gika cya mbere?

Mu gika cya mbere bavugamo ibyo bitekerezo uko ari bitanu baje kuvugaho mu bika bindi bikurikiyeho.

3. Ni uwuhe mwihariko w'igika cya nyuma?

Igika cya nyuma harimo ubutumwa buhabwa abantu batandukanye bubabwira ibyo bagomba gukora mu kubahiriza uburenganzira bw'umwana.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ihangamwandiko icyo ari cyo wifashishije inshoza iri mu gitabo cy'abanyeshuri.

Sobanurira abanyeshuri ibice bine bigize ihangamwandiko ari byo: Umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Sobanurira abanyeshuri amabwiriza y'ihangamwandiko wifashishjije aho biri mu gitabo cy'abanyeshuri.

Umwitozo

Saba abanyeshuri guhanga umwandiko ku nsanganyamatsiko bahawe.

Urugero:

Ubahiriza ibice bigize umwandiko maze uhimbe umwandiko utarengeje imirongo 20 ku nsanganyamatsiko ikurikira: "**Umwana afite inshingano zo kwiga, kubaha no gufasha ababyeyi**".

Reba ko imyandiko abanyeshuri bahanze ikurikije amabwiriza y'ihangamwandiko.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gukurikira inkuru, ikinamico cyangwa umuvugo hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gukurikirana inkuru, indirimbo, ikinamico cyangwa umuvugo akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, mudasobwa, terefoni n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

Yobora abanyeshuri mu cyumba bigiramo ibijyanye n'ikoranabuhanga ubashyira mu matsinda bitewe na za mudasobwa zihari.

II. Uko isomo ryigishwa

Ukoresheje porojegiteri ereka abanyeshuri uko bashakisha inkuru, indirimbo, ikinamico cyangwa umuvugo kuri **"Youtube"** bakabirebera hamwe.

Saba abanyeshuri gukurikiza inzira wakoresheje na bo bashakishe inkuru, indirimbo, ikinamico cyangwa umuvugo kuri **"Youtube"** babirebere hamwe mu matsinda yabo.

Gendagenda mu matsinda ufasha abafite ibibazo byihariye.

Umukoro:

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gutira terefoni abo babana maze bakishakira agatabo k'inkuru bakagasoma bakazabwira bagezi babo mu ishuri ibyo basomyemo.

Icyumweru cya 13

Umwandiko "Impuhwe ziruta ubutunzi"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"impuhwe ziruta ubutunzi"**. Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

***a*) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni ba nde bavugwa mu nkuru? Ni abanyeshuri, Teta, Muhire, se wa Teta na nyina

2. Kuki Muhire yabaga mu muhanda ? Nuko se yapfuye na nyina akamuta.

3. Ni nde wamubonye akamugirira impuhwe? Ni Teta.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Gutorongera***:* Kugenda utazi iyo ujya.
- **Uruhuri:** Inyoni nyinshi.
- **Umutavu:** Inyana ikivuka.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri, mu matsinda, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Goresha amagambo mu nteruro zumvikanisha igisobanuro afite mu mwandiko**

- **Itumba:** Mu Itumba hagwa imvura nyinshi.
- **Uruhuri:** Ifundi zirema uruhuri kuko zigendana kenshi.
- **Gutorongera:** Umwana wanze kumvira ababyeyi aratorongera.
- **Umutavu:** Inka yacu yabyaye ejo, ubu ifite umutavu.

2. Gusimbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira impuzanyito zayo:

a) Data **yarapfuye,** mama ahita yigendera.

b) Ubwo nasigaye mu rugo ngenyine, mbuze **ibiryo/ifunguro**, nange ndatorongera.

c) Burya si bose batanga **urumuri**.

3. Gusimbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira imbusane zayo:

a) **Umwijima** uturuka ku bawufite.

b) Abandi bagatanga **ubushyuhe**.

c) Twahageze izuba **rirashe**

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko **"impuhwe ziruta ubutunzi"** bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka gusoma?

Umutwe w'umwandiko duherutse gusoma ni "**Impuhwe ziruta ubutunzi**".

2. Ni nde mwibuka uvugwa muri uwo mwandiko?

Mu bavugwa mu mwandiko harimo Teta, Muhire n'ababyeyi ba Teta.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Teta yahuye na Muhire mu kihe gihe cy'umwaka?** Bahuye mu Itumba.
2. **Muhire ahura na Teta, yari afite imyaka ingahe?** Yari afite imyaka cumi n'ibiri.
3. **Ni ukubera iki Muhire yabaga mu muhanda?** Muhire yabaga mu muhanda kuko yari yarapfushije se hanyuma nyina aramuta abuze ibyo arya, ajya mu muhanda.
4. **Ni iki cyatumye ababyeyi ba Teta bafata Muhire ngo bamurere?** Nuko bumvise amateka ye bakamugirira impuhwe.
5. **Muhire yavuze ko narangiza kwiga azakora iki?** Muhire yiyemeza ko narangiza kwiga, azashinga umuryango witwa "Urumuri rw'umwana".

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise umwandiko neza.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iki ushima ababyeyi ba Teta?** Nabashima umutima wa kibyeyi bafite watumye bashobora kurera neza umwana wabo bakanakira Muhire batabyaye bakamurera.
2. **Ni iki ugaya nyina wa Muhire?** Nyina wa Muhire ndamugaya ko yataye umwana we akiri muto bigatuma atorongera.
3. **Wowe uhuye n'umwana ufite ibibazo nk'ibya Muhire wumva wamukorera iki?** *Buri munyeshuri atanga igisubizo ke kijyanye n'imbamutima ze.*
4. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?** Isomo ni iryo kugira impuhwe.

   Abanyeshuri batanga n'andi masomo arimo.
5. **Ha iyi nkuru undi mutwe wahura n'ibiyivugwamo**. Umubyeyi mwiza, ubupfura bwa Teta,... (*Abanyeshuri batanga n'indi mitwe ishobora kujyana n'umwandiko*).
6. **Himba irindi herezo ry'iyi nkuru.** *Buri wese atanga iherezo ry'inkuru ukareba ko riboneye ukurikije uko inkuru ikwiye gusozwa.*

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gukora inshamake y'umwandiko wa "Impuhwe ziruta ubutunzi"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhanga umuvugo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora; Guhanga umuvugo yubahiriza uturango twawo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri kukwereka inshamake z'umwandiko "Impuhwe ziruta ubutunzi" bakoze maze usabe bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo inshamake bakoze.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri kukwibutsa inshoza n'uturango by'umuvugo.

Inshoza n'uturango by'umuvugo:

Umuvugo ni umwandiko uryoheye amatwi, afite amajwi cyangwa amagambo agenda agaruka. Imirongo yawo iba igizwe n'amagambo make kandi afite injyana.

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko bahangaho umuvugo: Hanga umuvugo urata umuntu waba warakugiriye neza mu buzima bwawe. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri bahanga umuvugo, ufasha abafite ibibazo byihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo imivugo bahanze. Saba buri munyeshuri kwandukura neza ku rundi rupapuro umuvugo yahanze. Basabe baguhe aho bandukuye iyo mivugo kugira ngo uzayikosore ureba ko yubahirije uturango tw'umuvugo.

Umukoro

Saba buri munyeshuri kuzagaruka mu ishuri yafashe mu mutwe umuvugo yahanze.

Imyandikire y'amagambo aranga ahantu

Isomo rya 5: Inshoza y'amagambo aranga ahantu

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza y'amagambo aranga ahantu no kuyakoresha neza mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatka.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri bamwe kuvugira imbere ya bagenzi babo imivugo bahanze.

Saba abanyeshuri gusoma igika cyatanzwe maze ubafashe gutahura inshoza n' imikoreshereze iboneye y'amagambo aranga ahantu.

Urugero rw'interuro

I Huye ni ho i**wacu.** Iyo ndi **imuhira** nkunda gukina n'abana duturanye. Hari igihe dukina

umukino wo kumenya ibyerekezo vuba. Uyobora umukino agenda avuga ibyerekezo bitandukanye agira ati:" **Iburyo, ibumoso, imbere, inyuma**." Ugiye mu kerekezo gitandukanye n'icyo yavuze aba atsinzwe. Nagiye **i** Nyamasheke nsanga na bo bakina nkatwe.

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri gusoma interuro bahawe. Babaze ibibazo bibafasha gutahura inshoza n'imikoreshereze y'amagambo aranga ahantu.

Amagambo atsindagiye murabona ahuriye ku ki?

Imyandikire yayo itandukaniye hehe?

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Aho ahuriye ni uko yose aranga ahantu.

Aho imyandikire yayo itandukaniye ni uko amwe **i** bifatanye andi bikaba bitandukanye.

Saba abanyeshuri gusoma inshoza n'imikoreshereze y'amagambo aranga ahantu mu bitabo byabo maze ubafashe gusobanukirwa . Saba abanyeshuri buri wese gukora interuro irimo ijambo riranga ahantu maze ayibwire mugenzi we bicaranye. Gendagenda wumva interuro bakoze. Saba abanyeshuri bamwe gusangiza ishuri ryose interuro bakoze.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora buri wese ku giti ke umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'igika cy'umwandiko gikosoye:

Bahaguruka ku Kamonyi, bataha ku Kacyiru. Bukeye baboneza iy' **i** Gisaka barara **i** Rwamagana, bucya bajya **i** Mukiza kwa Kimenyi. Bagezeyo babwira Kimenyi, bati: "Ndabarasa yadutumye ngo: Wamutumyeho umuntu w'umukogoto muzarushanwa kumasha, none twamuzanye."

Kimenyi ati: "Nimunyereke uwo mwazanye!" Babwira Kazenga arahaguruka, yari akiri agasore k'ingaragu. Kimenyi amukubise amaso aramusuzugura, ati: "Uru ruhinja ni rwo rwaje kurushanwa na Kimenyi!" Intumwa za Ndabarasa, ziti: "Ni uwo, ahasigaye tubwire igihe tuzahurira mukarushanwa."

Kimenyi, ati: "Umusibo ni ejo, ejobundi nkamusezerera mukitahira." Nuko Abanyarwanda barikubura basubira mu **i**cumbi ryabo [...]

Umukoro

Saba abanyeshuri kwandika interuro eshanu zirimo amagambo aranga ahantu.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

- Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma.
- Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo.
- Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.
- Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru.
- Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.
- Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.

III. Umwanzuro

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 14

Umwandiko "Mureke atete"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Umwarimu arangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Mureke atete*". abasaba kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ababazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Ni umuvugo.

2. Ni nde uvugwa mu mwandiko? Ni umwana ufite ubumuga

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Ubumuga:** Ubusembwa umuntu avukana cyangwa aterwa n'ibintu bitandukanye nk'indwara, impanuka n'ibindi.
- **Urugingo**: Igice cy'umubiri, ariko mu mwandiko biravuga umwana w'u Rwanda rw'ejo.
- **Umusingi**: Intangiriro cyangwa urufatiro rukomeye.
- **Uburere:**Indangagaciro cyangwa imyifatire umuntu atozwa n'abamurera.
- **Indangagaciro:** Ni imwe mu myifatire myiza ijyana n'uburere umuntu yatojwe n'ababyeyi cyangwa igihugu ke.
- **Kwinginga:** Guhendahenda

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri, mu matsinda, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

A. Shyira ijambo riboneye mu mwanya uteganyijwe rivuye mu mwandiko.

1. Umwana ufite _____ na we ni umwana nk'abandi. → ubumuga
2. Ntitugomba kumwita _____ atesha agaciro. →amazina
3. Umwana ni _____w'iterambere ry'Igihugu. →amusingi

4. Uburezi n'_____ birareba umwana wese. → aburere

5. Umwana agomba gutozwa _____ z'umuco w'iwacu. → indangagaciro

B. Hitamo igisubizo nyacyo

1. "Atone atoneshwe" bivuga:
   a) Guhunga abantu.
   b) Yisanzure kandi yakirwe neza.
   c) Kwihisha abandi.
2. "Ni urugingo rw'u Rwanda rw'ejo" bivuga ko umwana ari:
   a) Umurage uzimangana.
   b) Igice k'ingenzi cy'ahazaza h'Igihugu.
   c) Umuntu woroshye.
3. Ni umusingi w'iterambere, bisobanura:
   a) Ni we uduteza imbere.
   b) Ni we utarateye imbere mu Rwanda.
   c) Ni we amajyambere yubakiyeho.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bibafasha kwibuka umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. Ni nde uvugwa cyane mu muvugo? Umwana ufite ubumuga.

2. Kuki umuvugo usaba ko uyu mwana yatoneshwa? Ni uko na we ari umwana nk'abandi.

3. Ni iki kerekana ko uwo mwana adakwiriye guterwa isoni cyangwa kwangwa? Ikibyerekana ni uko na we ari umwana nk'abandi.

4. **Ni iyihe myitwarire abantu basabwa kugira kuri uwo mwana?** Kumukunda, kumurinda, kutamwitaza, no kumutoza neza.
5. **Umuvugo uvuga ko uwo mwana agomba guhabwa ibihe bintu by'ingenzi?** Uburezi, uburere, indangagaciro, no kurindwa ihohoterwa.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise umwandiko neza.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Uyu muvugo utanga ubuhe butumwa ku babyeyi n'abarezi?** Utanga ubutumwa bwo kwita ku bana bafite ubumuga na bo bagateteshwa kuko na bo ari abana nk'abandi.
2. **Ni iyihe ndangagaciro y'ingenzi ishimangirwa muri uyu muvugo?** Ni ukwemera abandi uko bari, urukundo, ubwubahane.
3. **Wakwifashisha ute uyu muvugo mu kurwanya ivangura mu ishuri?** Nawusomera abanyeshuri, twaganira ku bwubahane, uburezi budaheza no kwimakaza uburinganire mu mibereho yabo.
4. **Ni iki wakora kugira ngo umwana ufite ubumuga yige nk'abandi?**Namukorera ubuvugizi hakajyaho amashuri menshi y'abafite ubumuga. (*aha buri munyeshuri yatanga igisubizo ke*)
5. **Utekereza ko ari iyihe mpamvu umuhanzi ahamagarira ababyeyi n'abarezi guteteshа uriya mwana?** Kuko na we afite uburenganzira bwo kwitabwaho no gusabana n'abandi.

   Yavutse nk'abandi, ni urugingo rw'igihugu, kandi agomba kwigishwa nk'abandi

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Inshinga

Isomo rya 4: Ibihe bikuru by'inshinga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora Gutahura ibihe bikuru by'inshinga no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibihe bikuru by'inshinga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma igika cy'umwandiko wabahaye, bitegereze amagambo atsindagiye arimo maze batahure inshinga zivuga igikorwa cyahise, ikirimo gukorwa n'ikizakorwa. Basabe gutahura inshoza y'ibihe bikuru by'inshinga n'ibyo ari byo.

Urugero rw'ibisubizo:

Mwana wange ubwo ubona njijutse nta kindi mbikesha ni ugusoma ibitabo bitandukanye.

Kera nkiri muto **narasomye** biratinda. **Nasomye** ibitabo byinshi bitandukanye: iby'inkuru, iby'amateka n'iby'ubumenyi butandukanye. Iyo nabaga nageze ku gitabo kiryoshye, **narasomaga** sinibuke no kurya. Uyu munsi **ndasoma** ikindi gitabo kandi **nzagisoma** n'ejo.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibihe bikuru by'inshinga icyo ari cyo wifashishije inshoza yayo iri mu gitabo cy'abanyeshuri. Basobanurire kandi uburyo ibyo bihe bihinduka mu itondaguranshinga.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Gushyira interuro zikurikira mu nzagihe
   a) Umuganga yatwakiriye neza.→Umuganga **azatwakira** neza.
   b) Uyu mwana yabaye umuhanga.→ Uyu mwana **azaba** umuhanga.
2. Mukurikize ruhamwa yatanzwe maze mushyire inshinga mu gihe cyatanzwe mu dukubo.
   a) Mutoni (gusobanurira: inzagihe) bagenzi be. →Mutoni **azasobanurira** bagenzi be.
   b) Uburagaza (kwica: impitagihe) abantu benshi mu myaka ya kera.→ Uburagaza **bwishe** abantu benshi mu myaka ya kera.
   c) Mu Mpeshyi nta mvura (kugwa: indagihe). →Mu Mpeshyi nta mvura **igwa.**
   d) Mburugu ni imwe mu ndwara (kwandurira: indagihe) mu mibonano mpuzabitsina.

→Mburugu ni imwe mu ndwara **zandurira** mu mibonano mpuzabitsina

e) Iyi nka (kuza: inzagihe) ibyatsi yarishije.→Iyi nka **izuza** ibyatsi yarishije.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro ebyirebyiri kuri buri gihe gikuru k'inshinga.

Isomo rya 5: Indango z'inshinga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura inshoza y'indango yemeza n'indango ihakana no gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko indango yemeza n'indango ihakana.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro wabahaye, bitegereze amagambo atsindagiye arimo maze batahure inshoza y'indango yemeza n'ihakana.

Urugero rw'ibisubizo:

- Ganza na Ngenzi **ntibasigana**.
- **Simbona** igihe cyo gukora imikoro
- Ganza **yagize** amanota make.
- Ganza **ntiyakoze** umukoro.
- Ejo **uzazane** n'umubyeyi wawe ku ishuri.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri indango z'inshinga icyo ari cyo wifashishije inshoza iri mu gitabo cy'umunyeshuri. Basobanurire kandi uburyo izo ndango zihinduka mu nshinga.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Shyira interuro zikurikira mu ndango ihakana.

a) Gatete yiga buri munsi. →Gatete **ntiyiga/ ntabwo yiga** buri munsi.

b) Twese turakora umukoro wose. →Twese **ntiturakora/ntabwo turakora** umukoro wose.

c) Abarimu baza ku ishuri kare. →Abarimu **ntibaza/ntabwo baza** ku ishuri kare.

d) Rugamba yandika igitabo kinini. →Rugamba **ntiyandika/ntabwo yandika** igitabo kinini.

e) Mfasha abaturanyi bacu.→ **Simfasha/ ntabwo mfasha** abaturanyi bacu.

2. Shyira interuro zikurikira mu ndango yemeza.

a) Ntimukinire muri kiriya kibuga →**Mukinire** muri kiriya kibuga.

b)Ganza ntakunda gukora umukoro bamuhaye. →Ganza **akunda** gukora umukoro bamuhaye.

c) Uyu mubyeyi ntakoresha abana bato mu kabari ke. →Uyu mubyeyi **akoresha** abana bato mu kabari ke.

d) Wa mwana ntiyageze ku ishuri.→ Wa mwana **yageze** ku ishuri.

e) Iyi mbwa ntimoka cyane. →Iyi mbwa **imoka** cyane.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo: Gusoma hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma akoresheje uburyo bw'ikoranabuhanga nka mudasobwa cyangwa terefoni.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, mudasobwa, terefoni n'ibindi bikoresho by'ikoranabuhanga.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa. Yobora abanyeshuri mu cyumba bigiramo ibijyanye n'ikoranabuhanga ubashyire mu matsinda bitewe na za mudasobwa zihari.

II. Uko isomo ryigishwa

Ukoresheje porojegiteri ereka abanyeshuri uko bashakisha igitabo cyo gusoma kuri murandasi bakagisomera hamwe. Saba abanyeshuri gukurikiza inzira wakoresheje na bo bishakire ibitabo byo gusoma, babisesengure. Gendagenda mu matsinda ufasha abafite ibibazo byihariye.

Ushobora kandi gusoma inkuru wifata amajwi n'amashusho maze ukabyumvisha/ukabyereka abanyeshuri, ukabasaba gusoma bigana uko wasomye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gutira terefoni abo babana maze bakishakira agatabo k'inkuru bakagasoma bakazabwira bagezi babo mu ishuri ibyo basomyemo.

Icyumweru cya 15

Umwandiko "Ganza yaratabawe"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ganza yaratabawe*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:
1. Ni ba nde bavugwa mu mwandiko? Ni Ngenzi, Ganza, Umwarimu na Se wa Ganza.

2. Ni ubuhe burenganzira Ganza yabujijwe? Yabujijwe uburenganzira bwo kwiga.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
- **Inshuti magara:** Umuntu ukundana n'undi cyane.
- **Imikoro:** Ibibazo abanyeshuri batahana bigakorerwa mu rugo.
- **Kwibaza:** Guhugirana utekereza ibintu akenshi biteye impungenge.
- **Gusubiramo:** Gukora ikintu kimwe inshuro nyinshi.
- **Kwinginga:** Guhendahenda.

III. Imyitozo
Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro yawe wihimbiye.

a) Inshuti magara: Abanyeshuri twigana bose ni inshuti magara.
b) Imikoro: Ejo muzakore umukoro.

c) **Kwibaza:** Wikwibaza ibibazo byinshi.
d) **Gusubiramo**: Tugiye gusubiramo amasomo.
e) **Kwinginga:** Yanze kwinginga umwana we.

Saba abanyeshuri kuzuza ijambo ribura mu nteruro

2. Shyira ijambo rikwiye mu mwanya urimo akadirishya (...)

a) Ngenzi na Ganza bigana mu mwaka wa (...) w'amashuri abanza. →**gatanu**
b) Ganza ajya gufasha se (...) mu kabari.→ **gucuruza**
c) Umwarimu yabwiye Ganza kuzana (...) ku ishuri.→**umubyeyi**
d) Umubyeyi wa Ganza yabanje kuvuga ko adafite (...) wo kujya ku ishuri.→**umwanya**
e) Umwarimu yasobanuriye se wa Ganza uburenganzira bw'(...).→ **umwana**

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ganza yaratabawe" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburane, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

1. **Ganza na Ngenzi baba he?** Batuye mu Mudugudu wa Byimana.
2. **Ni iki Ganza yakoraga iyo avuye ku ishuri?** Yakoraga mu kabari afasha se gucuruza.
3. **Ni iki cyababaje Ngenzi ubwo yaganiraga na Ganza?** Yababajwe no kubona Ganza adasubiramo amasomo.
4. **Kuki umwarimu yahamagaje se wa Ganza?** Kuko Ganza atakoze umukoro kubera akazi ko mu kabari.
5. **Se wa Ganza yavuze iki nyuma yo kuganira n'umwarimu?** Yemeye ko yakoze amakosa kandi asezeranya kutazongera gukoresha Ganza mu kabari.
6. **Ko Ganza yari asanzwe ababaye, ni iki cyaje kumushimisha?** Yanejejwe nuko atazongera kubura umwanya wo gukora imikoro no gusubiramo amasomo.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise umwandiko neza.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni irihe somo uyu mwandiko ugusigiye nk'umunyeshuri?

Uyu mwandiko unsigiye isomo ryo kwiga cyane nshyizeho umwete, nkora imikoro yose bampaye kandi nkirinda gusiba. Kubona ibibazo bya bagenzi bange, nkihatira kubikemura kandi nkagira inama bagenzi bange kugira ngo bige neza.

2. Ni irihe somo abandi barimu bakwiye kwigira ku mwarimu wa Ganza? Uyu mwarimu afite indangagaciro nziza abandi barimu bamwigiraho yo kwita ku bibazo byihariye by'abanyeshuri. Gutumiza no kugira inama umubyeyi, byakemuye ikibazo maze umwana atangira kwiga neza maze imirimo yo mukabari arayireka.

3. Ni iyihe nama waha ababyeyi babuza abana gusubiramo amasomo no gukora imikoro? Nagira inama ababyeyi ko kwiga ari uguhozaho. Bagomba guha umwanya uhagije abana babo kugira ngo bakore umukoro bahawe kandi basubiremo amasomo bize uwo munsi. Ibyo bituma abanyeshuri bamenya kurushaho ibyo biga. Iyo bitabaye ibyo, abanyeshuri basubira inyuma.

4.Usibye ingaruka zagaragajwe mu mwandiko, garagaza ibindi bibazo Ganza yashoboraga guhura na byo mu kabari. Ingaruka zindi uyu mwana yashoboraga guhura na zo, harimo izo gukurana ingezo mbi nko kwishora mu biyobyabwenge ndetse akaba yakurana uburaya cyangwa akaba yaba ikirara.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Ganza yaratabawe."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhina umwandiko"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhina umwandiko hakagaragaramo ingingo z'ingenzi koko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro
Saba abanyeshuri baguhe umukoro bakoze ubushize, muwukosorere hamwe.

II. Uko isomo ryigishwa
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko inshuro imwe.

Saba abanyeshuri guhina umwandiko mu mirongo itarenze 15.

Saba bamwe mu banyeshuri gusoma ibyo bakoze.

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya igice k'inkuru bakunze kurushaho.

Ingiro nkora n'ingiro ntega

Isomo rya 5 :Inshoza y'ingiro nkora n'ingiro ntega

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutandukanya ingiro nkora n'ingiro ntega; - Gukoresha neza ingiro nkora n'ingiro ntega mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro
Gunzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wo gushushanya igice k'inkuru.

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze bavuge niba igikorwa kibumbiye mu inshinga ziciyeho akarongo cyakozwe na ruhamwa cyangwa yagikoreweho..

Urugero rw'ibisubizo:
- Ibiti **bigira** akamaro mu mibereho ya buri munsi.
- Ibiti **bifashwe** neza na bose.
- **Inshinga ya mbere** : bigira **ruhamwa irakora igikorwa**
- **Inshinga ya kabiri**: bifashwe **ruhamwa irakorerwaho igikorwa.**

II. Uko isomo ritangwa
Fasha abanyeshuri gusobanukirwa ingiro nkora n'ingiro ntega bifashishije inshoza iri mu bitabo byabo.Ha abanyeshuri ingero z'interuro zirimo inshinga ziri mu ngiro nkora n'iziri mu ngiro ntega ubereke n'uburyo interuro iva mu ngiro nkora ikajya mu ngiro ntega.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Hindura interuro zikurikira mu ngiro nkora cyangwa ntega

a) Ngenzi afasha umubyeyi gucuruza mu kabari. **Umubyeyi afashwa na Ngenzi gucuruza mu kabari.**

b) Umwarimu yahamagaye se wa Ngenzi ku ishuri. **Se wa Ngenzi yahamagawe n'umwarimu ku ishuri.**

c) Ngenzi yaje gusurwa na Ganza. **Ganza yaje gusura Ngenzi.**

d) Ganza yahumurijwe n'umwarimu we. **Umwarimu wa Ganza yaramuhumurije.**

e) Kwiga bijijura abantu benshi. **Abantu benshi bajijurwa no kwiga.**

2. Kuzurisha ijambo utoranyije mu dukubo.

a) Gutema amashyamba **bitera** isuri (bitera, biterwa).

b) N'ibidukikije **byashenywe** na Jenoside (byashenywe, byashenye).

c) Koga amazi mabi **bitera** indwara ya tirikomonasi (bitera, biterwa).

d) Abatagira ingingo zose z'umubiri **barafashwa** na bo bakiga (barafasha, barafashwa)

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro 5 ziri mu ngiro nkora n'izindi 5 ziri mu ngiro ntega.

Igikorwa cyo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera mu matsinda ya babiribabiri

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiramo inkuru yasomeye mu itsinda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

- Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byorohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma.
- Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ugerageza gushyira hamwe abagerageza gusoma neza n'abafite imbogamizi mu gusoma kugirango bafashanye.
- Toranya inkuru zo gusoma zingana n'amatsinda ari mu ishuri maze uzihe abanyeshuri.
- Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basomera mu matsinda, abafite ibibazo ubafashe.

Genzura ko umunyeshuri umwe arangiza gusoma inkuru undi na we asome, cyangwa ko umwe asoma igika undi agasoma ikindi. Toza abanyeshuri kujya bakosorana igihe basoma.

Umukoro
Saba abanyeshuri gutira ibitabo mu isomero, bazagaruke mu isomo ryo gusoma barangije kubisoma kandi banditse muri make ibikubiye mu nkuru, ikinamico cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 16

Umwandiko: "Sekidende na nyirakuru"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Sekidende na nyirakuru*". Basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1.Ni bande bavugwa muri iyi nkuru? Sekidende na nyirakuru.

2. Mwabonye itandukaniye he n'izindi nkuru? Iyi nkuru irashushanyije.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

1. **Akabande** : Aho amazi yisuka akihuruza, haba hato kandi hameze nk'igishanga gito.
2. **Guhangaza izuba**: Kwicara cyangwa kugenda ku zuba rikaze cyane. Bikunze kuvugwa ku gicamunsi.
3. **Nyabu** : Izina rikoreshwa mu mvugo y'amarangamutima cyangwa iyo umuntu atunguwe.
4. **Sinafashe bike** :Kuvuga ko wafashe byinshi cyangwa wakoze cyane; imvugo igaragaza urugero rwo hejuru.
5. **Izamu naryigiye munsi y'amazi** : Imvugo isobanura ko umuntu izamu arizi cyane.
6. **Kuvuguta ibyatsi** : Kuvungagurira cyangwa gukaragira ibyatsi hagati y'ibiganza ubikuba.
7. **Ibijumba by'amatare** :Ibijumba bikomeye cyane bigoranye kubiteka cyangwa kubirya.
8. **Bwaki** : Indwara iterwa n'imirire mibi, ikunze kugaragara ku bana bato.
9. **Mwokabyara mwe** : Imvugo ikoreshwa mu kugaragaza amarangamutima akomeye, cyanecyane iyo umuntu atunguwe cyangwa ababaye.
10. **Byo kanyagwa** : Imvugo yerekana ibintu byononekaye cyangwa byatakaye burundu, nko mu mvura cyangwa mu buryo butunguranye.
11. **Komora** :Gukiza igikomere cyangwa igisebe buhorobuhoro.
12. **Tetanosi**: indwara uterwa na korositiridiyamu tetani (Clostridium Tetani) ikaba ishobora gutuma imitsi ikakara cyane, umuntu akagira imikaya itititra cyangwa ikiniga.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri, buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Guhimba interuro zirimo amagambo mashya**
   - **a) Yatutubikanye**: Yaratutubikanye bitewe n'izuba ryinshi.
   - **b) Kuvuguta**: Jya kuvuguta iyo myenda sha!
   - **c) Amwomore:** Niba yakomeretse amwomore.
2. **Hitamo ijambo rimwe wuzuze interuro: Tetanosi, ibijumba by'amatare, guhangaza izuba, bwaki, kumwomora.**
   - a) Nyirakuru wa Sekidende yari yejeje **ibijumba by'amatare.**
   - b) Yakomeretse maze bashyira ku gisebe umuti wo **kumwomora.**
   - c) Abana barya indyo ituzuye barwara **bwaki**.
   - d) **Tetanosi** yatumye ukuguru kwe kumugara.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Sekidende na nyirakuru" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Agenda akosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo

1. **Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru ishushanyije?** Haravugwamo umukecuru, umugore witwa Nyiramana, Sekidende n'abandi bana bakinaga na we.
2. **Umwana n' umukecuru bavugwa muri iyi nkuru bafitanye iyihe sano?** Umwana ni umwuzukuru w'uwo mukecuru, umukecuru ni nyirakuru.
3. **Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite izihe nshingano?** Abana bafite ishingano zo gufasha ababyeyi imirimo yoroheje itavunanye.
4. **Sobanura impamvu yatumye abana bajyana Sekidende kwa muganga aho kugira ngo nyirakuru amwomoze ibyatsi.** Bamujyanye kwa muganga kugira ngo bamuvure kuko umuti w' ibyatsi nyirakuru yari agiye kumushakira byishoboraga kumutera ubundi burwayi nka tetanosi.
5. **Ukurikije ibivugwa muri iyi nkuru ishushanyije abana bafite ubuhe burenganzira?** Abana bafite uburenganzira bwo gukina.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise umwandiko neza.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni izihe ngingo z'ingenzi zigize iyi nkuru.

- Gukina ni uburenganzira bw'abana ariko ntibigomba kubibagiza inshingano zabo.
- Abana bagomba gukora imirimo yoroheje ntibasuzugure ababyeyi mu gihe babatumye.
- Mu gihe ukomeretse ni byiza kujya kwa muganga aho gukoresha ibyatsi bishobora kukwanduza izindi ndwara.

2. Ni iyihe nama wagira Sekidende n'abana bari kumwe ku bijyanye no kubaha no kumvira? Abana bakwiye kumvira ababyeyi kandi bagakina nyuma yo gufasha ababyeyi imirimo yoroheje. (*aha buri mwana yatanga n'igisubizo ke kikemerwa.*)

3. Ni irihe somo ababyeyi n'abana bakura muri iyi nkuru?
Isomo nkuyemo ni uko kwivuza magendu bishobora gutera izindi ndwara. (*aha buri mwana yatanga n'igisubizo ke kikemerwa.*)

4. Utekereza ko ari iki cyatumye Sekidende ajya gukina kandi asize adakinze? Yarangajwe n'uko yari ashishikajwe no kujya gukina umupira. (Abanyeshuri bashobora gutanga ibisubizo bitandukanye)

5. Ukurikije amasano yo mu muryango, Sekidende apfana iki n'umucecuru uvugwa mu mwandiko?(Ni umwuzukuru we)

6. Ni iyihe nama wagira abana bajya gukina kandi ababyeyi babo batazi aho bagiye gukinira? Bakwiye kugenda batse uruhushya. (*aha buri mwana yatanga n'igisubizo ke kikemerwa.*)

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Sekidende na nyirakuru"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhanga inkuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhanga inkuru ahereye ku nkuru yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidaftika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kuvuga irindi herezo ry'inkuru nk'uko bari babihawe mu mukoro.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri kongera gusoma inkuru ya "Sekidede na nyirakuru". Basabe kuyikomeza maze basomere bagenzi babo inkuru yabo.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gufata mu mutwe inkuru ya Sekidende na nyirakuru hanyuma mu isomo ry'ubutaha bazakine iyo nkuru.

Isomo rya 5: Amabwiriza y'inkuru ishushanyije

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusobanura uko inkuru ishushanyije ikorwa
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba bamwe mu banyeshuri gukina inkuru ishushanyije "Sekidende na nyirakuru".

II. Uko isomo ritangwa

Saba abanyeshuri imiterere y'inkuru ishushanyije "Sekidende na nyirakuru" hanyuma ubabaze ibibazo bibafasha gutahura inshoza y'inkuru ishushanyije n'uturango twayo.

Urugero rw'ibisubizo n'ibisubizo:

Inkuru ishushanyije irangwa n'iki? Inkuru ishushanyije irangwa n'amashusho ndetse n'amagambo.

Ni iki kigaragaza umuntu uvuga? Akambi kamwerekeyeho. Kitwa "ingobe".

Saba abanyeshuri kongera kureba ibindi bigize inkuru ishushanyije harimo: Amagambo avugwa mu nkuru, imiterere y'amashusho, utubumbe tugaragaza ko umuntu arimo gutekereza, akazu kanditsemo amagambo... Ibi byose bisobanurire abanyeshuri wifashishije inshoza y'inkuru ishushanyije. Usoma inkuru ishushanyije ahera ibumoso agana iburyo kandi akava hejuru agana hasi.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora umwitozo, ufasha abafite ibibazo byihariye. Kosorera hamwe n'abanyeshuri imyitozo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo.

1. Garagaza kandi usobanure ibice by'ingenzi bigize inkuru ishushanyije.

   Ibishushanyo: Bigaragaza abanyarubuga, **Amagambo:** agaragaza ibivugwa n'abanyarubuga, n'ibindi bice nk**'ingobe:** Akambi kerekeza ku muntu uvuga, **Utubumbe:** Utudomo tugaragaza ibyo umunyarubuga atekereza.

2. Usoma inkuru ishushanyije ahera he agana he?

   Ahera ibumoso agana iburyo kandi akava hejuru agana hasi.

3. Gereranya umwandiko w'inkuru ishushanyije n'umwandiko usanzwe.

   Inkuru ishushanyije igira amashusho naho umwandiko usanzwe ntugira amashusho.

4. Ongera usome inkuru ya **"Sekidende na nyirakuru"** maze uyikomeze ariko noneho ushyiraho ibishushanyo n'amagambo (*Aha abana barashushanya uko batekereza inkuru yakomeza*)

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo guhanga inkuru ngufi ishushanyije ku nsanganyamatsiko bashaka. Inkuru yabo ishobora kuba iy'abantu baganira, iy'inyamaswa ziganira cyangwa se inyamaswa ziganira n'abantu.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6:Gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri, umwumwe, gusubiramo inkuru, ikinamico cyangwa umuvugo basomye.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakina inkuru basomye cyangwa ikinamico bafashe mu mutwe.

Icyumweru cya 17

Umwandiko "Muhirwa n'umuryango we"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Arangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Muhirwa n'umuryango we*". basabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Umugore wa Muhirwa yitwaga nde? Mukandori.

2. Ni iki cyatangaje Muhirwa inkuru yenda kurangira? Kongera kubona umuryango we.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Ikivunge:** Itsinda ry'abantu cyangwa ry'imodoka.
- **Bazahajwe**: Barazengerejwe, kuba ikintu kibi cyaranze kukuvaho.
- **Inkambi:**Ahantu impunzi zishyirwa kugira ngo zitabweho ziri hamwe.
- **Ubwuzu:** Ubushake burimo urukundo rwo kwakira abakugana.
- **Arabonekewe:** Abonye ikintu mu buryo butunguranye.

III. Imyitozo

1. Kuzurisha amagambo akurikira mu nteruro: ikivunge, bazahajwe, inkambi, ubwuzu, arabonekewe

a. Yabonye izahabu bamuzaniye agira ngo **arabonekewe.**

b. **Ikivunge** k'imodoka cyabujije abashyitsi gutambuka.

c. Abo bana **bazahajwe** n'inzara ni yo mpamvu badatsinda.

d. **Inkambi** ya Mahamba yatujwemo impunzi zo muri Kongo.

e. Uwo mukecuru yari afitiye abuzukuru be **ubwuzu**.

2. Gukoresha amagambo mu nteruro

Urugero rw'interuro:

1. Guca inshuro: Inzara yatumye ajya guca inshuro.
2. Igitonyanga mu nyanja: Uturyo babahaye twabaye igitonyanga mu nyanja.
3. Gupagasa: Karangwa yagiye gupagasa mu mahanga.
4. inda y'imvutsi: Yagiye kwa muganga afite inda y'imvutsi.
5. Inshuke: Igabe yiga mu mashuri y'inshuke.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Muhirwa n'umuryango we" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

***a*) Gusoma umwandiko**

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Agenda akosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko? **Muhirwa, Mukandori, nyirabukwe wa Mukandori, abana ba Mukandori, abaturanyi n'abashinzwe imirire.**
2. Kuki umugabo uvugwa muri uyu mwandiko intambara yateye atari mu rugo? **yari yaragiye gupagasa.**
3. Umugore uvugwa mu mwandiko yafashijwe ba bande mu bibazo yahuye na byo? **Abaturanyi be n'abashinzwe imirire.**
4. Uyu muryango ugeze mu nzira uhunga byawugendekeye bite? **Mukandori yaje kuburana n'abana be.**
5. Ni iki cyashimishije Muhirwa? **Yashimishijwe no kongera kubabona, bose ari bazima kandi bameze neza.**

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Abakosora aho biri ngombwa kandi afasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni iyihe ndangagaciro nziza yaranze Muhirwa n'umugore we n'ubwo bari bakennye? **Baranzwe n'indangagaciro yo gufatanya no kutiba.**
2. Ni izihe ngaruka zatewe n'intambara zivugwa mu mwandiko? **Gutandukana k'umuryango? Mukandori yaje kuburana n'abana be babiri kandi inda yari atwite ivamo**
3. Ni ubuhe burenganzira bw'abanyantege nke buvugwa mu mwandiko? **Bafite uburenganzira bwo kwitabwaho, kuvurwa, guhabwa ibyo kurya, kurindwa no guhabwa aho kuba.**

4. Vuga imimaro ibiri y'ibigo byita ku banyantege nke mu Rwanda. **Bitanga ibyo kurya, bitanga ibyo kwambara, bifasha abanyantege nke kwivuza, byubakira abanyantege nke, n'ibindi.**
5. Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko? **Kwita ku banyantege nke, gufatanya, gukunda umuryango wange,...**
6. Shaka irindi zina ry'umutwe wagenera uyu mwandiko. T**wite ku banyantege nke.**

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya igice k'inkuru cyabashimishije.

Ikeshamvugo

Isomo rya 4: Amagambo yabugenewe ku bafite ubumuga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gukoresha imvugo iboneye ku bafite ubumuga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye.
- Saba abanyeshuri kwitegereza igika cy'umwandiko kiri mu bitabo byabo maze bakoreshe amagambo anoze ku bafite ubumuga aho babona hakoreshejwe amagambo atanoze.

Uko icyo gika cyakosorwa:

Mu mudugudu wa Muganza habaga abana barimo **umwana ufite ubumuga** witwaga Sano. Yigaga ku ishuri rimwe **n'umwana ufite ubumuga** witwaga Beza. Ngabo yari umwana ufite ubumuga bwo kutabona wicaraga hafi y'umwana **ufite ubumuga bwo kutavuga** witwaga Umutoni. Mu ishuri ryabo, habagamo umwana **ufite ubumuga bw'ingingo** witwaga Kalisa. **Uwo mwana ufite ubumuga bw'ingingo** yicaraga wenyine. Abandi bana baramusekaga, bakamwita **izina ritamukwiriye**. Hari n'undi **izina ritamukwiriye** kuko atabashagakugenda neza nk'uko abandi bagenda. Abo bana bose bahoraga binubira amazina bahamagarwa.

Bababazwaga cyane no kutitabwaho ku ishuri kuko n'abarezi ubwabo, batabafashaga.

Ibyo byose byatumaga bumva batishimye.

II. Uko isomo ritangwa

Ifashishe imbonerahamwe iri mu gitabo cy'abanyeshuri uyobore abanyeshuri mu gusoma imvugo zitanoze ku bantu bafite ubumuga n'uburyo zakosorwa. Ha abanyeshuri umwitozo wo gukosora agakuru yabahaye karimo imvugo zitanoze. Yobora abanyeshuri mu gukosorera hamwe umwitozo wabahaye.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri buri wese ku giti ke, gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora umwitozo, ufasha abafite ibibazo byihariye. Kosorera hamwe n'abanyeshuri imyitozo.

Urugero rw'igika gikosoye

Mu ishuri ry'i Kabuye hari umwana **ufite ubumuga bw'ubugufi bukabije** witwaga Furaha. Uwo mwana **ufite ubumuga bw'ubugufi bukabije** yiganaga n'abandi bana bafite ubumuga ariko abo bana ntibabishimire. Furaha yakundaga gukina n'**umwana ufite ubumuga** bicaranaga. **Umwana ufite ubumuga bw'uruhu** Nziza, yahoraga yihishe kubera isura ye. **Umwana ufite ubumuga bwo kutabona** Rita, yamaze iminsi itatu ataza ku ishuri. **Umwana ufite ubumuga bwo kutavuga** Bahati nta n'umwe wajyaga amuganiriza. **Umwana ufite ubumuga bw'ingingo** Safari, yagirwaga inama yo kuguma mu rugo ngo batamugonga. **Umwana ufite ubumuga bwo mu mutwe** Teta, we yakubitaga abandi bana. **Umwana ufite ubumuga bwo kutumva** Muneza, nta na rimwe yigeze amenya ibyo abandi biga.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka izindi mvugo nibura eshanu zikoreshwa n'abantu zinyuranyije n'umuco nyarwanda, zishobora gukomeretsa uzibwiwe cyangwa zirimo agasuzuguro zidakwiye gukoreshwa mu muryango nyarwanda.

Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku burenganzira bwa muntu.
- Ubushobozi bwo gukora interuro zirimo indango yemeza n'indango ihakana.
- Ubushobozi bwo kwandika inkuru agendeye ku murongo yahawe.

Ingero z'ibibazo n'ibisubizo

I. Inyunguramagambo

1. Koresha aya magambo mu nteruro zumvikana kandi ziboneye:

a. Uburenganzira: Buri mwana afite **uburenganzira** bwo kwiga no gukundwa.

b. Kurengerwa: Abana bose bagomba **kurengerwa** igihe bahuye n'akarengane.

c. Aguhohoteye: Umuntu wese **aguhohoteye** ntiwabyihanganira.

d. Ibyemezo: Kugira ubumenyi ku mategeko bituma dufata **ibyemezo** byiza.

e. Umunyamategeko: **Umunyamategeko** yadukirije urubanza.

2. Andika amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya akurikira:

a. Gusinya → Gushyira umukono

b. Gukurikizwa → Kubahirizwa

c. Umuntu wize cyangwa ukora ibijyanye n'amategeko → Umunyamategeko

d. Umuntu ufite inyota yo kumenya ibintu → *Kanyamatsiko*

II. Ibibazo byo kumva umwandiko

1.Iyo bavuze uburenganzira wumva iki? → Uburenganzira ni ibyo amategeko yemerera umuntu wese, kandi ntawemerewe kubumwima kuko bigenze bityo yaba amuhohoteye. Ni nk'igice cy'umuntu, umuntu arabuvukana kandi bugomba kurengerwa n'amategeko.

2. Garagaza bumwe mu burenganzira bwa buri muntu buvugwa mu mwandiko. → Buri muntu yemerewe uburenganzira bwo kubaho no kwiyubaha, kugira umutungo, kwivuza, kwiga no kugirirwa uburinganire imbere y'ubutabera.

3. Ni ayahe mategeko avugwa mu mwandiko? → Havugwamo Itegeko Nshinga ry'u Rwanda, andi mategeko y'Igihugu ndetse n'amategeko mpuzamahanga Igihugu cyashyizeho umukono.

4. Ni ryari bavuga ko umuntu runaka ahohotera undi? → Iyo yishe amategeko cyangwa ahonyoye burenganzira bwa mugenzi we.

5. Ni irihe somo uvanye muri uyu mwandiko? → Nsobanukiwe ko uburenganzira ari ingenzi, umuntu abuvukana kandi bugomba kurengerwa. Ni ngombwa kumenya amategeko kugira ngo turengere uburenganzira bwacu.

6. Ni iki wakora ubonye umuntu uri guhohotera umwana? →Buri wese atanga igisubizo ke umwarimu arebe ko kiboneye.

7.Wabyitwaramo ute hagize umuntu ushaka kuguhohotera?→Buri wese atanga igisubizo ke umwarimu arebe ko kiboneye.

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. Shyira izi nshinga mu ndango ihakana.

a) Ndaza uyu munsi nimugoroba. →**Sinza** uyu munsi nimugoroba.

b) Tugende mu kanya. →**Ntitugende** mukanya.

c) Nuza ndishima cyane. →**Nutaza sinishima** cyane

d) Nimukora, muzatera imbere.→**Nimudakora ntimuzatera** imbere.

2. Vuga niba inshinga itsindagiye iri mu ngiro nkora cyangwa niba iri mu ngiro ntega.

a) Ibiti **biterwa** umuti ni byo **byera** neza.

→**Biterwa:** Ingiro ntega **Byera** → Ingiro nkora.

b) Umwana **agaburirwa** neza **agakura** neza.

→ **Agaburirwa:**Ingiro ntega→**Agakura:** Ingiro nkora.

c) Abanyeshuri **bazatsinda** ibizami ni bo **bazimuka.**

→**Bazatsinda**→Ingiro nkora → **Bazimuka:** Ingiro nkora.

3. Kora interuro imwimwe irimo inshinga iri mu mpitagihe, iri mu ndagihe n'iri mu nzagihe.

a. Abanyeshuri bize amasomo yabo. (Impitagihe)

b.Twese turavuga Ikinyarwanda. (Indagihe)

c. Ejo nzajya ku isoko.(Inzagihe).

Aha buri munyeshuri atanga interuro ye. Genzura ko iri mu gihe cyasabwe.

4. Koresha mu nteruro amagambo aranga ahantu akurikira: Imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, ikambere, imbere, inyuma.

   (Aha buri munyeshuri aratanga interuro ashaka. Genzura interuro ziboneye kandi bubahiriza amategeko y'imyandikire y'amagambo aranga agantu.)

5. Shyira inshinga ziciyeho akarongo mu ngiro ntega maze uhindure ibikwiye guhinduka kugira ngo ubutumwa bukomeze kuba bumwe.
   a. Ababyeyi bagomba kurinda abana ihohoterwa. →Abana bagomba kurindwa ihohoterwa n'ababyeyi babo.
   b. Abana bagomba kubaha ababyeyi. →Ababyeyi bagomba kubahwa n'abana.
   c. Kuzigama ifaranga rimwe biruta kwinjiza amafaranga ijana. →Kwinjiza amafaranga menshi birutwa no kuzigama ifaranga rimwe.
   d. Abantu twese twifuza gukunda. →Gukundwa byifuzwa n'abantu twese.

IV. Guhanga inkuru

Umwarimu areba uko umunyeshuri yanditse inkuru yita kuri ibi bikurikira:

- Imyandikire y'Ikinyarwanda;
- Uko yakurikiranyije ibitekerezo agendeye ku nyobora yahawe;
- Indeshyo y'inkuru

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tegurira abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke imyitozo ijyanye n'aho bafite integer nke.
- Tegurira abagaragaje ubushobozi bwo hejuru imyitozo yongera ubushobozi bwabo.

Ibikorwa by'inyongera

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri uhereye ku manota yagize mu isuzuma risoza umutwe maze ubashyire mu matsinda ukurikije ingorane bafite;
- Tegurira abanyeshuri imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo;
- Tegura imyitozo nzamurabushobozi wibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke;
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma, ushobora gusaba bagenzi babo babyumvise neza kubafasha kubyumva bari mu matsinda;
- Ku bagaragaje ubushobuzi buhagije, ushobora kubaha imyitozo ituma barushaho kwagura ubushobozi bwabo no kutarambirwa mu gihe abagaragaje ubushobozi buke bakizamurwa;
- Gendagenda mu ishuri, ureba uko bakora iyo myitozo mu byiciro byabo, ubafasha ariko wibanda cyanecyane ku bagaragaje ubushobozi buke.

UMUTWE WA KANE:

UBUZIMA

Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:

- Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'ubuzima;
- Gusesengura izina rusange, ntera n'izina ntera;
- Gukoresha neza igisantera mu mvugo no munyandiko.

4.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe

- Bimwe mu bikorwa byo kurengera ubuzima nko gusigasira isuku no kwirinda zimwe mu ndwara;
- Guhanga inkuru n'umwandiko mushya;
- Izina rusange;
- Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

4.2. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:
Mukangenzi yarangije umwaka wa kane ari uwa mbere mu ishuri rye. Kuko ababyeyi be bari bakennye cyane ntibashobore kumubonera ibya ngombwa by'ishuri ngo akomeze, nyirasenge yamujyanye iwe amwishyurira ishuri, akiga atahayo. Umunsi umwe, nyirasenge agiye kujya ku kazi yumva Mukangenzi akororeye mu cyumba yararagamo, amenya ko atagiye kwiga, amubaza impamvu. N'igihunga kinshi, Mukangenzi amusubiza ko ahari agiye gupfa, ko yabonye amaraso mu ikariso ye agiye koga.

Umaze gusoma iki gika, ishyire mu mwanya wa nyirasenge wa Mukangenzi maze umuhumurize.

Umwarimu yakira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma akabafasha kubinoza.

Urugero rw'ibisubizo:
Nyirasenge yaramubwiye ati: "Mukangenzi mwana wange wigira ubwoba, humura rwose nturi bupfe! Ibyabaye birasanzwe, ahubwo tubyishimire kuko ibyo ni byo bita kujya mu mihango y'abakobwa, bikaba n'ikimenyetso ko uri muzima rwose, ko nushaka umugabo uzabyara. Bityo ahubwo utangire wirinde, ubu ntukiri umwana, dore wakuze kuko ushobora gusama inda no kubyara uramutse ukoze imibonano mpuzabitsina idakingiye.

4.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura intego n'amategeko y'igenamajwi, gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu guhanga inkuru, gushaka amagambo asesengurwa kimwe n'ayandi, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe biga ubutinde n'imiterere y'amasaku, bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe no gusobanukirwa amagamo Atari asanze azi.

4.4. Indangagaciro

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

Kwihesha agaciro n'Ubunyangamugayo: Binyuze mu kwiga kwirinda no kwiyubaha cyane cyane mu myaka y'ubugimbi n'ubwangavu.

Kwigira: Binyuze mu kwiyitaho no kwigirira isuku, no mu gukora imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudatinya no kudacika intege mu gihe hari impinduka zigenda zigaragara ku mubiri.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu gaharanira uburenganzira no kwita ku bangavu n'ingimbi.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gufatanya n'abandi banyeshuri no mu bikorwa by'isuku.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu bikorwa by'ubushake byo gusukura ishuri ryabo, ibyumba n'imibiri yabo.

4.5. Ingingo nsanganyamasomo

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'ubuzima bw'imyororokere.
Umwandiko "Tugire isuku" wigisha abanyeshuri isuku y'imyanya ndangagitsina.
Umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu" na wo ugaruka ku buzima bw'imyororokere.

Muri uyu mutwe kandi harimo ingingo nsanganyamasomo y'ubuziranenga. Umwandiko "Inama ya muganga n'abaturage" hari ikibazo cyo gusesengura umwandiko kibaza ku buziranenge.

4.6. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasaha 40
18	**Umwandiko: Inama ya muganga n'abaturage**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Izina rusange	
	Uturemajambo tw'izina rusange	1
	Amategeko y'igenamajwi	
	Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi	1
	Amategeko y'igenamajwi ajyane n'ingombajwi	1
	Ibikorwa byo gusoma	1
19	**Umwandiko: Tugire isuku**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Kungurana ibitekerezo)	1
	Ntera	
	Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi bya ntera	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
20	**Umwandiko: Ubugimbi n'ubwangavu**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Kungurana ibitekerezo)	1
	Izina ntera	
	Izina ntera: Intego n'amategeko y'igenamajwi by'izina ntera	2
	Igikorwa cyo gusoma	1

21	**Umwandiko: Isuku yayigize intego**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhanga inkuru)	1
	Ibisantera	
	Inshoza n'uturango by'igisantera	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
22	**Umwandiko: Umugambi w'isazi**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhanga umwandiko)	1
	Isuzumabushobozi risoza umutwe wa kane	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 18

Umwandiko: "Inama ya muganga n'abaturage"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "Inama ya muganga n'abaturage". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Inama ivugwa yakorewe he? Mu Murenge wa Kinyana.

2. Vuga interuro imwe muganga yavuze asoza inama. Ubuzima bwiza buraharanirwa

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Gukangurira :**Gushishikariza umuntu gukora ikintu.
- **Ubuziranenge:** Ubwiza budafite icyasha bw'ikintu.
- **Imirire** : Amafunguro umuntu ahabwa atuma akura neza cyangwa akagwingira.
- **Umuze:** Uburwayi buhora mu buzima bw'umuntu.

III. Imyitozo

1. Gukoresha amagambo mu nteruro

- Indyo : Umwana wariye indyo yuzuye ntarwaragurika.
- Imbuto : Abana bagomba kurya imbuto.
- Umuze : Duharanire kugira ubuzima buzira umuze.

2. Gusimbuza amagambo atsindagiye imbusane zayo no gukora isanisha rikwiye:

a) Hari ibiribwa bituma umubiri **woroha**.

b) **Nimugoroba** mwanywa igikoma k'ifu y'amasaka n'ingano.

3. Gusimbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro impuzanyito no gukora isanisha rikwiye:

a) Yasabye abari aho **kurya** inshuro eshatu ku munsi.

b) Ni byiza gutangira umunsi ufite **intege** zihagije zo gukora.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, amashusho ajyanye n'umwandiko n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Inama ya muganga n'abaturage" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Inama yabareye he?** Yabereye ku kigo cy'ubuzima cyo mu Murenge wa Kinyana.
2. **Ni nde wayoboye iyo nama?** Yayobowe na Muganga mukuru witwa Bwana Murenzi.
3. **Kugira ngo indyo yuzure igomba kuba igizwe n'iki?** Igizwe n'amoko atatu y'ibiribwa.
4. **Ni uwuhe mwanya muganga yavuze ko abantu bagomba gufunguriraho?** Mu gitondo, ku manywa na nimugoroba.
5. **Muganga yavuze ko abantu bagomba kwirinda iki mu mirire yabo?** Kunywa inzoga nyinshi, kurya isukari n'itabi.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Kuki muganga yavuze ko indyo yuzuye ikenewe n'abantu bose, atari abarwaye gusa?** Kubera ko buri wese akeneye imbaraga n'ubushobozi bwo gukora no kwirinda indwara.
2. **Twavuga ko iyi nama yari ingenzi mu muryango nyarwanda? Kubera iki?** Yari ingenzi kuko yigishije abaturage uko bakwiyitaho binyuze mu mirire myiza, bigatuma bagira ubuzima bwiza.
3. **Ni iki kigaragaza ko abaturage bashimishijwe n'inama bahawe?** Bashimye muganga ndetse biyemeza guhindura imirire y'imiryango yabo.
4. **Uramutse ugiye gutegura amafunguro ya nimugoroba, wakoresha ibihe biribwa kugira ngo utegure indyo yuzuye?** *Abanyeshuri baratanga ingero z'ibiribwa bitandukanye hanyuma umwarimu arebe niba koko ibyo biribwa bigize indyo yuzuye.*
5. **Iyo umuntu atarya indyo yuzuye, bishobora kumugiraho izihe ngaruka?** Umubiri we ushobora kunanirwa, kwibasirwa n'indwara no kubura ubushobozi bwo gukora neza.
6. **Ni gute wakwita ku buziranenge bw'ibyo uhaha?** Kwirinda guhaha ibiribwa byarengeje igihe, ibidafite isuku...

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Inama ya muganga n'abaturage."

Izina rusange

Isomo rya 4: Uturemajambo tw'izina rusange

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora kugaragaza intego y'izina rusange.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro ufate incamake bakoze kugira ngo uzazikosore.

Saba abanyeshuri kwitegereza interuro bahawe, bareba amazina rusange arimo hanyuma bageragaze kureba icyo yose yaba ahuriyemo mu miterere yayo.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri intego y'izina rusange n'ibiyiranga wifashishije inshoza iri mu gitabo cy'abanyeshuri. Tanga urugero rw'uko bashaka intego y'izina rusange wifashishije urugero rumwe ruri mu mbonerahamwe iri mu gitabo cy'abanyeshuri. Fatanya n'abanyeshuri gukora urundi rugero rw'izina hanyuma ubereke bakore urugero rwa gatatu.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo

1. Vuga uturemajambo tw'izina rusange. →Indomo, indanganteko n'igicumbi.

2. Garagaza uturemajambo tw'amazina rusange akurikira:

- Umwarimu: u-mu-arimu
- Imisogwe: i-mi-sogwe
- Imirima: i-mi-rima
- Ikibindi: i-ki-bindi
- Utunyoni: u-tu- nyoni
- Ubunyobwa: u-bu-nyobwa

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka intego y'amazina akurikira: amazi, ukuguru, amasaka, urutare, ahantu

Amategeko y'igenamajwi

Isomo rya 5: Amategeko y'igenamajwi ajyana n'inyajwi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora kugaragaza intego y'izina n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidaftika.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro maze muwukosorere hamwe ku kibaho.

Ifashishe ingero z'amagambo arimo amategeko y'igenamajwi n'amagambo atarimo amategeko y'igenamajwi, usabe abanyeshuri gutahura ahakoreshwa mategeko y'igenamajwi n'aho adakoreshwa.

Urugero rw'amagambo

Izina	intego	Imvugo	Amategeko y'igenamajwi
Imyumbati	i-mi- umbati	i-myu-mbati	i→y/-J
Umwana	u- mu-ana	u-mwa-na	u→ w/-J
Ibijumba	i-bi-jumba	i-bi-jumba	Nta tegeko
amasaka	a-ma-saka	a-ma-saka	Nta tegeko

II. Uko isomo ritangwa

Nyuma yo gusobanura uko amategeko y'igenamajwi ashakwa korana n'abanyeshuri izindi ngero ebyiri ziri mu mbonerahamwe iri mu gitabo cy'abanyeshuri.

Saba abanyeshuri gushaka intego n'amategeko y'igenamajwi by'andi magambo atanu ari mu mbonerahamwe. Andukura amagambo yandi asigaye ku kibaho uhamagare bamwe mu banyeshuri kuza kuyashakira intego n'amategeko y'igenamajwi ari nako ubakosora.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Garagaza uturemajambo tw'amazina akurikira n'amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa:

- Imyeyo: i-mi-eyo i → y /-J
- Umwungu : u-mu-ungu: u→w/-J
- Imyungu: i-mi-ungu i → y /-J
- Ikibo : i-ki-ibo i → ø /-J
- Abeza: a-ba-iza a+i → e
- Abana: a- ba- ana :a → ø /-J
- Ibyishimo: -bi-ishimo : i → y /-J
- Umwete: u-mu-ete : u→w/-J

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo akurikira: Umwana, umweyo, urugi, imyumbati.

Isomo rya 6: Amategeko y'igenamajwi ajyana n'ingombajwi

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora kugaragaza intego y'izina n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe ajyanye n'ingombajwi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze mukoro maze muwukosorere hamwe ku kibaho.

Saba abanyeshuri kwitegereza uturemajambo dukurikira, basobanure uko bigenda kugira ngo ijambo risomeke neza maze batahure amategeko y'igenamajwi ajyana n'ingombajwi

a-ka-tambaro→ Agatambaro

u-tu-tambaro→ Udutambaro

i-n-yira→ Inzira

II. Uko isomo ritangwa

Nyuma yo gusobanura uko amategeko y'igenamajwi ashakwa korana n'abanyeshuri izindi ngero ebyiri wishakiye kuri buri tegeko ry'igenamajwi.Saba abanyeshuri gushaka intego n'amategeko y'igenamajwi andi magambo atanu ubahaye. Tanga izindi ngero z'amagambo wishakiye uyandike ku kibaho uhamagare bamwe mu banyeshuri kuza kuyashakira intego n'amategeko y'igenamajwi ari nako ubakosora.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Garagaza uturemajambo tw'amazina akurikira n'amategeko y'igenamajwi mu mazina akurikira:

- Inzuki : i-n-yuki y→z/n-
- Inzuri : i-n-uri Ibicumbi bifata z mu nteko ya 9 n'iya 10
- Udutebo : u-tu-tebo t→ d/-GR
- Indango: i-n-rango r→d/n-
- Imfizi : i-n-pfizi n→m/-p , p→Φ/m-f
- Impuha : i-n-huha n →m/-h , mh→mp mu myandikire
- Imvaho : i-n-vaho n →m/-v
- Imbogo: i-n-bogo n →m/-b

2. Huza ijambo n'itegeko ry'igenamajwi bijyanye

Igikuba	k →g/-GR
Impyisi	n →m/-p
Insinga	t→Φ/n-s
Imvura	n →m/-v
Inzira	y→z/n-

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka ijambo kuri buri tegeko ry'igenamajwi maze arisesengure.

Ikigwa: Igikorwa cyo gusoma

Isomo rya 7: Gusomera mu matsinda ya babiribabiri

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiramo inkuru yasomeye mu itsinda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ugerageza gushyira hamwe abageragezа gusoma neza n'abafite imbogamizi mu gusoma kugirango bafashanye. Toranya inkuru zo gusoma zingana n'amatsinda ari mu ishuri maze uzihe abanyeshuri. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basomera mu matsinda, abafite ibibazo ubafashe. Genzura ko umunyeshuri umwe arangiza gusoma inkuru undi na we agasoma, cyangwa ko umwe asoma igika undi agasoma ikindi. Toza abanyeshuri kujya bakosorana igihe basoma.

Umukoro

Saba abanyeshuri gutira ibitabo mu isomero, bazagaruke mu isomo ryo gusoma barangije kubisoma kandi banditse muri make ibikubiye mu nkuru, ikinamico cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 19

Umwandiko: "Tugire isuku"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Tugire isuku*". abasaba kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazn'ibisubizo:
1. Uyu mwandiko ubwira bande? Abakobwa, abagore, abahungu n'abagabo.

2. Ni iki abo bose bakangurirwa? Bose bakangurirwa kugira isuku y'imyanya ndangagitsina.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
Isuku: Ugusa neza k'umuntu cyangwa ikintu.

Mikorobe: Udukoko dutera indwara.

Ipamba: Ubwoko bw'igikoresho bakoramo imyenda kigizwe n'ubwoya bushyuha.

Gukaraba: Gukoresha amazi n'isabune woga cyangwa wisukura.

Ubudahangarwa: Ubushobozi bwo kurwanya indwara iyo ari yo yose.

III. Imyitozo

1. Guhuza amagambo ari mu rwego rumwe
a. Kumesa: Gufura

b. Indwara: Uburwayi

c. Guhindura: Gusimbuza

d. Isabune: Umuti wo koza

e. Impumuro mbi: Umwuka mubi

2. Kuzuza interuro ukoresheje ijambo rikwiye

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

a. Tugomba gukaraba dukoresheje **amazi.**

b. Amakariso meza ashobora guterwa **ipasi** mbere yo kuyambara.

c. **Mikorobe** zigira uruhare mu gutera indwara.

d. Ni ngombwa kugira **isuku** kugira ngo tugire ubuzima bwiza.

e. Kwambara i**myenda y'imbere** yanduye bishobora gutera indwara.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Tugire isuku" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni iyihe mpamvu yo kugirira isuku imyanya ndangagitsina?** Bidufasha ukwirinda indwara.
2. **Ni iyihe sabune isabwa mu gusukura imyanya ndangagitsina?** Isabune yizewe kandi idafite imiti yangiza uruhu.
3. **Ni ubuhe bwoko bw'amakariso abagore n'abakobwa bagirwa inama yo kwambara?** Amakariso akoze mu ipamba.
4. **Kuki abahungu bagirwa inama yo kwisiramuza?** Bituma mikorobe zibura aho zihisha bityo bikabarinda indwara.
5. **Ni gute umuntu akwiye kwihanagura nyuma yo kwituma?** Yihanagura avuye imbere ajya inyuma kugira ngo imyanda itagera mu gitsina.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

1. **Ni iki ukora kugira ngo ubungabunge isuku y'imyanya ndangagitsina yawe?** Nyigirira isuku, kwirinda kwambara imyenda imfashe cyane, kutambarana imyenda y'imbere,...
2. **Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kwisukura no gukoresha imibavu mu kwisukura?** Kwisukura uko bikwiye birinda indwara, naho imibavu yangiza ubudahangarwa.
3. **Kuki kwambarana imyenda y'imbere bifatwa nk'ikosa rikomeye?** Byorohereza indwara zandurira mu myanya ndangagitsina gukwirakwira.
4. **Umuntu wamaze gusoma iyi nkuru yahindura iki mu buzima bwe bwa buri munsi?** Yahindura imyumvire ku isuku y'imyanya ndangagitsina, akirinda amakosa nko kudasasa neza, kudakaraba neza, kwambara imyenda itameze neza.
5. **Ni iyihe nama wagira abagore n'abakobwa banika amakariso yabo mu nzu kugira ngo abantu batayabona?** Inama nabagira ni ukujya bayanika kuzuba kuko izuba ryica mikorobe zishobora kubateza indwara. Bagomba kuzanika ku zuba ariko ahantu hameze neza. Si byiza kwandarika imyenda yabo y'imbere. Abanyeshuri baratanga ibitekerezo bindi binyuranye hanyuma umwarimu age areba ko bagusha kuri iyo ngingo yo kurinda indwara.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko "Tugire isuku."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Kungurana ibitekerezo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kuvuga ashize amanga asobanura uburyo agirira isuku imyenda y'imbere.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Fatanya n'abanyeshuri gukosora umukoro ubasaba kuvuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku buryo bagomba gufata neza imyenda y'imbere kugira ngo birinde indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

Genda ukosora abanyeshuri ibyo bavuga maze mufatanyirize hamwe gufata umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

Ntera

Isomo rya 5: Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi bya ntera

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusesengura ntera agaragaza uturemajambo twayo no kugaragaza amategeko y'igenamajwi akoreshwa muri ntera.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma agace k'inkuru bitegereza amagambo atsindagiye hanyuma ubabazeho ibibazo bibibutsa ntera icyo ari cyo.

Agace k'inkuru:

Igihe cyose umuntu yanyagiwe cyangwa yabize ibyuya **byinshi**, ni ngombwa kwihutira guhindura imyenda y'imbere. Ikindi kandi buriya kwambara imyenda igufashe igihe **kirekire** si byiza. Bigabanya umwuka winjira, bigatuma haza impumuro **mbi** ndetse bikorohereza mikorobe kuhatura. Hari abantu bakunda kwambarana imyenda. Ibyo bintu ni **bibi** ariko abambarana imyenda y'imbere bo baba bakoze amakosa akomeye. Bishobora gutera indwara zandurira mu myanya ndangagitsina.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Amagambo yanditse atsindagiye ni ayahe? Amagambo yanditse atsindagiye ni byinshi, kirekire, mbi, bibi.

Ayo magambo ni ubuhe bwoko? Ni ntera.

Ntera ni iki? Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo rikagaragaza imimerere cyangwa imiterere yaryo.

II. Uko isomo ritangwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda maze ubasabe kugaragaza intego ya ntera ziciyeho akarongo ziri mu gika bahawe. Gendagenda mu matsinda ufasha abafite ibibazo byihariye. Nyuma y'igihe wabahaye, saba umunyeshuri umwumwe kujya ku kibaho kwerekana intego y'ijambo.

Sobanurira abanyeshuri ko intego ya ntera ari: indangasano n'igicumbi (RS+C), ugenda ubaha ingero. Ereka abanyeshuri ibicumbi bya ntera babisomere hamwe bifashishije ibitabo byabo.

Sobanurira abanyeshuri umwihariko uri mu bicumbi bimwe na bimwe bya ntera nk'uko biri mu mbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Andika ku kibaho imbonerahamwe igaragaza intego ya ntera mu nteko zitandukanye ufatanye n'abanyeshuri gusesengura izo ntera, hanyuma ubasabe kubyandika mu makayi yabo.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Tahura ntera zakoreshejwe muri uyu mwandiko, ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi ashobora kuba yakoreshwe.

Muri iyi si **nini** kandi **nziza** dutuye, harimo ibintu **byinshi** bidushimisha. Ubuzima ubwabwo ni **bwiza** iyo ufite amagara **mazima.** Tubugiramo iminsi **mikuru** itunezeza. Iyo tugeze mu mpera z'umwaka, intashyo zo kwifurizanya umwaka **mushya muhire** ziracicikana. Muri izo ntashyo, abantu bifurizanya kugira ubuzima **burebure** bwuzuye amahoro **masa**. Muri icyo gihe k'impera z'umwaka, abana **bato** n'abantu **bakuru** baba bambaye imyenda **mishyashya** kandi barangwa n'ibyishimo.

Ibisubizo

Ntera	**Uturemajambo**	**Amategeko y'igenamajwi**
nini	Φ-nini	Nta tegeko
nziza	n-iza	Igicumbi gifata z mu nteko ya 10
byinshi	bi-iza	i→y/-J
bwiza	bu-inshi	u→w/-J
mazima.	ma- zima	Nta tegeko
mikuru	mi-kuru	Nta tegeko
mushya	mu-shya	Nta tegeko
muhire	mu-hire	Nta tegeko
burebure	bu-re-bu-re	Nta tegeko
masa	ma-sa	Nta tegeko
bato	ba-to	Nta tegeko

bakuru	ba-kuru	Nta tegeko
mishyashya	mi-shyashya	Nta tegeko

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo gukora interuro eshantu zirimo ntera, gushaka uturemajambo tw'izo ntera no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru n'imivugo)

I. Intangiriro
Saba buri munyeshuri kukwereka igitabo yasomye.

II. Uko isomo ryigishwa
- Toranya inkuru cyangwa umuvugo abanyeshuri bari busome mu ijwi riranguruye.
- Saba abanyeshuri, umwumwe, gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo basomye.

Umukoro
Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri banditse muri make ibikubiye mu nkuru cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 20

Umwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro
Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ubugimbi n'ubwangavu*", ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:
1. Mahungu yagejeje kuri nde ikibazo afite? Yakigejeje kuri nyina.
2. Vuga impinduka ziba ku bakobwa? Barakura, baba barebare, bakamera amabere.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
- **Ibishishi:** Ibiheri biza mu maso igihe cy'ubugimbi n'ubwangavu.
- **Ubwangavu:** Igihe umukobwa aba atangiye kuva mu gihe cy'ubwana kandi ataraba inkumi.
- **Ubugimbi:** Igihe umuhungu aba atangiye kuva mu gihe cy'ubwana kandi ataraba inkumi.
- **Gukubagana:** Gukora imibonano mpuzabitsina.
- **Insya:** Ubwoya buza hejuru y'igitsina
- **Imihango:** Igihe umukobwa ageramo cy'ubukure aho amaraso asohoka mu gitsina kikaba ikimenyetso k'impinduka mu mikurire.
- **Intanga:** Utunyangingo tuba mu mubiri, yaba kumuhungu cyangwa kumukobwa, duhura tukarema urusoro (Urusoro ni umubumbe usukuma uba mu nda y'umugore umaze iminsi asamye.
- **Kwiroteraho:** Gusohora amasohoro k'umuhungu ugeze igihe cy'ubugimbi bikaba cyane asinziriye arota.
- **Ubucakwaha:** Ubwoya buza mu kwaha ku muntu utangiye igihe cy' ubugimbi n'ubwangavu.
- **Gusama:** Guhura kw'intanga ngabo n'intanga ngore bikarema urusoro mu nda ibyara y'umugore.
- **Gutwita:** Kuba umugore yarasamye ibyo bikaba mu mezi ikenda.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Uzuza interuro ukoresheje amagambo akurikira: ubwangavu, ubugimbi, insya, imihango, intanga**
   a. Abahungu batangira igihe cy'**ubugimbi** hagati y'imyaka 10 na 15.
   b. Abakobwa batangira **ubwangavu** bagatangira kugira impinduka mu mibiri yabo.
   c. Iyo umukobwa atangiye kujya mu **mihango** aba ashobora gusama.
   d. Abahungu batangira kugira **intanga** mu gihe cy'ubugimbi.
   e. Umubiri w'ingimbi utangira kumera **insya** n'ubundi bwoya.

2. **Gukoresha amagambo mu nteruro**
   Ingero z'interuro:
   1. **Kwiroteraho**: Kwiroteraho ni ibisanzwe ku ngimbi.
   2. **Ubucakwaha**: Uwo mukobwa yameze ubucakwaha.
   3. **Gusama**: Uwo mwangavu ashobora gusama.
   4. **Gutwita**: Atinya gutwita abana babiri.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "*Ishyamba ry'amahoro*" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Agenda akosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni ibiki Mahungu yasanze byabaye mu gitondo abyutse?** Yasanze ikabutura yatose kandi ifite ibintu by'umweru bimeze nk'inkari.
2. **Ni nde Mahungu yabwiye ibyamubayeho**? Nyina ni we Mahungu yabwiye ibyamubayeho.
3. **Ubugimbi butangira hagati y'ikihe kigero k'imyaka?** Hagati y'imyaka icumi na cumi n'itanu.

4. **Ni izihe mpinduka zigaragara ku bahungu bageze mu bugimbi?** Barakura, bakamera ubucakwaha, ubwoya, insya, impwempwe, impinduka mu ijwi n'ibindi.
5. **Abakobwa batangira kujya mu mihango hagati y'imyaka ingahe?** Hagati y'imyaka ikenda n'imyaka cumi n'ine.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Yobora abanyeshuri mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Kuki Mahungu yahangayitse nyuma yo kubona ibyo byabaye nijoro?** Yibwiraga ko ashobora kuba arwaye kuko atari azi icyo ari cyo.
2. **Ni iki umwanditsi ashaka kwigisha abato binyuze mu nkuru ya Mahungu?** Ashaka kubigisha kumenya neza ibimenyetso by'ubugimbi n'ubwangavu no kubyitwaramo neza.
3. **Kuki abakobwa batagomba gukora imibonano mpuzabitsina n'ubwo baba batangiye imihango?**

   Umubiri n'ibitekerezo byabo biba bitarakura bihagije kandi bashobora gusama inda.
4. **Ni iyihe mpamvu ababyeyi bagomba kuganiriza abana babo ibijyanye n'impinduka z'imibiri?** Kugira ngo abana basobanukirwe impinduka zabo kandi batagira ubwoba cyangwa amakosa.
5. **Mu gihe umwana atagira impinduka z'ubugimbi cyangwa ubwangavu kandi ari muri iyo myaka yakora iki?** Bishobora gusaba kugisha inama abaganga kugira ngo harebwe niba nta kibazo cy'ubuzima gihari.
6. **Wumva ari nde wakuganiriza ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere? Kubera iki?** *Buri wese aratanga igisubizo ke bitewe n'uko abyumva.*

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka irindi herezo ry'inkuru iri mu mwandiko "Ubugimbi n'ubwangavu"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Kungurana ibitekerezo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora : - Gutanga ibitekerezo mu bwuhane ku nsanganyamatsiko yatanzwe; - Kuvugira mu ruhame ashize amanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri kuvuga irindi herezo ry'inkuru.

II. Uko isomo ryigishwa

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo: *Sobanurira bagenzi bawe uko wakwitwara igihe wibonyeho impinduka zitunguranye ku mubiri wawe utari usanzwe uzi.*

Urugero rw'ibyo bashobora kuvuga bungurana ibitekerezo:

- Nahita mbaza umubyeyi wanjye cyangwa undi muntu mukuru wizewe.
- Nshobora kugisha inama umwarimu wange.
- Si kugira isoni cyangwa guhisha ikibazo kuko impinduka mu mubiri ni ibisanzwe.

Saba abanyeshuri kubwira abandi ibitekerezo babonye ubafashe kubinoza.

Izina ntera

Isomo rya 5 : Gutahura inshoza n'uturango by'izina ntera

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura izina ntera icyo ari cyo; - Gukoresha izina ntera mu nteruro; - Gusesengura izina ntera agaragaza uturemajambo twaryo.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ibibazo kuri ayo magambo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Aya magambo yanditse atsindagiye afite uwuhe mumaro? Aya magambo afite umumaro nk'uw'izina.

Aya magambo yanditse atsindagiye yashobora kubangikana n'amazina akayagaragira?

Oya ntibyakunda kandi na yo ubona ko ari amazina.

Ibicumbi byayo biteye nk'iby'ayahe magambo twize? Ibicumbi byayo bisa nk'ibya ntera

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ntera icyo ari cyo bagendeye ku nshoza yayo iri mu bitabo byabo. Yobora abanyeshuri mu gushaka uturango tw'izina ntera bifashishije ingero nk'uko tugaragara mu bitabo cy'abanyeshuri. Ha abanyeshuri umwitozo uri mu gitabo cyabo gutahura mu mwandiko bahawe ntera zirimo n'amazina ntera.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora umwitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Soma ibi bika maze ugaragaze amazina ntera arimo kandi werekane uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

Iyo abageni bashyingiranywe ababagaragiye bose babifuriza urugo ruhire, bakabifuriza ishya n'ihirwe no kubyara bagaheka. **<u>Uruhire</u>** rugaragazwa n'urukundo rutagatifu ruranga abashakanye, abana bakarerwa neza, bagakurana ubuntu n'ubuziranenge. **<u>Urubi</u>** rurangwa n'intonganya n'umwiryane, induru_z'urudaca, n'uburere bubi ku bana.

Uburere bubi n'**<u>ubwiza</u>** ni byo bituma mu bana habonekamo **<u>abeza</u>** cyangwa **<u>ababi</u>**, naho ubundi abana bose baba bameze kimwe mu ivuka. Kera rero bacaga umugani ngo: "Urushako ruto rurica" cyangwa ngo: "**<u>Ubuto</u>** buroshya bugashukana". Muzirinde rero kwihutira gushaka mukiri bato, mubanze mutegereze imyaka y'ubukure, mwige muminuze. Izo ni zo nama **<u>nziza</u>** mbahaye, **<u>imbi</u>** muzazigendere kure.

- Ubwiza: u-bu-iza u→w/-J
- Urubi: u-ru-bi nta tegeko
- Abeza: a-ba-iza a+i→e
- Ababi: a-ba-bi nta tegeko
- Ubuto: u-bu-to nta tegeko
- Nziza: n-iza Igicumbi gifata z mu nteko ya 9 n'iya 10
- Imbi: i-n-bi n→m/-b

Umukoro

Ha abanyeshuri amazina ntera bazashakira uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6 : Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

- Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma.
- Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo.
- Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye.
- Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru.
- Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho.
- Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 21

Umwandiko "Isuku yayigize intego"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Isuku yayigize intego*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Umwana uvugwa mu mwandiko yitwa nde?** Ni Mugwaneza.
2. **Ni ibiki yakoze asubiye ku ishuri?** Yakomeje gusobanurira bagenzi be uko ibyo yize bijyanye n'isuku.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

1. **Umujyanama w'ubuzima** : Umuntu uganiriza abandi akabigisha uko barinda ubuzima.
2. **Mikorobi**: Udukoko dutera indwara, tutagaragarira n'amaso.
3. **Ingarani**: Aho abantu bashyira imyanda.
4. **Amavunja**: Udukoko two mu birenge dutera umuntu kubabara no kugira ibisebe.
5. **Intego**: Icyo umuntu yiyemeje kugeraho.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Gukoresha amagambo mu nteruro**
   - **Umwanda**: Umwanda ni wo utera Mugwaneza indwara z'uruhu.
   - **Koga**: Mugwaneza yajyaga koga buri gitondo.
   - **Gukaraba**: Tugomba gukaraba intoki mbere yo kurya.
   - **Ibiheri**: Ibiheri byari byaramwuzuye ku mubiri.
   - **Umuti**: Umujyanama yamuhaye umuti wo kwisiga.

2. Kuzuza amagambo mu nteruro

a. Mugwaneza yarwaye **ibiheri** ku mubiri.

b. Kabera yamugiriye inama yo **koga** buri munsi.

c. **Ingarani** ziba hafi y'urugo zikurura isazi.

d. Umwana udafite **isuku** ashobora kurwara.

e. Karangwa yamenye ko **isuku** ari ngombwa mu buzima.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ishyamba ry'amahoro" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Mugwaneza yigaga mu mwaka wa kangahe?** Yigaga mu mwaka wa gatanu.
2. **Ni iyihe ndwara Mugwaneza yarwaraga?** Yarwaraga ibiheri ku mubiri.
3. **Umwarimu yohereje Mugwaneza kwa nde?** Yamwohereje ku mujyanama w'ubuzima witwa Kabera.
4. **Ni iki Kabera yamubwiye gitera ibiheri?** Yamubwiye ko kutiyuhagira bituma mikorobi zimufata bikamuzanira ibiheri.
5. **Mugwaneza yakoze iki amaze guhabwa inama n'umujyanama?** Yatangiye kugira isuku: yiyuhagira, ahindura aho aryama, akora isuku mu rugo.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

1.Ni irihe somo ukuye mu mwandiko? Isomo nkuye mu mwandiko ni iryo kugira isuku.

2. Ni iyihe mpamvu yatumye Mugwaneza ahita ajya kureba Kabera? Yari afite ibibazo bikomeye ku mubiri kandi yifuzaga igisubizo vuba.

3. Kuki Kabera yatanze inama mbere yo gutanga umuti? Kuko ubuzima buzira umuze bushingira ku isuku, umuti wonyine udaherekezwa n'isuku ntacyo wamara.

4. Ni iki cyagaragaje ko Mugwaneza yahindutse koko? Yatangiye koga buri munsi, gukora isuku, no gusangiza abandi ibyo yize.

5. Ni iki kerekana ko isuku ari ingenzi mu kurinda indwara? Yahise akira ibiheri amaze kugira isuku, kandi yirinze indwara zindi ziterwa n'umwanda.

6. Ni iyihe nama waha bagenzi bawe batita ku isuku? *Buri munyeshuri aratanga ibitekerezo byerekana icyo yakora hanyuma umwarimu abigenzure agorore ibisubizo batanga.*

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Isuku yayigize intego."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhanga inkuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora kwandika umwandiko yubahirije ibiranga umwandiko wanditse neza.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kuvuga irindi herezo ry'inkuru banditse.

II. Uko isomo ryigishwa

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko bandikaho: Himba umwandiko nibura w'imirongo 15 usobanuremo ibintu bitanu wakora buri munsi kugira ngo urinde umubiri wawe indwara ziterwa n'umwanda. Genda ukosora abanyeshuri ibyo banditse kandi ufasha n'abakeneye ubufasha bwihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusomera abandi umwandiko bahimbye.

Ibisantera

Isomo rya 5: Gutahura inshoza n'uturango by'ibisantera

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutahura aho ibisantera byakoreshejwe mu nteruro; - Gukoresha neza ibisantera mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri kwitegereza amagambo yanditse atsindagiye ari mu gika kiri mu bitabo byabo maze ubasabe gutahura umumaro w'amagambo w'ayo magambo.

Urugero rw'igisubizo

Amagambo yanditse atsindagiye afite umumaro wo kugaragaza imiterere y'izina biri kumwe.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibisantera icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yayo iri mu gitabo cy'abanyeshuri.

Yobora abanyeshuri mu gushaka uturango tw'ibisantera bifashishije ingero nk'uko tugaragara mu bitabo byabo.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Garagaza ibisantera biri mu nteruro zikurikira:

a) Umuco mwiza uranga Abanyarwanda ugaragarira mu ndirimbo n'imbyino **gakondo.**

b) Umunyarwanda **nyawe** ntapfa kwakira imico **mvamahanga.**

c) Twamagane imico ituma umuco **karande** wacu wangirika.

d) Ni ngombwa guha abana uburere **mboneramuco**.

e) Abantu bakuru bagomba guhabwa inyigisho **mbonezamubano** zo kubahugura.

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro eshanu zirimo ibisantera no guca umurongo kuri ibyo bisantera.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6 : Gusoma mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma inkuru cyangwa umuvugo mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. - Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro
Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa
Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma. Toranya inkuru cyangwa umuvugo abanyeshuri bari busome mu ijwi riranguruye. Saba abanyeshuri, umwumwe, gusoma mu ijwi riranguruye basimburana. Genda ukosora udasomye neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru bamaze gusoma.

Umukoro
Saba abanyeshuri gushushanya inkuru basomye maze mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bazakwereke amashusho bashushanyije.

Icyumweru cya 22

Umwandiko "Umugambi w'isazi"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro
Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Umugambi w'isazi*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Umwana uvugwa mu mwandiko yari agiye gusura nde? Yari agiye gusura nyirakuru.
2. Udukoko tuvugwa mu nkuru ni uduki? Ni isazi.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
- **Kuduhira:** kuvuga kw'isazi.
- **Intambwe:** Aho umuntu aba ageze atera iterambere cyangwa adindira.
- **Agaseke:** Igikoresho kiboshye bakoresha batwara imyaka cyangwa batwaramo impano.
- **Ingano:** Ibinyampeke bakoramo ifarini
- **Umusambi:** Igikoresho kiboshye mu birere cyangwa mu bukanganga baryamagaho cyangwa bakicaraho (umukeka)

III. Imyitozo
Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

A. Guhitamo ijambo riboneye ryo kuzuza interuro

1. Ababyeyi bange bari bampaye (…) ngo nzimushyire.
a) imyumbati
b) ingano
c) ifu
d) umuceri

2. Nasanze nyogokuru (…) umusambi mu bwatsi bw'ubusuna.
a) arya
b) atereka
c) aboha
d) asasa

3. Nyogokuru yandangiye aho njya (…) ka gaseke.
a) gukubita
b) gutwika
c) gutereka
d) gukinga

4. Za sazi zaraje zigeze mu (…) zibura imyanda.
a) urugo
b) igikoni
c) icyumba
d) ishyamba

2.Guhimba interuro ukoresheje amagambo wahawe.
1. Kuduhira: Numvise isazi ziri kuduhira.

2. Intambwe: Bateye intambwe ishimishije.

3. Agaseke: Yampaye agaseke karimo ituro.

4. Umusambi: Yatugaburiye twicaye ku musambi.

5. Ingano: Nkunda igikoma k'ingano.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Umugambi w'isazi" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo

1. **Ni ba nde baganiriye mu mwandiko "Umugambi w'isazi"?** Uvuga mu nkuru, isazi na nyogokuru.
2. **Ni iki ababyeyi bahaye umwana ngo ajyane kwa nyirakuru?** Bamuhaye ingano.
3. **Isazi yavugaga iki ku mukecuru bashakaga gusura?** Yavugaga ko izasanga afite imyanda ihagije.
4. **Nyirakuru yakoraga iki mu gihe umwana yamusangaga mu gikari?** Yari arimo kuboha umusambi mu bwatsi bw'ubusuna.
5. **Isazi zari zifite uwuhe mugambi mu gihe zajyaga gusura umukecuru?** Zari zifie umugambi wo kumutera indwara.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

1. **Kuki Ngwije yihutiye kugera kwa nyogokuru amaze kumva ibyo isazi ivuga?**
   Yashakaga kuburira nyogokuru ngo akore isuku hataraza za sazi.

2. **Ni iki cyagaragaje ko nyirakuru wa Ngwije yamwakiriye neza?** Yaramuhobeye, amwakirana ubwuzu, amuha umwanya, baraganira.
3. **Ku bwawe ubona isuku imariye iki abagize umuryango?** Isuku mu muryango ni ingenzi kuko ituma abantu batarwaragurika. Ntibafatwa n'indwara zituruka ku mwanda.
4. **Ni irihe somo ukuye muri uyu mwandiko?** Isuku irinda indwara kandi ni inshingano ya buri wese kugira isuku.
5. **Uyu mwandiko ukwereka ute uruhare rw'umwana mu kwita ku buzima bw'abandi?** Umwana yaburiye nyogokuru, bakorera isuku hamwe, bityo aramufasha.
6. **Ni gute isazi zishobora kwangiza ubuziranenge bw'ibiribwa cyangwa bw'ibikoresho?** Isazi zikwirakwiza umwanda ku biribwa wabirya utabironze ukarwara.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Umugambi w'isazi"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhanga umwandiko"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhanga umwandiko no gusobanura neza ibitekerezo bye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri kuvuga irindi herezo ry'inkuru "Umugambi w'isazi".

II. Uko isomo ryigishwa

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko bandikaho: Andika kandi usobanure ibikorwa bitanu by'isuku uzakora iwanyu kugira ngo wirinde umwanda ushobora guterwa n'isazi. Genda ukosora abanyeshuri ibyo banditse kandi ufasha n'abakeneye ubufasha bwihariye. Saba bamwe mu banyeshuri gusoma ibyo bakoze.

Isuzuma risoza umutwe wa kane

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku buzima.
- Ubushobozi bwo gukora interuro zirimo ntera, izina ntera n'ibisantera
- Ubushobozi bwo gushaka uturemajambo tw'izina rusange, utwa ntera n'utw'izina ntera no kugaragaza amategeko y'igenemajwi yakoreshejwe.

Umwandiko: Umuti w'ibishuko

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

I. Inyunguramagambo

Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye wihimbiye.

1. Ingaruka: Ibyo yakoze byamugizeho ingaruka.
2. Impano: Yampaye impano y'isaha.
3. kwiyamira: Bamubanye bariyamira .
4. kumirwa: Abana babyinnye turumirwa.

II. Kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni bande baganiriye mu kiruhuko cya saa sita? Teta, Isimbi na Gasana.
2. Umwarimu yabaganirije ku ki? Yabaganirije ku ngaruka ziterwa n'abantu bashuka abana.
3. Ni iyihe nama Gasana yatanze kugira ngo birinde ibishuko? Yabwiye bagenzi be ko bagomba kubima umwanya no kwirinda amashusho cyangwa amafirime mabi.
4. Kuki Isimbi yavuze inkuru y'umukobwa wo mu muryango wabo? Kugira ngo yerekane ko ibyo umwarimu yavuze bibaho mu buzima busanzwe, atari inkuru gusa.
5. Kuki Gasana yavuze ko umwana akwiriye kwigishwa uko yakwirinda? Kuko yumvaga ko ari ibintu bikomeye kandi umwana atabyitayeho atabasha kubyirinda.
6. Ni iyihe myifatire yerekana ko aba bana batekereza neza kandi bafite ubwenge? Baganiriye mu bwitonzi, bagirana inama zubaka, bakemera inama z'ababyeyi n'abarezi, kandi bagaragaza kwiyemeza gukura neza.
7. Ni iki wakora kugira ngo wirinde abagushuka? *Aha buri wese atanga igisubizo ke.* (kwirinda guhabwa impano utazi impamvu, kumvira inama z'ababyeyi,...)

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi.

1. Andika interuro ebyirebyiri ukoreshemo ntera, amazina ntera n'ibisantera.

Urugero rw'ibisubizo:

Ntera	Nabonye umwana **mwiza.**
	Yambaye inkweto **nini.**
Izina ntera	**Umunini** ntabwo unkwira
	Ari kurisha ikiyiko gito; **ikinini** cyabuze.
Igisantera	Umuyobozi yagiye mu nama **mpuzamahanga**.
	Ibihingwa **ngandurarugo** bifasha imiryango.

2. Sesengura aya mazina ugaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe

a. Umwana: **u-mu-ana** **u→w/-J**
b. Amenyo: **a-ma-inyo** **a+i → e**
c. igisheke: **i-ki-sheke** **k→g/-GR**
d. amagambo: **a-ma-gambo** **Nta mategeko y'igenamajwi**
e. Udutambaro: **u-tu-tambaro** **t→d/-GR**
f. abeza : a-ba-iza **a+i → e**

3.Tahura ntera ziri mu nteruro zikurikira, ugaragaze intego zazo n'amategeko y'igenamajwi:

a) Isi iriho ibiti bitoshye n'ibyatsi **bibisi** bihumeka umwuka **mubi** dusohora.

→**Bibisi** : bi- bisi **nta tegeko** →**mubi:** mu-bi **nta tegeko**

b) Ibiti bisohora umwuka **mwiza** dukeneye. →**mwiza:** mu-iza **u→w/-J**

c) Isi iriho amazi magari arimo amafi **manini** n'udufi tunzinya kandi **tugufi.**

→**Magari:** ma-gari **nta tegeko**

→**Manini:** ma-nini **nta tegeko** →**tugufi:** tu-gufi **nta tegeko**

d) Amafi aryoha cyane iyo afashwe akiri **mataraga**.→**mataraga**: ma-taraga **nta tegeko**

e) Hari ibintu **byiza byinshi** tubona kuri iyi si.

→Byiza: bi-iza i→**y/-J** →Byinshi: bi-inshi i→**y/-J**

4. Tahura ibisantera biri mu nteruro zikurikira:

a) Abanyarwanda ntibakumira imico itandukanye **mvamahanga.**

b) Ubuhahirane **mpuzamahanga** bugenda butera imbere.

c) Abantu bahurira mu mikino **ngororamubiri**, mu myidagaduro n'ibitaramo **ndangamuco.**

IV. Guhanga

Irengagize ibika bibiri bya nyuma by'umwandiko "Umuti w'ibishuko" maze ukomeze inkuru wongereho ibika bibiri, ubone gushyiraho ibika bibiri bya nyuma.

Reba ko ibika bongeye ku mwandiko bifite ireme kandi bikomeza koko inkuru "umuti w'ibishuko"

Ibikorwa by'inyongera

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri uhereye ku manota yagize mu isuzuma risoza umutwe maze ubashyire mu matsinda ukurikije ingorane bafite;
- Tegurira abanyeshuri imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo;
- Tegura imyitozo nzamurabushobozi wibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke;
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma, ushobora gusaba bagenzi babo babyumvise neza kubafasha kubyumva bari mu matsinda;
- Ku bagaragaje ubushobuzi buhagije, ushobora kubaha imyitozo ituma barushaho kwagura ubushobozi bwabo no kutarambirwa mu gihe abagaragaje ubushobozi buke bakizamurwa;
- Gendagenda mu ishuri, ureba uko bakora iyo myitozo mu byiciro byabo, ubafasha ariko wibanda cyanecyane ku bagaragaje ubushobozi buke.

UMUTWE WA GATANU:
IMIYOBORERE MYIZA



Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'imiyoborere myiza;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko ibinyazina;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amasano yo mu muryango.

5.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi kuri uyu mutwe

- Inzego z'ubuyobozi zitandukanye, uhereye ku buyobozi bwabo ku ishuri;
- Amasano yo mu muryango wa bugufi;
- Izina rusange rikorana n'ibinyazina nyereka;
- Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

5.2. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa

Ndakemwa ni we muyobozi w'umudugudu abaturage bishimiye bwa mbere. Kuva yagirirwa ikizere agatorerwa kuyobora umugudu wa Bonera, yashyize imbere indangagaciro z'umuco nyarwanda. Yirinze gusinda no gusahinda, ahubwo ashyira imbere ibiganiro n'abaturage kuri gahunda zibafitiye akamaro nk'uko umurongo wa porotiki y'Igihugu ubiteganya. Yashyize imbere ubumwe bw'abaturage ayobora, abatoza gushyira hamwe no gukora cyane kugira ngo batazasabiriza. Yabatoje umuco wo kwirinda ibiyobyabwenge, ruswa n'ubundi bugizi bwa nabi bwose. Abaturage bose ubu barishimye cyane kandi bavuga ko bazongera kumutora kugira ngo akomeze abayobore neza.

Uhereye ku nkuru ya Ndakemwa mu mudugudu wa Bonera, subiza ibi bibazo:

1. Ni iki Ndakemwa ashimwa n'abaturage ayobora?
2. Ni iki wakwigira kuri Ndakemwa nk'umuyobozi w'ejo hazaza.

Umwarimu yakira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma akabafasha kubinoza.

Urugero rw'ibisubizo:

1. Ndakemwa yashyize imbere indagagaciro z'umuco nyarwanda, ashimirwa ibiganiro binyuze abaturage nk'uko amategeko y'Igihugu abiteganya, yirinda ibibi kandi akanabitoza abo ayoboye.
2. Ndakemwa yambereye urugero kuko nk'umuyobozi w'ejo hazaza, nzashyira imbere inyungu z'abaturage mbere y'izange kandi nzaharanira ukuri no kutarenganya. Nzabatoza indangagaciro z'umuco nyarwanda ndetse n'ibindi bikorwa by'iterambere binyuze mu bufatanye bw'abaturage n'ubumwe bw'Abanyarwanda.

4.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu kwimakaza umuco wo kubaha abayobozi no gufatanya na bo mu bikorwa bya buri munsi.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gushishoza no gufata umwanzuro ukwiriye mu gihe uhawe inshingano.

-**Guhanga udushya:** Binyuze mukwimakaza iyi ndangagaciro iranga umuyozozi mwiza.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yatanzwe no kwiga amagambo atari asobanukiwe.

4.4. Indangagaciro

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku kw'imakaza amahoro.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kwimakaza indangagaciro z'umuyobozi mwiza.

5.4. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Muri uyu mutwe hagaragaramo ingingo nsanganyamasomo ebyiri, ari zo kurwanya jenoside ndetse n'umuco wo kuzigama. Umwandiko wa mbere witwa "Ikiganiro ku miyoborere myiza" umwarimu abaza abanyeshuri ikibazo cyo kuvuga ingaruka mbi z'imiyoborere mibi bafatiye urugero ku Rwanda. Mu ngaruka mbi abana bagomba kuvugamo urwango, amacakubiri ndetse na Jenoside Yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994.

Umuco wo kuzigama ugaragarira mu mwandiko " Ubwenge burarahurwa". Mu bibazo byo gusesengura umwandiko, umwarimu abaza abanyeshuri akamaro ko kwizigamira bagendeye ku bivugwa mu mwandiko.

6.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasomo 48
23	**Umwandiko: Umuyobozi mwiza**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Ikiganiro mpaka)	1
	Ibinyazina nyereka	
	Inshoza n'uturango by'ibinyazina nyereka	2
	Gusoma ibitabo byo mu isomero	1
24	**Umwandiko: Ubutwari bwa Mukashema**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Kungurana ibitekerezo)	1
	Ibinyazina ngenera	
	Inshoza n'uturango by'ibinyazina ngenera	2
	Gusoma ibitabo byo mu isomero	1
25	Umwandiko: Ubwenge burarahurwa	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Kungurana ibitekerezo)	1
	Ibinyazina ngenga	
	Inshoza n'uturango by'ibinyazina ngenga	2
	Ibikorwa byo gusoma	1

26	**Umwandiko: Ibyiza by'imihigo**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gutegura imihigo)	1
	Ibinyazina ngenera ngenga	
	Inshoza n'uturango by'ibinyazina ngenera ngenga	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
27	**Umwandiko: Katabirora na Kamuhanda**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gukina bigana)	1
	Ibinyazina mbanziriza	
	Inshoza n'uturango by'ibinyazina mbanziriza	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
28	**Umwandiko: Ikiganiro na Sogokuru**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Kumva no gusesengura umwandiko	1
	Amasano yo mu muryango	
	Gutahura amasano yo mu muryango	2
	Isuzuma risoza umutwe wa gatanu	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 23

Ikigwa: Umwandiko "Umuyobozi mwiza"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"Umuyobozi mwiza"**. ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri akababwira ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ibisubizo byatangwa:

Umwandiko uraza kuvuga ku muyobozi mwiza, ku miyoborere myiza, ku mwarimu mwiza...

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Iki kiganiro cyari kiyobowe na ba nde? Keza, Karangwa na Isheja.

2. Ikiganiro cyashoje gite? Cyashoje bishimira uko cyagenze ndetse baha amashyi abakiyoboye.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Gufata ikemezo :** Gufata umwanzuro ku kintu runaka.
- **Ubwumvikane:** Ugushyirahamwe kw'abantu.
- **Umugaragu:** Umuntu ukorera umwami cyangwa umutware.
- **Uburenganzira:** Ibyo umuntu yemererwa n'amategeko.
- **Shebuja:** Umukoresha w'umuntu.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Gusubiza ibibazo ku nyunguramagambo

Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo: Gufata ikemezo, ubwumvikane umugaragu, uburenganzira, shebuja.

a. **Shebuja** amuhemba kabiri mu kwezi.
b. Buri mwana wese afite **uburenganzira** bwo kwiga.
c. Umuyobozi mwiza ni **umugaragu** w'abo ayobora.
d.Ngiye **gufata ikemezo** cyo kwigana umuhati nzatsinde neza.
e. Uwakosheje bamukebura mu **bwumvikane.**

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko **"Umuyobozi mwiza"** bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni bande bayoboye ikiganiro kivuga ku muyobozi mwiza?** Ni Keza, Karangwa na Isheja.
2. **Umuyobozi mwiza arangwa n'iki?** Yubahiriza amategeko kandi akitangira abaturage bose nta vangura
3. **Rondora inshingano eshatu z'umuyobozi mwiza.** Yakira abamugana, yumva ibibazo byabo no kubishakira ibisubizo
4. **Ni ikihe kimenyetso kigaragaza ko ikiganiro cyatanzwe abanyeshuri bakishimiye?** Abanyeshuri bose bahaye amashyi abafashe ijambo.
5. **Muri demokarasi ubuyobozi bushyirwaho na nde?** Muri demokarasi ubuyobozi bushyirwaho n'abaturage.

6. **Hakorwa iki kugira ngo haboneke umuyobozi mwiza?** Hakorwa amatora anyuze mu mucyo.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Kuki abanyeshuri batatu ari bo batoranyijwe kuyobora ikiganiro?** Kubera ko bashinzwe itsinda ry'imiyoborere myiza kandi bafite ubushobozi bwo kuyobora bagenzi babo.
2. **Ushingiye ku byo Isheja yavuze, ni mu buhe buryo gufata ibyemezo uyu munsi bigira ingaruka ku hazaza?** Ibyemezo by'uyu munsi bishobora guteza imbere cyangwa gusubiza inyuma igihugu mu gihe kizaza.
3. **Ese utekereza ko abanyeshuri bakwiye kugira uruhare mu miyoborere y'ishuri?** **Sobanura.** Yego. Kubera ko bibafasha kumva inshingano no kugira uruhare mu mibereho yabo ya buri munsi.
4. **Sobanura uburyo Jenoside Yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 ari ingaruka z'imiyoborere mibi.** Zimwe mu ngaruka z'imiyoborere mibi twavuga amacakubiri n'urwango byabonetse mu Rwanda mbere y'umwaka w'1994 bitewe n'ubuyobozi bubi. Urwo rwango n'amacakubiri byatumye mu Rwanda habaho Jenoside Yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994.
5. **Garagaza ibindi biranga umuyobozi mwiza bitavuzwe mu mwandiko?**

   Umuyobozi mwiza agomba kuba inyangamugayo, kwirinda ruswa,...

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko **"Umuyobozi mwiza"**

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro " Ikiganiro mpaka"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kuvuga ashize amanga atanga ibitekerezo byagutse ashingiye ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba bamwe mu banyeshuri gusomera bagenzi babo inshamake y'umwandiko **"Umuyobozi mwiza"**.

II. Uko isomo ryigishwa

Andika insanganyamatsiko ku kibaho igira iti: "Abanyeshuri bakwiye kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo byerekeye imiyoborere y'ishuri." Kora amatsinda abiri y'abanyeshuri batanubatanu.harimo abashyigikiye insanganyamatsiko n'abatayishyigikiye. Toranya umuyobozi w'Ikiganiro mu banyeshuri batari mu matsinda. Ibutsa abanyeshuri amabwiriza aranga ikiganiro mpaka.

Saba umuyobozi w'ikiganiro gutangiza ikiganiro mpaka. Saba abanyeshuri batari mu matsinda gukurikira ikiganiro mpaka. Genda wunganira umuyobozi w'ikiganiro unareba ko abanyeshuri bagaragaje ituze.

Nyuma y'ikiganiro, shimira abanyeshuri uko bitwaye mu kiganiro. Bwira abanyeshuri ko intego y'ikiganiro mpaka atari uko haboneka utsinda n'utsindwa ahubwo ari ukungurana ibitekerezo, gushyigikira igitekerezo cyawe ku buryo wumvisha abandi ukuntu ari cyo no kunoza imivugire y'Ikinyarwanda.

Ibinyazina

Isomo rya 5: Ibinyazina nyereka

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ikinyazina nyereka icyo ari cyo; - Gutahura ibinyazina nyereka aho byakoreshejwe mu nteruro no kubikoresha neza.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze bavuge icyo amagambo atsindagiye ahuriyeho n'umumaro wayo.

Urugero rw'ibisubizo

Soma kino gika maze uvuge icyo amagambo atsindagiye ahuriyeho n'umumaro wayo.
Iki kiganiro cyari kiyobowe n'abanyeshuri batatu.

Keza yavuze ati: "**Uyu** munsi nge na bagenzi bange tugiye kubaganiriza kuri **ya** nsanganyamatsiko."

Urugero rw'igisubizo

Amagambo yanditse atsindagiye afite umwihariko wo kwerekana ikintu runaka.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibinyazina nyereka icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yayo iri mu gitabo cy'abanyeshuri. Yobora abanyeshuri basome mu gitabo cyabo ahari uturango n'imbonerahamwe irimo ibinyazina nyereka hanyuma babyandike.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

1. Garagaza ibinyazina nyereka biri muri izi nteruro:
   a) **Iyo** nka ni yo yariye **bwa** bwatsi.
   b) Shyigikira **uru** rusyo usye **ariya** masaka.
2. Uzurisha izi nteruro ikinyazina nyereka gikwiye ukuye mu dukubo.
   a) **Rwa** rukwavu rwe rwatorotse ikibuti. (aka, rwa, iriya)
   b) Akira **iyi** karamu wandike **izo** nteruro ebyiri. (izo, kino, iyi)
   c) **Birya** biryo wamennye umwaka ushize byari byagaze. (aba, birya, bano)

Umukoro

Ha abanyeshuri kwandika interuro 10 zirimo ibinyazina nyereka no kubicaho akarongo.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma. Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo. Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye. Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru. Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho. Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro

Saba abanyeshuri gutira igitabo k'inkuru, kuyisoma no kuzagaruka babwira bagenzi babo icyo basomye muri icyo gitabo mu nshamake.

Icyumweru cya 24

Umwandiko "Ubutwari bwa Mukashema"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ubutwari bwa Mukashema*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. **Uvugwa cyane mu mwandiko?** Mukashema.
2. **Ni iki wasomye cyabaye kuri Mukashema?** Yatswe ruswa ntiyayitanga.
3. **Ese inkuru ya Mukashema hari icyo yafashije abantu?** Yego yarabigishije cyane.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Gukandamizwa:** Kubuzwa uburenganzira bw'icyo wari wemerewe.
- **Nta nkomyi:** Nta kibuza ikintu kuba.
- **Bituga ukwaha**: Ruswa, amafaranga cyangwa ibindi utanga ngo uhabwe serivisi wemerwa n'amategeko.
- **Kwimyiza imoso:** Kumwara ukabura icyo ukora.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. **Uzuza interuro ukoresheje ijambo rikwiye mu magambo akurikira: serivisi – dosiye – nta nkomyi – gukandamizwa – ibyangombwa**

a. Umuturage wese afite uburenganzira bwo guhabwa **ibyangombwa** bimukwiriye kandi ku gihe.
b. Mbere yo kujya ku murenge, mama yabanje gutegura neza **dosiye** ze zose.
c. Iyo abantu batagira ijambo cyangwa bakumirwa mu gufata ibyemezo, baba barimo **gukandamizwa**.
d. Turi urugero rwiza rw'uko abaturage bashobora gutanga ibitekerezo byabo **nta nkomyi** .
e. Umuyobozi mwiza yakira neza bose, ntasaba ruswa kugira ngo ahe **serivisi** ufite ikibazo.

2. **Gukoresha mu nteruro amagambo:**
   a. Yabuze ayo acira n'ayo amira: Bamufashe yiba abura ayo acira n'ayo amira.
   b. Yimyiza imoso: Gasore yatsinzwe nyina yimyiza imoso.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ubutwari bwa Mukashema" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Abaturage b'umudugudu wa Nyenyeri barangwaga n'iki?** Abantu baho bakunda amahoro kandi bakora cyane kugira ngo bateze imbere imiryango yabo.
2. **Ni iki Mukeshimana yari agiye gushaka ku biro by'Umudugudu wa Nyenyeri?** Yajyanywe n'ikibazo cy'umwana we, Ndayambaje, wagombaga gufashwa kwiga kuko yari mu bana batishoboye
3. **Kuki serivisi yashakaga ku biro by'Umudugudu atayihawe?** Yagomba kubanza gutanga ibihumbi icumi bya ruswa.
4. **Kuki ibikorwa bya Mukashema bifatwa nk'iby'ubutwari?** Ibikorwa bya Mukashema bifatwa nk'ibikorwa by'ubutwari kuko byatumye abantu bashira ubwoba batanga amakuru, Igihugu gitera imbere kubera kurwanya ruswa.
5. **Ni nde washyikirijwe inzego z'umutekano?** Uwashyikirijwe inzego z'umutekano ni Bihogo
6. **Ibyo Mukashema yakoze byafashije iki ku rwego rw'Igihugu?** Abantu bamenye ko gutanga amakuru no gukorana n'inzego z'ibanze bituma Igihugu gitera imbere.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya igice cyabashimishije mu nkuru.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri kumwereka umukoro bakoze, agasaba bamwe muri bo kubwira abandi igice k'inkuru cyabashimishije.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusimbura basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Abakosora aho biri ngombwa kandi afasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Iyo uba umuturage muri uwo mudugudu, wari kwakira ute ibikorwa bya Mukashema?** Nari kumufata nk'intwari, yita ku bandi.
2. **Kuki ubuyobozi bwiza bugomba kurangwa n'ibikorwa nk'ibya Mukashema?** Kuko buharanira inyungu rusange kandi bwitanga.
3. **Ni iki twakwigira kuri Mukashema nk'urubyiruko?** Gukunda Igihugu, kugira ubutwari, kuba umunyakuri no gufasha abandi.
4. **Ni iki gituma igihugu runaka kirangwamo ruswa?** Igihugu runaka kirangwamo ruswa kubera ubukene cyangwa kutagira imiyoborere myiza irwanya ruswa.
5. **Ni gute Rusawa idindiza iterambere ry'Igihugu?** Ruswa idindiza iterambere kuko amafaranga yagakusanyijwe ku rwego rw'Igihugu ngo akoreshwe mu bikorwa rusange ajya mu mifuka ya bamwe.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Ubutwari bwa Mukashema."

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Kungurana ibitekerezo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo ashingiye ku nsanganyamatsiko yatanzwe; - Kuvuga neza Ikinyarwanda akoresha imvugo inoze kandi adategwa.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba bamwe mu banyeshuri gusoma inshamake y'umwandiko bakoze .

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri kungurana ibitekerezo ku buryo imiyoborere myiza ituma igihugu gitera imbere.

Genda ukosora abanyeshuri ibyo bavuga maze mufatanyirize hamwe gufata umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

Ibinyazina

Isomo rya 5: Ibinyazina ngenera

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ikinyazina ngenera icyo ari cyo; - Gutahura ibinyazina ngenera aho byakoreshejwe mu nteruro no kubikoresha neza mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo witegereze amagambo yanditse atsindagiye uvuge icyo ahuriyeho hanyuma utahure inshoza y'ikinyazina ngenera.

Urugero rw'ibisubizo

- Ngira ngo abenshi muri mwe ibyo mwumvise ku kibazo **cya** Mukashema na Bihogo hari amasomo byabasigiye.
- Ubu Bihogo yashyikirijwe inzego **z'**umutekano ari gukurikiranwa n'ubutabera.
- Yatashye yimyiza imoso maze aricara, atekereza **icyo** gukora.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibinyazina ngenera icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yacyo iri mu gitabo cy'abanyeshuri ndetse n'ingero zimaze gutangwa. Saba abanyeshuri gutanga uturango tw' ibinyazina ngenera bagendeye ku nyajwi zibisoza.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

1. **Himba interuro ebyiri ukoreshemo ibinyazina ngenera biherwa na *a* n'izindi ebyiri ukoreshemo ibinyazina ngenera biherwa na *o***

   →Umwana **wa** Mukashema ni umuhungu.

   → Ibiti **by**'avoka birakomera.

   →Umwana **wo** mu rugo aze.

   → Nzanira inyama **zo** kurya.

2. Ca umurongo ku binyazina ngenera biri muri iki gika gikurikira:

   Abaturage **ba** Nyenyeri bakomeje kwifatanya n'ubuyobozi mu rwego **rwo** guca bitugukwaha. Bamenye ko gutanga amakuru no gukorana n'inzego **z'**ibanze bituma Igihugu gitera imbere.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro icumi zirimo ibinyazina ngenera.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6 : Gusoma mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma inkuru cyangwa umuvugo mu ijwi riranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. - Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma.Toranya inkuru cyangwa umuvugo abanyeshuri bari busome mu ijwi riranguruye. Saba abanyeshuri, umwumwe, gusoma mu ijwi riranguruye basimburana. Genda ukosora udasomye neza kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru bamaze gusoma.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushushanya inkuru basomye maze mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bazakwereke amashusho bashushanyije.

Icyumweru cya 25

Umwandiko: "Ubwenge burarahurwa"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"*ubwenge burarahurwa*"**. ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Igihugu kivugwa cyayoborwaga na nde? Ni Ntare.
2. Ni ikihe kibazo cyari muri icyo gihugu? Mu gihugu harimo amapfa.
3. Ni nde wafashije mu gukemura icyo kibazo? Ni kimonyo.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri

ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Bamunnyeze:** Bamusuzuguye bavuga ko ntacyo ashoboye.
- **Bicira isazi mu jisho:** Bashonje. Kuba umuntu nta kintu afite cyo kurya,
- **Ibintu biradogera:** Ibintu birakomera cyane.
- **Nguteze yombi:** Ndakumva, kumva umuntu no kumuha umwanya ngo atange ibitekerezo
- **Umusaruro:** Ibyo umuntu yejeje.
- **Barahunika:** Babika ibyo bejeje.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Guhuza ijambo n'igisobanuro cyaryo

Ijambo/Imvugo	Ibisobanuro
1. ibintu biradogera	a) Kumva umuntu no kumuha umwanya ngo atange ibitekerezo.
2. Bicira isazi mu maso	b) Igihe ibintu byose byacitse intege, byangiritse.
3. Bamunnyenze	c) Gucishwa bugufi, kwirengagizwa no guteshwa agaciro.
4. Nguteze yombi	d) Igihe imyaka iba imaze kuboneka abahinzi bagiye gusarura.
5. Umwero	e) Buri wese afite icyo yigira kuri mugenzi we.
6. Akanyamuneza	f) Igihe abantu baruhutse, bakishima nyuma y'ibihe bikomeye.
7. Ubwenge burarahurwa.	g) Kuba umuntu nta kintu afite cyo kurya cyangwa kumira.

Ibisubizo:

1 →b , 2→g, 3→c, 4→a, 5→d, 6→f, 7→e

2. Shaka mu mwandiko ijambo rikwiye wuzuze interuro zikurikira:

a) Abaturage bagize ikibazo gikomeye cy' ***amapfa*** kubera izuba ryinshi.

b) Ntare yahamagaje **inama** kugira ngo bige ku kibazo k'inzara.

c) Kimonyo yari afite **igitekerezo** cyafasha igihugu kurwanya inzara.

d) Kimonyo yasabye abaturage **kubaha ibigega** kugira ngo bazabihunikemo umusaruro.

e) Ngaho muze kuzinduka **inkoko** ni yo ngoma.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko **"ubwenge burarahurwa"**. bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Kimonyo ahawe ijambo, abaturage bo mu bwami bwa Ntare babyifashemo bate?** Batangiye gusakuza bumva ko adakwiye ijambo.
2. **Ni irihe teka umwami yaciye?** Umwami yaciye iteka ko nta muturage uzongera kwimwa ijambo.
3. **Guhitamo igisubizo kiri cyo.**

A. Ni nde wagize igitekerezo ariko bakamwima ijambo?

a. Ntare

b. Kimonyo

c. Abaturage

d. Umuyobozi

B. Ni iki abaturage bari barabuze?

a. Imyambaro

b. Amavuta

c. Amazi n'ibiryo

d. Uburezi

C. Kimonyo yasabye gukora iki?

a. Guhunga igihugu

b. Gutura ku misozi

c. Gucukura iriba no kwizigamira

d. Kurwanya intambara

D. Umwami Ntare yakoze iki nyuma yo kuganira na Kimonyo?

a. Yaramwirukanye
b. Yamugize umujyanama
c. Yongeye gutumiza inama
d. Yamukubise

E. Kimonyo yagaragaje ubuhe butwari?

a. Gusaba ifunguro abaturanyi.
b. Kujyana abana be ku ishuri.
c. Gutanga ibitekerezo byubaka.
d. Gutanga ibiribwa.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ese Kimonyo yakomeje kuba inyangamugayo nubwo bamwimaga ijambo? Sobanura.** Yakomeje kwihangana no gufasha igihugu. Yiyemeje kongera kuganira na Ntare.
2. **Kuki umwami yahinduye imyumvire ku bijyanye n'uburyo yayoboraga?** Yabonye ko n'abaturage bato bashobora gutanga ibitekerezo bifatika.
3. **Ni iki iyi nkuru itwigisha ku miyoborere myiza?** Kumva buri muturage no guha ijambo buri wese.
4. **Kimonyo ashobora kwitwa intwari? Sobanura.** Yego. Yatanze igitekerezo cyakemuye ikibazo k'igihugu.
5. **Iyo uri mu gihe cy'akaga, ni izihe ndangagaciro nk'iza Kimonyo wakurikiza?** Kuvugisha ukuri, kwihangana, no kudacika intege.

6. **Sobanura uburyo kwizigamira byazamura iterambere ry'umuntu?** Iyo wizigamiye bikurinda ibibazo by'ubukene n'inzara bishobora kuzabaho mu minsi izaza . Ikindi ni uko iminsi igenda ihindagurika; iyo rero yabaye mibi hakaza ubukene butewe n'ibura ry'imvura cyangwa indwara z'ibyorezo umuntu abasha gukomeza ubuzima kuko afite ibimubeshaho.(*Buri wese ashobora gutanga igisubizo ke.*)

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko **"Ubwenge burarahurwa."**

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Kungurana ibitekerezo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ku ngingo yatanzwe. - Kuvugira mu ruhame ashize amanga.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri bamwe gusoma inshamake y'umwandiko "*Ubwenge burarahurwa*" banditse.

II. Uko isomo ryigishwa

Ha abanyeshuri insanganyamatsiko bunguranaho ibitekerezo: Mu kigo cyanyu muramutse mugize ikibazo cy'amazi ni ibihe bitekerezo mwaha abayobozi b'ishuri kugira ngo icyo kibazo gikemuke.

Genda ukosora abanyeshuri ibyo bavuga maze mufatanyirize hamwe gufata umwanzuro ku nsanganyamatsiko bunguranyeho ibitekerezo.

Ibinyazina

Isomo rya 5: Ibinyazina ngenga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura ibinyazina ngenga aho byakoreshejwe mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma igika cy'umwandiko kiri mu bitabo byabo maze ubabaze ikibazo kibafasha gutahura inshoza n'uturango by'ibinyazina ngenga.

Urugero rw'ikibazo n'igisubizo:

Amagambo atsindagiye ahagarariye iki mu nteruro? Amagambo atsindagiye ahagarariye uvuga.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibinyazina ngenga icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yayo n'uturango biri mu gitabo cy'abanyeshuri. Ha abanyeshuri ingero z'ibinyazina ngenga ubasobanurire n'imisuma ikorana na byo, ari yo*: -se, -mbi, -nyine* na *–bwe*. Saba abanyeshuri gusoma no kwandukura imbonerahamwe irimo ibinyazina ngenga mu makayi yabo.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Kuzuza izi nteruro ukoresheje ikinyazina ngenga gikwiye.
   a) **Nge** si ko mbyumva.
   b) **Twese** ntawuvuyemo twemeye ibyo utubwiye.
   c) **Nge** simbyemera maze ndore!
   d) Ari Karori, ari na Karani **bombi** ni abanyamafuti.
   e) Kuki mwaje **mwese** mwa bana mwe imuhira hasigaye nde?
   f) Sigara aho **wenyine** niba udashaka kwifatanya n'abandi!
   g). Si **bo** Mana yacu nibarorere tuzirwanaho.
   h) Ni **mwe** mbwira nimuze tugende.
   i) Na **ko** kazane ntugasige.
   j) Kuki **mwe** mutabikora harabura iki?
   k) Urakire! **Twese!**
   l) Uzi ko **twembi** tuberanye di!
2. Himba interuro zawe bwite ukoresheje ibinyazina bikurikira: Zonyine, twombi, wo, mwebwe, yose, ho, rwonyine, wose, byose, bwombi.

(Buri munyeshuri aratanga interuro ze. Genzura niba harimo ibinyazina ngenga yasabwe.)

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro esheshatu zirimo ibinyazina ngenga bitandukanye kandi bakabicaho akarongo. Ubasabe gukoresha ngenga n'inteko zitandukanye.

Igikorwa cyo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera mu matsinda ya babiribabiri

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiramo inkuru yasomeye mu itsinda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ugerageza gushyira hamwe abageregeza gusoma neza n'abafite imbogamizi mu gusoma kugirango bafashanye. Toranya inkuru zo gusoma zingana n'amatsinda ari mu ishuri maze uzihe abanyeshuri. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basomera mu matsinda, abafite ibibazo ubafashe. Genzura ko umunyeshuri umwe arangiza gusoma inkuru undi na we agasoma, cyangwa ko umwe asoma igika undi agasoma ikindi. Toza abanyeshuri kujya bakosorana igihe basoma.

Umukoro

Saba abanyeshuri gutira ibitabo mu isomero, bazagaruke mu isomo ryo gusoma barangije kubisoma kandi banditse muri make ibikubiye mu nkuru, ikinamico cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 26

Umwandiko: "Ibyiza by'imihigo"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko **"*Ibyiza by'imihigo*"**. ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Ni nde mwana uvugwa mu mwandiko? Ni Iradukunda.

2. Ni iki Iradukunda azwiho? Gukorera ku mihigo.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Imbogamizi :** Ikintu gituma ibintu bitagerwaho, inzitizi.
- **Kwigana:** Gukora nk'ibyo undi yakoze kuko yabikuyemo isomo.
- **Intego:** Ikerekezo umuntu yihaye kugira ngo agere ku cyo yiyemeje.
- **Imihigo:** Umugambi cyangwa umurongo ngenderwaho w'ibikorwa.
- **Intangarugero:** Umuntu ubera abandi ikitegererezo.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

I. Hitamo igisubizo gikwiye

1. Ni irihe jambo risobanura "inzitizi zibangamira intego"?

a) Intego
b) Umusaruro
c) Imbogamizi ✓
d) Isuku

2. "Gukora nk'ibyo undi yakoze kuko wabikuyemo isomo" bisobanura:

a) Gushishikariza
b) Kwigana ✓
c) Gahunda
d) Gutsinda

3. Ni irihe jambo rivuga "ikerekezo umuntu yihaye"?

a) Intego ✓
b) Isuku

c) Umusaruro
d) Gahunda

4. Umugambi cyangwa umurongo ngenderwaho w'ibikorwa

a) Imihigo✓
b) Gahunda
c) Intangarugero
d) Kwigana

5. Umuntu ubera abandi ikitegererezo

a) Ingenzi
b) Inkorabusa
c) Intangarugero ✓
d) inkundwakazi

2.Gushaka ibisubizo mu kinyatuzu

1.Ni ayahe magambo agaragaza ko Iradukunda yari afite umuco wo kwiyemeza?
Imihigo, intego

2.Ni irihe jambo rigaragaza impinduka mu myitwarire y'abandi banyeshuri?
Kwigana

3. Ni irihe jambo rigaragaza icyo Iradukunda yagezeho nyuma yo gushyira mu bikorwa imihigo?
Umusaruro

4.Vuga inyunguramagambo ebyiri zigaragaza imico ya Iradukunda nk'intwari.
Intangarugero, gutsinda

k	t	**i**	**n**	**t**	**a**	**n**	**g**	**a**	**r**	**u**	**g**	**e**	**r**	**o**
w	r	**n**	y	e	u	t	**u**	t	g	d	e	t	u	w
i	f	**t**	h	d	k	k	**t**	g	e	f	u	u	f	r
g	q	**e**	H	h	o	e	**s**	n	f	u	d	h	o	m
a	r	**g**	G	c	r	n	**i**	m	v	n	m	a	n	e
n	u	**o**	H	w	z	k	**n**	a	b	k	e	s	d	n
a	y		J	o	h	r	**d**	g	n	e	g	u	i	k
a	s	i	K	h	n	i	**a**	k	**i**	**n**	**t**	**e**	**g**	**o**
c	l	t	U	m	m	y	y	r	t	i	m	g	u	v
b	k	g	Y	s	j	a	n	w	d	m	o	m	n	e
u	**m**	**u**	**s**	**a**	**r**	**u**	**r**	**o**	u	a	j	u	e	r

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko **"Ibyiza by'imihigo"** bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Iradukunda yatangiye gukorera ku mihigo kubera iki?** Yari yarabitojwe n'ababyeyi be.
2. **Ni ryari Iradukunda yandikaga imihigo ye?** Ku cyumweru nimugoroba.
3. **Ni iyihe mihigo yerekeye imibanire Iradukunda yihaye?** Gufasha bagenzi be no gukorana na bo.
4. **Ni iki Iradukunda yakoze iyo atageraga ku mihigo?** Yasuzumaga imbogamizi zamubujije kuyigeraho.
5. **Ni gute abandi banyeshuri batangiye kubahiriza imihigo?** Iradukunda yabashishikarije kwandika imihigo no kuyishyira mu bikorwa.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosora aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Wavuga iki ku mico y'ubuyobozi bw'ishuri ryo muri uyu mwandiko?** Umuco w'ishuri rivugwa mu mwandiko wo kwigisha abanyeshuri ku mihigo ni mwiza kuko bitoza abanyeshuri kugera ku byo biyemeje.
2. **Kuki Iradukunda yabaye intangarugero?** Ni uko ari we wesheje imihigo yihaye kandi akabitoza na bagenzi be.
3. **Ni izihe ndangagaciro twabonera muri uyu mwandiko?** Zimwe mu ndangagaciro twavuga nko kugira isuku, gukorera ku mihigo no kuyesa
4. **Umaze gusoma uyu mwandiko ni irihe somo wakwigira kuri Iradukunda?** Isomo umuntu yakwigira kuri Iradukunda ni iryo kwiha intego/umuhigo kandi ugaharanira kuwesa.
5. **Uramutse uhize umuhigo ntuwugereho, wakora iki?** Buri wese atanga igisubizo ke ukumva ko gifite ireme.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko **"Ibyiza by'imihigo"**

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Gutegura imihigo"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo ashingiye ku nsanganyamatsiko yatanzwe; - Kuvuga neza Ikinyarwanda akoresha imvugo inoze kandi adategwa
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba bamwe mu banyeshuri kuvuga inshamake y'umwandiko bize witwa: "Ibyiza by'imihigo".

II. Uko isomo ryigishwa

Andika umwitozo abanyeshuri bakora ku kibaho uteye utya: "Ufatiye ku byo wize kuri Iradukunda, tegura imihigo itatu wihaye muri iki cyumweru, uyandike, uyereke umwarimu wawe n'umubyeyi kandi ugenzure niba uzayigeraho."

Genda ureba ko buri munyeshuri atunganya neza imihigo ye. Saba bamwe mu banyeshuri kuza gusoma imihigo yabo banditse imbere y'abandi. Nyuma y'icyumweru uzabaze buri munyeshuri niba imihigo yihaye yarayigezeho, niba atarayigezeho avuge impamvu atayigezeho.

Umukoro

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo kugenda bagasomera ababyeyi babo imihigo y'icyumweru bakoze hanyuma bakayinogereza hamwe.

Ibinyazina

Isomo rya 5: Ibinyazina ngenera ngenga

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ikinyazina ngenera ngenga icyo ari cyo; - Gutahura ibinyazina ngenera ngenga aho byakoreshejwe mu nteruro no kubikoresha mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ibibazo kuri izo nteruro.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

Amagambo yanditse atsindagiye murumva asobanura iki? Amagambo yanditse atsindagiye arerekana nyiri ikintu.

Ni ibihe binyazina mwumva byumvikana muri ayo magambo? Ugendeye kuri **"bwe" "ke" "bange"** na **"byabo**" harumvikanamo ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibinyazina ngenera ngenga icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yacyo iri mu gitabo cy'abanyeshuri. Yobora abanyeshuri basome mu gitabo cyabo ahari imbonerahamwe irimo ibinyazina ngenera ngenga babisome ubafashe kubyumva hanyuma babyandike.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Simbuza amagambo atsindagiye ikinyazina ngenera ngenga gikwiye.

a) Urugo **rwa Mugisha** ni rwiza.→Urugo **rwe** ni rwiza.

b) Ibiti **bya Marume na Kayitesi** bireze. →Ibiti **byabo** bireze.

c) Ijambo **ryange nawe** ryahinduye byinshi. →Ijambo **ryacu** ryahinduye byinshi.

d) U Rwanda ni Igihugu **cy' Abanyarwanda.** →U Rwanda ni Igihugu **cyabo.**

2. Tanga interuro enye ukoreshamo ikinyazina ngenera ngenga muri ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bwinshi.

(Buri munyeshuri wese atanga igisubizo ke ukareba ko bifite ireme.)

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro eshatu zirimo ibinyazina ngenera ngenga no kubicaho akarongo hanyuma bakagaragaza n'inteko birimo.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gukina inkuru cyangwa ikinamico

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvuga ashize amanga kandi yigana abanyarubuga bo mu nkuru yasomye cyangwa abakinankuru bo mu ikinamico yafashe mu mutwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri, umwumwe cyangwa mu matsinda gukina inkuru basomye cyangwa gukina ikinamico bafashe mu mutwe.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri banditse muri make ibikubiye mu nkuru, mu ikinamico cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 27

Umwandiko "Katabirora na Kamuhanda"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Katabirora na Kamuhanda*". Babasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Ni nde nshuti ya Kamuhanda? Ni Katabirora.

2. Ni nde wakijije urubanza rwa Kamuhanda na Katabirora? Ni abunzi

b) Gusoma mu ijwi riranguruye
Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
- **Umunyamahugu:** Umuntu utwara ibitari ibye ku mbaraga.
- **Inararibonye:** Inzobere, umuntu uzi byinshi akenshi bikoreshwa ku muntu ukuze.
- **Kuriganya:** Kubeshya, gutwara ibintu by'abandi mu buryo butemewe.
- **Kurwicira:** Kurwikatira, gutsindwa urubanza wabigizemo uruhare.
- **Gutirimuka:** Kuva ahantu runaka ugiye ahandi.
- **Ushesha akanguhe:** Umuntu ushaje.

III. Umwitozo
Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Koresha amagambo mu nteruro
- **Umunyamahugu**: Uwo munyamahugu yarambeshye ashaka kuntwara ibyange.
- **Inararibonye**: Naganiriye n'umusaza w' inararibonye.

- **Kuriganya**: Karisa ashaka kuriganya amafaranga mukuru we.
- **Kurwicira**: Agiye kurwicira bitewe n'imyitwarire ye.
- **Gutirimuka**: Yahuye na se agitirimuka aho.
- **Usheshe akanguhe**: Nahuye n'umugabo usheshe akanguhe.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Kamuhanda na Katabirora" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Kuki Kamuhanda yabikije mugenzi we amafaranga?** Kamuhanda yabikije Katabirora amafaranga ye kuko yizeraga ko ari inshuti ye y'akadasohoka kandi ko atamugirira nabi.
2. **Garagaza ko ibyo Kamuhanda yakekaga kuri mugenzi we ntaho byari bihuriye n'ukuri.** Kamuhanda yatekerezaga ko Katabirora ari umuntu w'inyangamugayo, ariko nyuma yaje kumenya ko yamubeshye, amwima amafaranga ye, bityo bigaragaza ko ibyo yatekerezaga bitari ukuri.
3. **Kamuhanda yitwaye ate mugenzi we amaze guhakana amafaranga yamubikije?** Kamuhanda yarababaye cyane, ariko ntiyashatse gukemura ikibazo mu buryo bw'amakimbirane; ahubwo yihutiye kujya kubimenyesha abunzi kugira ngo bamurenganure.
4. **Abunzi bakoze iki bamaze gushyikirizwa ikirego cya Kamuhanda?** Abunzi bumvise impande zombi, basaba Katabirora kugaragaza ibimenyetso by'uko atigeze abitswa amafaranga, ariko abura ibimenyetso; bityo bafata ikemezo cyo kumusaba gusubiza amafaranga ya Kamuhanda.
5. **Kuki umwunzi mukuru yabwiye Kamuhanda ko igiti gishobora kumubera umugabo?** Umwunzi mukuru yabwiye Kamuhanda ko igiti gishobora kumubera umugabo kugira ngo amwereke ko, nubwo Katabirora yamubeshye, azabona undi muntu w'inyangamugayo ushobora kumufasha no kumuba hafi.

6. **Katabirora yafashwe n'iki?** Katabirora yafashwe n'isoni n'ikimwaro nyuma yo kumenya ko abunzi bamenye ukuri, ndetse no kubona ko yatesheje agaciro izina rye n'ubunyangamugayo bwe.

III. Umwitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iki twakwigira kuri Katabirora?** Kwirinda ishyari no gusaba imbabazi iyo twibeshye.
2. **Ni irihe somo inkuru itanga ku buyobozi?** Umuyobozi mwiza ni uwita ku nyungu rusange ntabe nyirabayazana w'amakimbirane.
3. **Garagaza ko umwunzi mukuru yari inararibonye koko.** Umwunzi mukuru yagaragaje ubunararibonye bwe mu buryo yakemuyemo ikibazo atabogamye, yumvise impande zombi, asaba ibimenyetso, kandi afata icyemezo cyubahirije ukuri n'ubutabera.
4. **Cira umugani w'umugenurano Katabirora ushingiye ku myitwarire ye.**
   - Igisiga cy'urwara rurerure kimennye inda.
   - Iminsi y'igisambo ni mirongo ine.
   - Ukuri guca mu ziko ntigushye…
5. **Kuki Katabirora yashatse guhemuka?** (*Aha buri wese atanga igisubizo ke. Genzura ko gifite ireme.*)
6. **Ni izihe ngaruka zishobora kuba ku muntu ukunda guhemuka?** Umuntu ukunda guhemuka ashobora gufungwa, gucibwa mu muryango, abantu bamutakariza ikizere,…

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'uno mwandiko "Katabirora na Kamuhanda"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Gukina bigana"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Guhanga umukino yigana umwandiko yasomye. - Kuvuga ashize amanga akina yigana abanyarubuga bari mu mukino yahimbye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe guhimba agakuru baza gukina.

II. Uko isomo ryigishwa

Andika insanganyamatsiko ku kibaho igira iti: "Muhereye ku mwandiko mumaze gusoma, nimuhimbe agakino mwigana abakinankuru bavugwamo mugamije gushyigikira ubunyangamugayo bw'umwunzi mukuru no kurwanya ubuhemu bwa Katabirora." Genda unyura mu matsinda ubafasha gusobanukirwa n'ibyo bari gukora unabahe ubufasha aho bukenewe. Hamagara amatsinda kuza imbere bakine agakino bahimbye.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushushanya igice k'inkuru cyabashimishije.

Ikinyazina mbanziriza

Isomo rya 5 : Inshoza n'uturango by'ibinyazina mbanziriza

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura ikinyazina mbanziriza icyo ari cyo; - Gutahura no gukoresha ibinyazina mbanziriza mu nteruro.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro.
- Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ikibazo ku magambo atsindagiye ari muri izo nteruro, ikibazo kibafasha gutahura inshoza y'ikinyazina mbanziriza.

Urugero rw'ibisubizo:
Amagambo atsindagiye ahuriye ku ki? Amagambo atsindagiye ahuriye ku:

- Kubanziriza inshinga itondaguye.
- Kurangizwa n'inyajwi **o**.
- Gutangizwa n'inyajwi.
- Gusimbura izina.

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ibinyazina mbanziriza icyo ari cyo ugendeye ku nshoza yacyo n'uturango twacyo biri mu gitabo cyabo. Yobora abanyeshuri basome ahari inshoza n'imbonerahamwe by'ikinyazina mbanziriza mu gitabo cyabo ubafashe kubyumva hanyuma babyandike mu makayi yabo.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Gutahura ibinyazina mbanziriza biri mu nteruro zikurikira:**
   a) Nasuye **uwo** akunda wenyine.
   b) Uwo mwana ni we ufite **ibyo** namutumye.
   c) Yari afite amakayi atanu. **Ayo** yakoreshaga yari atatu gusa.
   d) **Ibyo** wavuga byose sinzemera izo nama zawe.
   e) Yambwiye **icyo** ashaka, ndishima muha izo nkweto.

2. **Himba interuro eshanu zikoreshejwemo ikinyazina mbanziriza.**
   Buri munyeshuri ahimba interuro ze, ukagenzura ko zujuje ibisabwa.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro cumi zirimo ibinyazina mbanziriza no kubicaho akarongo.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri, umwumwe, gusubiramo inkuru, ikinamico cyangwa umuvugo basomye.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakina inkuru basomye cyangwa ikinamico bafashe mu mutwe.

Icyumweru cya 28

Umwandiko : "Ikiganiro na Sogokuru"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ikiganiro na Sogokuru*", ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko, ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Uyu mwana uvuga yaganiraga na nde? Yaganiraga na sekuru.

2. Yamuganirije ku ki? Yamuganirije ku nkuru y'umurobyi n'abamuhahiraga.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Ikimwaro:** Isoni umuntu aterwa n'ikibi yakoze.
- **Indishyi z'akababaro:** Ikiru utanga kubera amakosa wakoze.
- **Guca ruhinga nyuma:** Kurenga ku mazezerano wari ufitanye n'umuntu ugakora ibyo mutumvikanyeho atabizi.
- **Inyangamugayo:** Umuntu ukora ibintu bye mu bupfura natawe ariganyije. Ni indakemwa mu mico no mu myifatire.
- **Baramwigurutsa:** Bamuvaho, ntibamushyigikira, baramutamaza.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Uzurisha interuro amagambo avuye mu mwandiko

a. Umurobyi amaze gutsindwa, yatangiye kugaragaza **ikimwaro** mu maso.

b. Iyo abantu bagize ibyago, hari ubwo basaba **indishyi z'akababaro** ku wababababaje.

c. Sehirwa yagiye kurega kuko umurobyi yamwangirije igihe, ahubwo agahitamo **guca ruhinga nyuma.**

d. Umuyobozi yavuze ko ari **inyangamugayo,** kuko adashobora kurenganya abaturage.

e. Abagabo batanu babonye byose ariko bageze aho **baramwigurutsa**

2. Koresha amagambo mu nteruro:

- **Gutirimuka**: Agitirimuka umubyeyi we yahise aza.
- **Inyangamugayo:** Mu Rwanda hari inyangamugayo nyinshi.
- **Guca ruhinga nyuma**: Yamuciye ruhinga nyuma amutwarira amafaranga.
- **Indishyi z'akababaro:** Mu rukiko bamuciye indishyi z'akababaro.
- **Kwigurutsa**: Namubwiye amakosa ye aranyigurutsa.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ikiganiro na Sogokuru" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko
Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:
1. **Kuki sogokuru akunda kuganira n'umwuzukuru?** Kugira ngo amutoze gutekereza no gusobanukirwa ibintu bimwe na bimwe.
2. **Ni iki cyabaye ku murobyi nyuma yo guha ifi umukire?** Yabuze amafi, atsindwa mu rukiko, agurishwa ubwato.
3. **Sehirwa yaje kugaruka ryari?** Nyuma y'amasaha abiri aje gufata ifi.
4. **Ni ba nde babonye umurobyi aha umukire ifi?** Abagabo batanu bari hirya bareba.
5. **Umugore w'umurobyi yagaragaje ate agahinda ke?** Yazunguje umutwe arimyoza.

III. Umwitozo
Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro
Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko
Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko
Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni iyihe ndangagaciro sogokuru yashakaga kwigisha umwuzukuru?** Ubunyangamugayo no kwirinda ubuhemu.
2. **Ni irihe somo nyamukuru ry'iyi nkuru?** Ni uko guhemuka bigira ingaruka mbi ku muntu ubikoze.
3. **Ni iyihe myitwarire mibi yagaragajwe na Murobyi?** Imyitwarire mibi ya Murobyi ni uko yatanze ruswa kugira ngo abone uko ahemukira Sehirwa.
4. **Wavuga iki ku myanzuro y'umuyobozi?** Yari iboneye, ishingiye ku buhamya bw'abaturage.
5. **Iyi nkuru ikwigishije iki? Sobanura igitekerezo cyawe.** Kuba inyangamugayo, kwirinda ubuhemu, kuvugisha ukuri, kurwanya ruswa no gutanga ubutabera.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'ino nkuru "Ikiganiro na sogokuru."

Amasano yo mu muryango

Isomo rya 4: Amasano yo mu muryango mugari

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusobanura amasano yo mu muryango atandukanye, - Gutandukanya amasano yo mu muryango wa bugufi n'ayo mu muryango wa kure.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

- Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro.
- Saba abanyeshuri gusoma inkuru "Ibiruhuko byange" maze ubabazeho ibibazo bibafasha gutahura amasano yo mu muryango mugari.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo

1. **Umuryango wa bugufi wa Safari ugizwe na ba nde?** Umuryango wa bugufi wa Safari ugizwe na se, nyina, bashiki be na barumuna be.
2. **Mu kiruhuko gisoza igihembwe cya mbere Safari asura ba nde?** Asura abagize umuryango we mugari.
3. **Ni ba nde bagize umuryango mugari wa Safari bavugwa mu nkuru?** Harimo nyirarume, babyara be, segokuru, nyirakuru n'abishywa.

II. Uko isomo ritangwa

Baza abanyeshuri abagize umuryango wa bugufi. Hera ku bagize umuryango wa bugufi maze ubabwire ko uyu munsi bagiye noneho kwiga abagize umuryango mugari.

Baza abanyeshuri andi masano baba bazi wifashishije ikibazo gikurikira: Uretse umuryango

wanyu wa bugufi, ni ayahe masano yandi mwaba muzi? Cyangwa se ni ba nde bandi mugira icyo mupfana? Akira ibisubizo by'abanyeshuri ari na ko ubafasha kubinoza.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora unakosora abarangije. Saba abanyeshuri gukora ikosora rusange ubafashe kunoza ibisubizo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Itegereze ishusho ikurikira hanyuma usubize ibibazo:

a) Musoni apfana iki na Kariza? Musoni ni musaza wa Kariza.

b) Bwiza ni iki cya Musoni? Bwiza ni mushiki wa Musoni.

c) Marita ni iki cya Rugwiro? Marita ni nyirakuru wa Rugwiro.

d) Kariza ni iki cya Karabo? Kariza ni nyirasenge wa Karabo.

e) Shema ni iki cya Karori? Shema ni umwuzukuru wa Karori.

f) Keza ni iki cya Shema? Keza ni mubyara wa Shema.

g) Kagabo ni iki cya Karori na Marita? Kagabo ni umukwe wa Karori na Marita.

h) Isheja ni iki cya Karori na Marita? Isheja ni umukazana wa Karori na Marita.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika amazina y'abantu batanu bafitanye isano, unandike isano bafitanye.

Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku miyoborere myiza.
- Ubushobozi bwo gukora interuro ibinyazina nyereka, mbanziriza, ngenera, ngenga na ngenera ngenga
- Ubushobozi bwo gutandukanya amasano yo mu muryango.

Umwandiko: Igihugu k'ishyamba

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

I. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira ugendeye ku bisobanuro afite mu mwandiko

a) Akajagari: Ni uko ibintu biba biri mu kavuyo, nta tegeko cyangwa nta muyobozi ubikurikirana.

b) Kwiyamamaza: Ni igikorwa umuntu akora asobanurira rubanda ibyo azabakorera nibamutora.

c) Imigabo n'imigambi: Ni intego umuntu aba afite hamwe n'uburyo ateganya kuzigeraho.

d) Inshingano: Ni umurimo cyangwa ibyo umuntu ashinzwe gukora mu nyungu rusange cyangwa bwite.

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro yawe wihimbiye

e) Umuyobozi mwiza ni uwita ku nyungu z'abayoborwa kandi akabumva.
a) Ubwitonzi bw'inka bwafashije izindi nyamaswa kwibuka ibisabwa ku muyobozi.
b) Ubumwe bw'inyamaswa bwatumye igihugu kiyoborwa neza.
c) Inyamaswa **zatoye** urukwavu kuko zarubonagamo ubuyobozi bushingiye ku bumwe n'ubwenge.

II. Kumva umwandiko

1. Ni izihe nyamaswa zahataniraga kuyobora igihugu k'Ishyamba? Ni ingwe n'urukwavu.

2. Ni iki inzovu yakoze kugira ngo igihugu kigire amahoro? Yatangije igitekerezo cyo gushyiraho umuyobozi.

3. Kuki inyamaswa zatoye urukwavu aho gutora ingwe? Kubera ko urukwavu rwarangwaga no kumva buri wese, gukorana n'abandi no gushakira inyungu rusange.

4. Ni izihe nshingano zitandukanye inyamaswa zahawe nyuma y'amatora? Bamwe bashinzwe guteka, abandi gushaka ibiribwa, abandi kurinda igihugu.

5. Wakwemeza ute ko demokarasi yakoreshejwe mu gihugu k'Ishyamba? Inyamaswa zose zahawe uburenganzira bwo gutora, abiyamamaza baravuga imigabo n'imigambi yabo, kandi ibyavuye mu matora byubahirizwa nta kwivovota.

6. Ni iyihe nyigisho wakura muri uyu mwandiko? Inyigisho irimo ni uko ubuyobozi bwiza bushingiye ku bumwe, kumva abaturage no kugabana inshingano, kandi ko imbaraga zidahagije mu kuyobora neza.

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi.

1. Gushaka ibinyazina byizwe biri mu gika k'inkuru:

Buri nyamaswa yasabwe kwiyamamaza maze haboneka abakandida babiri **bonyine**, ingwe n'urukwavu. **Iyo** ngwe ni **yo** yatangiye ivuga ivuga imigabo n'imigambi **yayo**. Yahagurutse ivuga mu ijwi riranguruye iti: "**Ngewe** mfite imbaraga! Imbaraga **z'**urukwavu duhanganye ntizihagije pe! Ni **nge** ukwiye kuyobora. Nta wundi wabasha kurinda igihugu **cyacu** nk'**uko** mbishoboye!" Urukwavu rwicishije bugufi cyane ruravuga ruti: "**Ngewe** sinshobora kurwana nk'ingwe, ariko nshobora kumva buri nyamaswa, gushakira buri **wese** inyungu no gukorana n'abandi neza."

2. Interuro irimo ikinyazina mu binyazina byatanzwe mu mbonerahamwe.

Ikinyazina	Urugero rw'interuro
nyereka	**Uyu** mwana ni mwiza.
mbanziriza	**Ibyo** dutunze ni iby'Imana.
Ngenga	**Nge** nawe turi abanyeshuri.
Ngenera	Ntiza ikaramu **y'**umutuku.
Ngenera ngenga	**Abacu** nibagende.

3. Uhereye kuri iyi nkuru subiza ibibazo biyikurikiye bishingiye ku masano.

Mugeni yashakanye na Kamugisha babyara abana batatu, abakobwa babiri Bwiza, Uwera n'umuhungu umwe ari we Mugabo. Bwiza na we yaje gushaka Nziza bafite abana babiri Sano na Uwineza.

a) Mugeni ni **umugore** wa Kamugisha.

b) Kamugisha ni **umugabo** wa Mugeni.

c) Bwiza ni **mushiki** Wa Mugabo.

d) Mugabo ni **Musaza** wa Bwiza na Uwera.

e) Nziza ni **umukwe** Wa Kamugisha.

f) Mugeni ni **nyirabukwe** wa Nziza.

g) Nziza ni **muramu** wa Uwera.

4. Huza isano n'abagize isano.

Isano	Abagize isano
1. Nyogokuru	a. Mushiki wa data
2. Masenge	b. Abana ba masenge cyangwa marume
3. Babyara bacu	c. Murumuna cyangwa mukuru wa data
4. Data wacu	d. Umugore ubyara data cyangwa mama

Ibisubizo

1	2	3	4
d	a	b	c

Ibikorwa by'inyongera

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri uhereye ku manota yagize mu isuzuma risoza umutwe maze ubashyire mu matsinda ukurikije ingorane bafite;
- Tegurira abanyeshuri imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo;
- Tegura imyitozo nzamurabushobozi wibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke;
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma, ushobora gusaba bagenzi babo babyumvise neza kubafasha kubyumva bari mu matsinda;
- Ku bagaragaje ubushobuzi buhagije, ushobora kubaha imyitozo ituma barushaho kwagura ubushobozi bwabo no kutarambirwa mu gihe abagaragaje ubushobozi buke bakizamurwa;
- Gendagenda mu ishuri, ureba uko bakora iyo myitozo mu byiciro byabo, ubafasha ariko wibanda cyanecyane ku bagaragaje ubushobozi buke.

UMUTWE WA GATANDATU:

UMUCO W'AMAHORO



Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusoma no gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco w'amahoro;
- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo aranga igihe;
- Kwandika neza amagambo afatana n'adafatana;
- Gukoresha neza imvugo iboneye ku magambo aranga amasano;
- Gutahura no gukoresha neza imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro.

6.1. Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Uburyo bwo kwirinda amakimbirane, gusaba imbabazi, kubabarira;
- Amagambo aranga amasano yo mu muryango ya bugufi n'amasano yo mu muryango mugari;
- Imwe mu migani y'imigenurano ijyanye n'ikigero cy'abana;
- Uko gusakuzanya bikorwa n'ingero z'ibisakuzo;
- Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko.

6.2. Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

Urugero rw'igikorwa:

Mugisha ni umwana warezwe neza kandi imyitwarire ye irabigaragaza koko! Iyo ari mu ishuri aba yitonze kandi akurikiye ibyo umwarimu yigisha. Yubaha abarezi n'abanyeshuri bagenzi be kandi ntawe bwira nabi. Iyo hari abana bagiranye amakimbirane, Mugisha yihutira kubakiza no kubafasha kumvikana. Agira uruhare rukomeye mu gukemura bibazo byose byo mu ishuri. Abarimu n'abanyeshuri baramukunda cyane. Iyo yagize ikibazo, ntage ku ishuri, begenzi be bose birirwa bababaye, bakongera kwishima ari uko agarutse.

Uhereye ku nkuru ya Mugisha subiza ibi bibazo:

a. Ni iki gituma Mugisha ashimwa na buri wese mu kigo yigamo?

b. Ni iki wakwigira kuri Mugisha mu mibereho ya buri munsi?

(Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri hanyuma ubafashe kubinoza.)

Urugero rw'ibisubizo:

a. Mugisha ashimirwa imico ye yuzuye ubugwaneza, urukundo n'amahoro. Ntakunda amakimbirane ahubwo agira uruhare mu kuyakemura. Abanisha neza bagenzi be

b. Mugisha namwigiraho kubana neza n'abandi, kugira urukundo, kwirinda amakimbirane no gufasha abayafitanye gukemura ibibazo.

6.3. Ubushobozi nsanganyamasomo

-**Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo:** Binyuze mu gutahura icyo umwandiko uri buze kuvugaho no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

-**Ubushakashatsi:** Binyuze mu gushaka ibisobanuro by'amagambo atari asobanukiwe, no mu gihe bakora imikoro ibasaba kubaza abo babana.

-**Gusabana mu ndimi zemewe gukoreshwa mu Gihugu:** Mu gihe bungurana ibitekerezo mu matsinda cyangwa bamurika ibyakorewe mu matsinda no mu mikoro.

-**Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi:** Binyuze mu bikorwa byo mu matsinda no gusanisha isomo bize n'ubuzima busanzwe.

-**Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi:** Binyuze mu gukora imikoro yahawe.

6.4. Indangagaciro

-**Kwigira:** Binyuze mu mikoro n'imyitozo umunyeshuri akora ku giti ke.

-**Umuco w'amahoro n'Ubworoherane:** Binyuze mu kubaha ibitekerezo by'abandi.

-**Kubaha Abandi no kubaha Uburenganzira bwa Muntu:** Binyuze mu kugaragaza ikinyabupfura ku bantu bose, kudaheza no kudahutazanya.

-**Ubufatanye na Demokarasi:** Binyuze mu gukorana neza mu matsinda no guha agaciro ibitekerezo by'abandi.

-**Gukunda Igihugu:** Binyuze mu kungurana ibitekerezo ku byateza imbere igihugu.

-**Kwitangira umurimo:** Binyuze mu kwiga gukora no guharanira kugera ku iterambere.

-**Kwiyemeza no Kwihangana:** Binyuze mu kudacibwa intege n'imbogamizi n'imiruho bahura na byo mu rugendo rwo kwiteza imbere.

6.4. Ingingo nsanganyamasomo zivugwaho

Muri uyu mutwe harimo ingingo nsanganyamasomo y'umuco w'amahoro. Imyandiko myinshi iri muri uyu mutwe igenda igaruka ku muco w'amahoro. Umwarimu ahera ku bibazo bibajijwe kuri iyo myandiko maze agashimangira ingingo yo kubana mu mahoro no mu bwumvikane.

6.5. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe yagenewe

Ibyumweru	Ibyigwa	Umubare w'amasaha 40
7	**Umwandiko: Isazi n'ikimonyo**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhanga inkuru)	1
	Imyandikire y'amagambo aranga igihe	
	Imyandikire y'amagambo aranga igihe	2
	Ibikorwa byo gusoma	1

8	**Umwandiko: Umwana n'ingona**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Gushushanya igice k'inkuru)	1
	Imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana	
	Imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
9	**Umwandiko: Umugisha wa kibyeyi**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Ikiganiro mpaka)	1
	Ikeshamvugo ku masano	
	Imvugo iboneye ku magambo aranga amasano	2
	Ibikorwa byo gusoma	1
10	**Umwandiko: Nyambo na Ntama**	
	Gusoma n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhimba agakuru)	2
	Ingero z'imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro	
	Gutahura imigani y'imigenurano iri mu mwandiko	1
	Ibikorwa byo gusoma	1

11	**Umwandiko: Ukuri kwa Minani**	
	Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo	2
	Gusoma no kumva umwandiko	1
	Gusoma no gusesengura umwandiko	1
	Ubumenyi ngiro (Guhimba umwandiko)	1
	Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu	2
	Imyitozo nzamurabushobozi na nyagurabushobozi	1

Icyumweru cya 29

Ikigwa: Umwandiko "Isazi n'ikimonyo"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Isazi n'ikimonyo*" ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

***a*) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:

1. Ni utuhe dukoko dutatu tuvugwa mu nkuru? Isazi, ikimonyo n'uruyuki.

2. Ni iki cyagiriye nabi ikimonyo? Ni isazi.

3. Ni iki cyatabaye ikimonyo? Ni uruyuki.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Inshuti magara**: Inshuti y'akadasohoka, yizerwa kandi ihorana ubushuti buhamye.
- **Akabisi n'agahiye:** Ibintu byose byaba ibiribwa cyangwa ibinyobwa
- **Kwishongora**: Kwivuga ibigwi birenze, kwishyira hejuru.
- **Guhungabana**: Kugira agahinda gakabije cyangwa guterwa ubwoba n'ikintu cyabaye.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Koresha aya magambo mu nteruro wihimbiye.

- **Umuvandimwe:** Kageruka ni **umuvandimwe** wange.
- **Ubwoba: Ubwoba** butera gutsindwa utanageragеje.
- **Ineza: Ineza** y'umuntu ni yo imutera gukundwa.
- **Ubwumvikane:** Mu muryango wacu harimo **ubwumvikane** mu byo dukora byose.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Isazi n'ikimonyo" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda akosora aho badasomye uko bikwiye, wita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo

1. **Isazi n'ikimonyo byari bisanzwe bifitanye uwuhe mubano?** Byari inshuti magara, basangira byose kandi bafatanya imirimo.
2. **Ni iki cyabaye cyatumye isazi n'ikimonyo bitandukana?** Isazi yanze gufasha ikimonyo kwambuka uruzi nyuma y'imvura, irigendera.
3. **Ni iki cyafashije ikimonyo kwambuka?** Uruyuki.
4. **Ni iki cyakozwe nyuma y'uko isazi yemeye icyaha?** Isazi yarababariwe nyuma yo gusaba imbabazi.
5. **Isazi yakoze iki nyuma yo kubona ikimonyo kigeze imuhira?** Yagize ikimwaro, ivuga ururimi rutava mu kanwa maze isaba imbabazi.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosora aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko.
Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni ayahe masomo dushobora kuvana mu mibanire y'isazi n'ikimonyo?** Dushobora kwiga ko inshuti nyayo ari ikuba hafi mu byiza no mu byago, naho iyo iguhindutse igihe uyikeneye, ntiba ikiri nyayo.
2. **Kuki abari aho bashimiye cyane uruyuki?** Kubera ko rwagize umutima mwiza, rugakiza ikimonyo rwitanze.
3. **Kuki isazi yahisemo kubeshya abaturanyi ko ikimonyo kitazagaruka vuba?** Kugira ngo ikomeze kwigarurira umutungo wabo no guhisha ko yagitereranye.
4. **Utekereza ko imbabazi ikimonyo cyahaye isazi zari zikwiye? Sobanura.**Yego! Kubera ko imbabazi ari igikorwa cy'ubutwari n'urukundo kandi byafashije kongera amahoro mu muryango w'inyamaswa.
5. **Iyo hari uwagukoshereje witwara ute iyo agusabye imbabazi?** Buri wese atanga igisubizo ke ukareba ko gifite ireme.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika irindi herezo ry'inkuru "Isazi n'ikimonyo"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhanga inkuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhimba inkuru yujuje uturango tw'inkuru ngufi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Umwarimu asaba abanyeshuri gukosora umukoro bakoze wo gushaka irindi herezo ry'inkuru.

II. Uko isomo ryigishwa

Andika insanganyamatsiko yo kwandikaho inkuru ku kibaho igira iti: "Akamaro ko kugira inshuti nyazo." Bwira abanyeshuri ko bashingira ku byabaye ku isazi n'ikimonyo maze bakandika inkuru ngufi kuri iyo nsanganyamatsiko. Genda ureba uko abanyeshuri barageza guhanga inkuru ari nako ubakosora aho biri ngombwa. Saba bamwe mu banyeshuri gusoma udukuru banditse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kunoza inkuru bandikiye mu ishuri kugira ngo bazayisomere bagenzi babo kandi bazanayisomere abo babana.

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

Isomo rya 5 : Imyandikire y'amagambo aranga igihe

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kwandika neza amagambo aranga igihe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ikibazo ku magambo yanditse atsindagiye kibafasha gutahura ingingo ayo magambo abumbatiye.

Urugero rw'ikibazo:
Amagambo atsindagiye ari mu nteruro ziri mu bitabo byanyu abumbatiye iyihe ngingo? Amagambo yanditse atsindagiye abumbatiye ingingo y'igihe.

Akira ibisubizo bitandukanye by'abanyeshuri hanyuma ubabwire ko amagambo yanditse atsindagiye ari amagambo aranga igihe.

II. Uko isomo ritangwa

Wifashishije igitabo cy'abanyeshuri ereka abanyeshuri amagambo aranga igihe yandikwa afatanye n'andi yandikwa adafatanye. Saba abanyeshuri gukoresha amagambo aranga igihe mu nteruro bihimbiye.

III. Umwitozo

Ha abanyeshuri umwitozo wo gusimbuza amagambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye andi magambo aranga igihe bivuga kimwe.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye andi magambo aranga igihe bivuga kimwe. Ukoreshe amagambo make ashoboka.

1. **Hirya y'ejo** nzakubwira icyo nzaba naragezeho.→ **Ejobundi** nzakubwira icyo nzaba naragezeho.
2. Turaza guhura **izuba rigeze ijuru hagati.** →Turaza guhura **ku manywa y'ihangu /saa sita.**
3. Abantu baryama **mu gicuku.** →Abantu baryama **nijoro.**
4. Turagaruka **izuba rirenga.** →Turagaruka **nimugoroba.**
5. Uze **mbere ya saa sita.** →Uze **mu gitondo.**
6. Nakangutse **mu gicuku.** →Nakangutse **nijoro.**
7. Ibyo byose byabaye **izuba riva.**→ Ibyo byose byabaye **ku manywa.**

Umukoro
Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro icumi zirimo amagambo aranga igihe.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6 :Gusomera abanyeshuri mu ijwi riranguruye

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora gusubiza neza ibibazo ku nkuru yasomewe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byorohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma. Toranya inkuru yo gusomera abanyeshuri ijyanye n'insanganyamatsiko ishimisha abanyeshuri bo mu kigero cyabo. Somera abanyeshuri inkuru yose ukoresheje umuvuduko n'isesekaza bikwiye. Mu gihe usoma genda wereka abanyeshuri amashusho ajyanye n'inkuru. Shishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu byo ubasomera ubasaba gutahura icyo inkuru iza kuvugaho. Sobanura ijambo ugezeho usoma ukeka ko abanyeshuri batazi igisobanuro cyaryo.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibibazo ku nkuru umaze kubasomera kugira ngo urebe niba bayumvise.

Umukoro

Saba abanyeshuri gushaka irindi herezo ry'iyo nkuru maze bazagaruke mu isomo ryo gusoma ry'ubutaha bakubwira irindi herezo ry'inkuru wabasomeye.

Icyumweru cya 30

Umwandiko "Umwana n'ingona"

Isomo rya 7: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Umwana n'ingona*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo :
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo wababaza n'ibisubizo byatangwa:
1. Ni irihe zina ry'ingona ivugwa mu mwandiko? Iyi ngona yitwaga Busunzu.

2. Ni uwuhe mugambi mubi Busunzu yari ifite? Yari ifite umugambi wo kurya umwana.

3. Umwana yarokowe n'iki? Umwana yarokowe na Bakame.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo
Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:
a) **Arazimira**: Ashira atagarutse, araher, arabura.
b) **Ikirago:** Umusambi cyangwa umukeka.
c) **Imirunga**: Imigozi, akenshi ikoreshwa mu guhambira cyangwa gufatisha ibintu.
d) **Inkombe**: Ahantu amazi agera ku butaka; urugero, inkombe y'uruzi.
e) **Inyiturano**: Uko umuntu yishyura cyangwa asubiza igikorwa cy'undi, yaba ari kiza cyangwa kibi.

III. Imyitozo
Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahura n'ibisobanuro byatanzwe:
a. Umupaka w'ahantu hari amazi n'ubutaka.→ **Inkombe**

b. Umugozi ukoreshwa mu guhambira ibintu. →**Umurunga**

c. Igenda gahorogahoro. →**Idogagira**

2. Koresha amagambo mu nteruro

a. Arazimira: Gakwaya yanyuze mu nzira atazi arazimira.

b. Ikirago: Umubyeyi we yabagaburiye bicaye ku kirago.

c. Inyiturano: Yamugabiye inka na we amuha inyiturano.

d. Ubutabera: Nyuma y'ihohoterwa yitabaje ubutabera.

e. Amenyo ya rubamba: Yavuye mu menyo ya rubamba akijijwe n'umukwe we.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Umwana n'ingona" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Umukobwa w'umwami yaburiye he kandi ate?** Yaburiye mu gishanga ubwo yarohamaga.
2. **Ni iyihe mpamvu Busunzu itishwe nk'izindi ngona?** Yari yaragiye kure gushaka ibyo irya igihe bicaga izindi.
3. **Umwana yatwaye ate Busunzu?** Yayihambiriye mu kirago, ayikorera ku mugongo.
4. **Kuki Busunzu yashakaga kurya umwana?** Yari imaze iminsi ibiri itarya, ishonje cyane.
5. **Ni iki cyatumye Busunzu itarya umwana?** Kubera inama za Bakame ndetse no kwerekwa uko ineza idakwiye kwiturwa inabi.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Utekereza ko Busunzu yari ifite impamvu yumvikana yo kurya umwana? Sobanura.** Oya, kuko n'ubwo yari ishonje, umwana ntiyari akwiye kwicwa kubera ko yamufashije.
2. **Ni iki wakwigira ku myitwarire ya Bakame mu gukemura amakimbirane?** Icyo twakwigira kuri bakame ni uko mbere yo guca urubanza tutakwita ku marangamutima ahubwo tukabanza gushaka umunyakuri twitonze.
3. **Ni iki inkuru itwigisha ku bijyanye n'uko abantu bitwara iyo bamaze gufashwa?** Inkuru igaragaza ko hari abantu bitwara nabi nyuma yo gufashwa, bakibagirwa ikiza bakorewe.
4. **Kuki umwanditsi yahisemo gukoresha inyamaswa nk'inka, ifarasi, na Bakame mu biganiro?** Inyamaswa zikoreshwa nk'ikigereranyo ku mico y'abantu mu buzima busanzwe. (*Emera ibindi bisubizo by'abanyeshuri bijyanye n'iki kibazo*)
5. **Iyo uba uri wa mwana, wari gufasha ingona nka Busunzu? Kubera iki?** Oya, sinari kubikora ntizeye umutekano, ariko nashoboraga kuyifasha nko kuyijyana nkayiherekeza ariko ntayikoreye. (*aha buri munyeshuri atanga igisubizo ke ukareba niba kinoze*)

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gukora inshamake y'inkuru "Umwana n'ingona"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Gushushanya igice k'inkuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gushushanya igice k'inkuru yasomye cyamushimishije.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri kukwereka inshamake z'umwandiko bakoze.

Saba abanyeshuri umwumwe kongera gusoma inkuru "Umwana n'ingona".

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri gushusahanya igice k'inkuru cyabashimishije. Genda wegera abanyeshuri ufasha abakeneye ubwunganizi. Saba bamwe mu banyeshuri barangije gushushanya gusobanura ibishushanyo bakoze.

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Isomo rya 5: Imyandikire y'amagambo afatana n'adafatana

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Kwandika neza amagambo afatana n'amagambo adafatana.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Saba abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ibibazo bibafasha gutahura imyandikira y'amagambo asa ariko yandikwa mu buryo butandukanye. Rimwe yandikwa afatanye ubundi akandikwa adafatanye. Akira ibisubizo bitandukanye by'abanyeshuri kandi ubinoze.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni ibihe binyazina biri muri ayo magambo?** Ibinyazina biri muri zino nteruro ni ngenga na ngenera ngenga.
2. **Uratekereza ko ari iyihe mpamvu ituma hamwe twandika amagambo abiri ahandi tukagira ijambo rimwe?** Hamwe dufite ijambo rimwe ahandi tukagira amagambo abiri bitewe n'ubwoko bw'ayo magambo

II. Uko isomo ritangwa

Sobanurira abanyeshuri ubwoko bw'amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye.

Wifashisha igitabo cy'abanyeshuri bereke ingero z'ibinyazina ngenga biherekeje icyungo "na" na "nka" igihe byandikwa bifatanye cyangwa se bitandukanye.

Saba abanyeshuri gutanga ingero z'ibinyazina ngenga n'ibinyazina ngenera ngenga. Basubirishemo kandi ibyungo na/nka ubasabe no kubikoresha mu nteruro.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora umwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora umwitozo.

Toranya interuro zifite amakosa y'imyandikire maze uyakosore, izidafite amakosa wongere uzandukure uko ziri.

1. Twese twagiye mu rugendo, na twe twari twateguye byose. →Twese twagiye mu rugendo, **natwe** twari twateguye byose.
2. Arifuza gukora nkamwe, kuko mwamaze kumenyera akazi.→Arifuza gukora nkamwe, kuko mwamaze kumenyera akazi.
3. Ibyo yabwiye abandi na bo ntibabyumvise neza.→Ibyo yabwiye abandi na bo ntibabyumvise neza.
4. Sinshobora gukora nkako, kuko si ndi imashini.→Sinshobora gukora **nka ko,** kuko si ndi imashini.
5. Uwo mwana yatanze igitekerezo, nawe arashimirwa.→Uwo mwana yatanze igitekerezo**, na we** arashimirwa.
6. Twabonye umutekano muke na bo bariruka.→Twabonye umutekano muke na bo bariruka.
7. Azaza kwifatanya na twe mu birori.→Azaza kwifatanya **natwe** mu birori.
8. Yibwira ko ashoboye byose nka bo, nyamara si ko bimeze.→Yibwira ko ashoboye byose nka bo, nyamara si ko bimeze.
9. Ntitwemera ko yakwitwara nka mwe kuko batigeze bigishwa.→ Ntitwemera ko yakwitwara **nkamwe** kuko batigeze bigishwa.
10. Waranzwe n'urukundo na we ntiwabishyigikira. →Waranzwe n'urukundo **nawe** ntiwabishyigikira.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika interuro icumi zirimo ibinyazina ngenga, ngenera ngenga ndetse n'ibyungo na/nka.

Igikorwa cyo gusoma

Isomo rya 6: Gusomera mu matsinda ya babiribabiri

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusubiramo inkuru yasomeye mu itsinda.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Tegura neza icyumba k'ishuri ku buryo byohereza abanyeshuri mu gikorwa cyo gusoma: Ahantu hatekanye, abanyeshuri bisanzurira mu gihe cyo gusoma. Shyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, ugerageza gushyira hamwe abagerageza gusoma neza n'abafite

imbogamizi mu gusoma kugirango bafashanye. Toranya inkuru zo gusoma zingana n'amatsinda ari mu ishuri maze uzihe abanyeshuri. Gendagenda mu ishuri ureba uko abanyeshuri basomera mu matsinda, abafite ibibazo ubafashe. Genzura ko umunyeshuri umwe arangiza gusoma inkuru undi na we agasoma, cyangwa ko umwe asoma igika undi agasoma ikindi. Toza abanyeshuri kujya bakosorana igihe basoma.

Umukoro
Saba abanyeshuri gutira ibitabo mu isomero, bazagaruke mu isomo ryo gusoma barangije kubisoma kandi banditse muri make ibikubiye mu nkuru, ikinamico cyangwa mu muvugo basomye.

Icyumweru cya 31

Umugisha wa kibyeyi

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo atari asobanukiwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro
Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Umugisha wa kibyeyi*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo wabaza:
Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

***a*) Gusoma bucece**
Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:
1. **Umubyeyi uvugwa mu mwandiko yishwe n'iki?**Yarwaye iryinyo.
2. **Imitungo y'uyu mubyeyi yayigabanyije bande?** Yayigabanyije abana be bose ku buryo Bungana.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Nyakwigendera:** Umuntu wapfuye.
- **Impanuro:** Inama zikomeye zubaka.
- **Indangagaciro:** Imyifatire myiza.
- **Umurage:** Umutungo usigirwa abana.
- **Gutabaruka:** Gupfa mu buryo bw'icyubahiro.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Shaka mu mwandiko amagambo ahuye n'ibisobanuro bikurikira:

- Umuntu wapfuye ni: **Nyakwigendera**
- Inama zikomeye zubaka ni: **Impanuro**
- Imyifatire myiza ni: **Indangagaciro**
- Umutungo usigirwa abana ni: **Umurage**
- Gupfa mu buryo bw'icyubahiro ni: **Gutabaruka**

2. Koresha amagambo mu nteruro:

- **Umurage:** Uwo mubyeyi yamugeneye umurage mwiza.
- **Urutare:** Yubatse inzu ku rutare.
- **Umupfakazi:** Uwo mupfakazi afite umwana umwe.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Impanuro za kibyeyi" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Agenda akosora aho badasomye uko bikwiye, yita ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni iki cyatumye se w'ubara inkuru atongera gushaka undi mugore?** Ni urukundo yakundaga nyakwigendera.
2. **Ni iyihe ndwara se w'ubara inkuru yari afite mbere yo kuremba?** Yarwaye iryinyo ryamuteje kubyimba ishinya, itama n'umuhogo.
3. **Ni iki cyatumye abana bateranira kwa se?** Se yari amaze kuremba ashaka kubaha impanuro no kubagabanyiriza umurage.
4. **Ni izihe ndangagaciro se yabasabye kugenderaho?** Urukundo, ubupfura, ubumwe, ubufatanye no gukunda umurimo.
5. **Ni ryari se yahaye umwana umugisha we wihariye?** Yamuhamagaye wenyine mu cyumba, amufata ikiganza amuha umugisha.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidaftika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Ubakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Kuki se yavuze ko umurage w'ibintu nta gaciro ufite?** Kuko iby'isi bihinduka kandi ubutunzi nyabwo ari indangagaciro.
2. **Ni irihe somo umwandiko utanga ku birebana n'izungura?** Kwirinda kurwanira imitungo ahubwo abantu bagaharanira ubupfura.
3. **Uburyo se yitwaye mbere y'urupfu rwe bugaragaza iki ku mico ye?** Bugaragaza ko yari umunyabwenge, umunyamurava kandi wita ku muryango.
4. **Kuki ubara inkuru ijambo yahawe n'umubyeyi ryamugiriye akamaro kurusha ubutunzi?** Kuko ryamuhaye ikizere, rimwubakira ku mico yatumye atsinda mu buzima.
5. **Wowe wumva ari iki umubyeyi wawe yakuraga gifite agaciro gakomeye?** Buri wese atanga igisubizo ke ukumva ko gifite ireme.

Urugero:

- Amashuri
- Imitungo,...

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Umurage w'ababyeyi"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Ikiganiro mpaka"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gutanga ibitekerezo mu bwubahane ashingiye ku nsanganyamatsiko yatanzwe; - Kuvuga neza Ikinyarwanda akoresha imvugo inoze kandi adategwa.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri kukwereka inshamake bakoze. Fatamo bamwe basomere bagenzi babo inshamake zabo.

II. Uko isomo ryigishwa

Andika insanganyamatsiko ku kibaho igira iti: "Umurage w'amafaranga n'imitungo uruta umurage w'imico myiza watojwe n'ababyeyi bawe."

Shyira abanyeshuri mu matsinda abiri rimwe ribe rishyigikiye insanganyamatsiko n'irindi ribe ritayishyigikiye. Toranya umuyobozi w'ikiganiro kandi wibutse abanyeshuri amabwiriza aranga ikiganiro mpaka. Genda wunganira umuyobozi w'ikiganiro ureba ko abanyeshuri bagaragaje ituze.

Shimira abanyeshuri uko bitwaye mu kiganiro, ubabwire ko intego itari uko haboneka utsinda n'utsindwa ahubwo ari ukungurana ibitekerezo, gutanga ingingo zifite ireme zishimangira uruhande uherereyemo no kunoza imivugire y'Ikinyarwanda.

Ikeshamvugo ku masano

Isomo rya 5: Gutahura imvugo iboneye ku magambo aranga amasano

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gukoresha imvugo inoze ku magambo aranga amasano.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Sababa abanyeshuri gusoma interuro ziri mu bitabo byabo maze ubabaze ikibazo kuri izo nteruro kibafasha gutahura imvugo iboneye ku magambo aranga amagambo n'imvugo itaboneye kuri ayo magambo. Akira ibisubizo by'abanyeshuri.

Urugero rw'ikibazo n'ibisubizo:

Ni iyihe nteruro ifite imvugo itanoze? Naramubajije nti: "So wawe, dupfana iki?"

Ni iyihe nteruro ifite imvugo inoze? Aransubiza ati: "Data ni sogokuru wawe."

II. Uko isomo ritangwa

Yobora abanyeshuri ku busesenguzi bwo gushaka ahantu amakosa y'imivugire ari mu nteruro ya mbere y'urugero rwatanzwe. Ha abanyeshuri ingero zitandukanye z'amakosa akorwa ashingiye ku gukoresha amagambo aranga amasano nabi. Usabe abanyeshuri gutanga izindi ngero nk'izo ubasabe kugaragaza ahari amakosa n'uko yakosorwa.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'imyitozo n'ibisubizo:

1. Kosora interuro zikurikira:

a. Se wawe afite inzu nini cyane. →**So** afite inzu nini cyane.

b. Kararisa yasuye nyogosenge we utuye mu Mayaga.→ Kararisa yasuye **nyirasenge** utuye mu Mayaga.

c. Marume wa Semvura acuruza imbuto. →**Nyirarume** acuruza imbuto.

d. Sogokuru we akunda kumugira inama. →Sekuru akunda kumugira inama.

e. Nkunda nyirakuru wawe uburyo aganira.→ Nkunda nyogokuru uburyo aganira.

2. Koresha aya magambo mu nteruro yawe wihimbiye.

- **Nyogosenge** : Mvuye kwa nyogosenge.
- **Sogokuru**: Sogokuru aducira imigani.
- **Nyirarume:** Nyirarume akunda amata.
- **Data:** Data azaza ejo avuye ku kazi.
- **Nyokorome** : Umbwirire nyokorome aze dutahe.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka andi masano yo mu muryango ane maze bakore interuro bakoresheje ayo masano yo mu muryango.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri, umwumwe, gusubiramo inkuru, ikinamico cyangwa umuvugo basomye.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakina inkuru basomye cyangwa ikinamico bafashe mu mutwe.

Icyumweru cya 32

Umwandiko "Nyambo na Ntama"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza. - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Nyambo na Ntama*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazeho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwire ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru. Havugwamo Nyambo na Ntama

2. Nyambo na Ntama bapfuye iki? Bapfuye ubwibone no kuvuga nabi bya Nyambo.

3. Ese aya makimbirane yaje kurangira? Yego.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo:

- **Urugwiro:** umutima mwiza uranga umuntu.
- **Azabiranywa:** Gutwarwa n'ikintu kibi.
- **Ishema:** Umunezero/ibyishimo.
- **Ubwubahane:** Uguha agaciro mugenzi wawe ntumusuzugure.
- **Amahembe:** Igice k'itungo kiba akenshi gisongoye kiba ku mutwe wayo ikifashisha yirwanaho igihe isagariwe.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora umwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora umwitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Koresha amagambo akurikira mu nteruro zawe bwite:

- **Urugwiro**: Twaganiriye duhuza urugwiro.
- **Azabiranywa**: Bamubwiye nabi azabiranywa n'umujinya.
- **Ishema**: Abanyarwanda bihesha ishema
- **Ubwubahane**: Ubwubahane ni ngombwa ku bantu bose.
- **Amahembe**: Ino hene ifite amahembe meza.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Nyambo na Ntama" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Ni iki Nyambo yakoreye Ntama cyagaragaje kwirata?** Yamunenze amahembe amushinja ko nta cyo amumariye.
2. **Ni iki cyabaye kuri Nyambo igihe yashakaga gutera Ntama ihembe?** Ihembe rya Nyambo ryafashwe mu butaka.
3. **Nyuma yo gufashwa, Nyambo yavuze iki?** Yasabye imbabazi, yiyemeza guca bugufi.
4. **Ubutumwa bukuru butangwa n'iyi nkuru ni ubuhe?** Guca bugufi, kubaha abandi no kubabarira.
5. **Ni uwuhe mugani w'umugenurano uri mu mwandiko uvuga ko umuntu umwe atihagije ahubwo akeneye abandi.** Igiti kimwe si ishyamba.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufasha abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Nyambo na Ntama bahagarariye iki mu mibanire y'abantu?** Bahagarariye abantu birata n'abiyoroshya mu buzima bwa buri munsi.
2. **Ni iyihe myitwarire ikwiye kwirindwa mu nshuti?** Kwirata, gutuka, amagambo yo gukomeretsa.
3. **Iyo umuntu yitwaye nabi akihana, byubaka iki mu mibanire y'abantu?** Bimugarurira ikizere mu bandi n'icyubahiro.
4. **Kuki Ntama yafashe ikemezo cyo kumufasha nubwo yari yamututse?** Kubera ko yari afite umutima w'impuhwe kandi adashaka kwihorera.
5. **Iyo Nyambo adahinduka, ibyo yakoze byari kugera kuki?** Byari kumutandukanya burundu na Ntama, agasigara wenyine.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka imigani migufi iri mu mwandiko "Nyambo na Ntama" no kuyisobanura.

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhimba agakuru"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhimba inkuru ngufi yubahiriza uturango tw'inkuru ngufi.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro wabahaye.

Baza abanyeshuri ibiranga inkuru ihimbye neza. Hera ku bisubizo byabo ubibutse ko:

- Inkuru igira umutwe mugufi ubumbatiye ibiza kuvugwamo cyangwa se abavugwamo. Ushobora kudahita ukubwira ishusho y'ibiri mu nkuru umuntu akabimenya ari uko ayisomye.
- Inkuru igira uko itangira, ikagira uko ikomeza kandi ikagira n'uko irangira.
- Inkuru ishobora kuba iy'abantu gusa, abantu n'imyamaswa, inyamaswa gusa n'ibindi
- Inkuru igomba gusoza ifite inyigisho runaka isigira abayisoma.
- Inkuru igomba kugira aho ibera n'igihe iberamo

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri guhimba inkuru ngufi igaragaza ko abantu bakwiye kubana mu mahoro bagedeye ku nkuru basomye. Saba abanyeshuri gutangira gutekereza inkuru bakwandika n'abanyarubuga baraza kuba barimo. Saba abanyeshuri kubanza gutekereza ku ngingo z'ingenzi inkuru iza kuba yubakiyeho. Saba abanyeshuri gutangira kwandika ugende ureba uko bakurikiranya ibitekerezo. Saba bamwe mu banyeshuri barangije basome mu ijwi riranguruye inkuru bakoze.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakanoza inkuru zabo bakoze neza kandi bakubahiriza ibiranga inkuru yanditse neza.

Imigani y'imigenurano

Isomo rya 5: Ingero z'imigani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Gutahura imigani y'imigenurano ivuga ku ngingo y'umuco w'amahoro no kuyikoresha mu buzima busanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba abanyeshuri inkuru bakoze maze usabe bamwe gusomera bagenzi babo inkuru zabo. Fata inkuru z'ishuri ryose uzazikosore.

II. Uko isomo ritangwa

Shyira mu matsinda abanyeshuri ubasabe gusobanura imigani migufi bakuye mu mwandiko "Ntama na Nyambo" kandi bavuge aho bashobora gukoresha iyo migani mu buzima busanzwe. Basabe no kuvuga indi migani y'imigenurano ivuga ku muco w'amahoro. Saba amatsinda kugaragaza ibyo bakoze ugende unoza ibisobanuro byabo n'aho imigani ishobora gukoreshwa.

Urugero rw'ibisubizo:

Isunzu rirakura ntirikurinda inkuba: Ubwiza umuntu yiratana ntabwo bwamukura mu kibazo ashobora guhura na cyo.

Urwishigishiye ararusoma: Iyo wishoye mu kibazo ugomba no kwirengera ingaruka zacyo.

Ugira neza ukayisanga imbere: Iyo ugiriye abandi neza amaherezo nawe ubona abakugirira neza mu buzima.

Umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahaguruka: Ukora ikintu kibi wibwira ko nta kibazo ariko ingaruka zacyo zikaza ziremereye.

Igiti kimwe si ishyamba Umuntu umwe ntaba yihagije mu byo akora akenera ubufasha bw'abandi kugira ngo agere ku musaruro mwiza.

III. Imyitozo

Saba abanyeshuri gukora imyitozo iri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora imyitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora imyitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

1. Uzuza ino migani:

a) Inkingi imwe **ntigera inzu**

b) Irya mukuru riratinda **ntirihera.**

c) Abagiye inama **Imana irabasanga.**

d) Ifuni ibagara ubucuti ni **akarenge.**

e) Gira **so yiturwa indi.**

2. Huza imigani y'imigenurano iri mu mwandiko "Nyambo na Ntama" n'igisobanuro cyayo ugendeye ku buryo yakoreshejwe mu mwandiko.

Umugani mugufi	Igisobanuro
1. Isunzu rirakura ntirikurinda inkuba.	a) Hari ibyo ukora wumva ko nta cyo bitwaye nyuma bikakugora kubivamo.
2. Urwishigishiye ararusoma	b) Ubukuru, ubwiza cyangwa uburambe ntibibuza umuntu guhura n'ibibazo.
3. Umanika agati wicaye, wajya kukamanura ugahaguruka	c) Umuntu umwe ntashobora byose. Ubufatanye ni ingenzi.
4. Igiti kimwe si ishyamba	d) Umuntu aryozwa ingaruka z'ibyo yikururiye cyangwa yakoze ubwe.

Ibisubizo:

1.→b 2 →d 3 →a , 4→c

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo gushaka indi migani itatu ivuga ku muco w'amahoro kandi bayisobanure.

Ibikorwa byo gusoma

Isomo rya 6: Gusubiramo inkuru cyangwa umuvugo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Kuvuga ashize amanga inkuru cyangwa umuvugo yasomye.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umwarimu, Amabwiriza agenga amasomero y'ibigo by'amashuri byo mu Rwanda, ibitabo byo gusoma (inkuru, ikinamico n'imivugo)

I. Intangiriro

Genzura ko abanyeshuri bakoze umukoro batahanye ubushize mu isomo ryo gusoma, ubakosore niba ari ngombwa.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri, umwumwe, gusubiramo inkuru, ikinamico cyangwa umuvugo basomye.

Umukoro

Saba abanyeshuri kuzagaruka mu ishuri bakina inkuru basomye cyangwa ikinamico bafashe mu mutwe.

Icyumweru cya 33

Umwandiko "Ukuri kwa Minani"

Isomo rya 1: Gusoma umwandiko n'inyunguramagambo

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma umwandiko yubahiriza utwatuzo n'isesekaza; - Gusobanura amagambo yatanzwe ari mu mwandiko no kuyakoresha neza mu mvugo no mu nyandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, inkoranyamagambo n'ibindi.

I. Intangiriro

Rangira abanyeshuri urupapuro ruriho umwandiko "*Ukuri kwa Minani*". ubasabe kwitegereza amashusho y'umutwe w'umwandiko ubabazehho ibibazo byo gutahura ibiza kuvugwa mu mwandiko.

Urugero rw'ikibazo:

Mwitegereje umutwe w'uyu mwandiko ndetse n'iyi shusho ihari, muratekereza ko uyu mwandiko wacu uza kuvuga ku ki?

Akira ibisubizo binyuranye bitangwa n'abanyeshuri ubabwira ko baza kuwusoma bakareba ko ibisubizo byatanzwe bihura koko n'ibivugwa mu mwandiko.

II. Uko isomo ryigishwa

Gusoma

a) Gusoma bucece

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Ni nde muntu uvugwa cyane mu Nkuru?** Ni Minani.
2. **Kubera iki yazamuwe mu ntera?** Yazamuwe mu ntera kubera kuvugisha ukuri.
3. **Ni iyihe migani ivuga ku kuri iri mu mwandiko?** Ikinyoma kiranyagisha/Ukuri guca mu ziko ntigushye.

b) Gusoma mu ijwi riranguruye

Somera abanyeshuri by'intangarugero wubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Saba abanyeshuri gusomera mu matsinda mato basimburana, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Gendagenda mu ishuri wumva uko basoma unatanga ubufasha aho bukenewe. Saba abanyeshuri bamwe gusomera itsinda rigari baranguruye kandi bubahiriza utwatuzo n'isesekaza ubakosora aho biri ngombwa.

Inyunguramagambo

Saba abanyeshuri kongera gusoma umwumwe umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Bashyire mu matsinda basobanure amagambo yatanzwe .Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisobanuro by'amagambo ubafashe kubinoza hanyuma byandikwe ku kibaho, abanyeshuri na bo babyandike mu makayi yabo.

Urugero rw'inyunguramagambo

Imitako: Ibikoresho cyangwa ibintu bikoreshwa mu kurimbisha cyangwa kugaragaza ubwiza.

Imishyikirano: Uburyo abantu baganira, bumvikana, cyangwa bakorana neza.

Umururumba: Irari rikabije ry'ibintu, cyanecyane iby'isi cyangwa ubukire.

Irari: Ikifuzo gikabije ku kintu runaka, kenshi kitari ngombwa cyangwa cyangiza.

Ikinyoma kiranyagisha: Ikinyoma gishobora kuguha ibyo ushaka by'akanya gato ariko nyuma kikakugiraho ingaruka mbi.

Ukuri guca mu ziko ntigushye: Ukuri gupfa kuba ukuri, n'iyo abantu barwanya cyangwa bageraageza kuguhisha, ntiguhinduka.

III. Umwitozo

Saba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu bitabo byabo. Gendagenda ureba uko bakora umwitozo ufasha abafite ibibazo byihariye. Fatanya n'abanyeshuri gukosora umwitozo.

Urugero rw'umwitozo n'ibisubizo:

Koresha amagambo mu nteruro

- **Imitako**: Yampaye impano y'imitako myiza.
- **Imishyikirano**: Bagiye mu mishyikirano amahoro aragaruka.

- **Umururumba**: Ni ngombwa kwirinda umururumba.
- **Irari**: Turwanye irari ry'ibiyobyabwenge.
- **Ikinyoma kiranyagisha**: Nta kwiringira ikinyoma kuko kiranyagisha.
- **Ukuri guca mu ziko ntigushye**: Uzabe umunyakuri kuko ukuri guca mu ziko ntigushye.

Isomo rya 2: Gusoma no kumva umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo, umunyeshuri araba ashobora: Gusoma neza no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza ibibazo ku mwandiko "Ukuri kwa Minani" bibafasha kwibuka ibiwukubiyemo.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ukosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko

Saba abanyeshuri kongera gusoma mu ijwi riranguruye basimburana, igika ku gika, bubahiriza utwatuzo n'isesekaza. Genda ubakosora aho badasomye uko bikwiye, wite ku bafite ibibazo byihariye.

Urugero rw'ibibazo n'isubizo:

1. **Minani yakoraga iki?** Yakoraga muri sosiyete ikora imitako mu mabuye y'agaciro.
2. **Ni gute Minani yagaragaje ukuri mu gihe bagenzi be batari bagarutse ku kazi?** Yabwiye umuyobozi ko yagarutse ku kazi kuko amasomo yarangiye kare, ariko ko atazi aho bagenzi be bari.
3. **Ni iyihe nyungu Minani yabonye kubera kuvugisha ukuri?** Yagize umutima utamucira urubanza, agirwa ikitegererezo kandi azamurwa mu ntera.
4. **Ni ibihe bintu bituma abantu benshi batavuga ukuri?** Umururumba, irari, kwikunda, gushaka gukundwa no kwemerwa n'abandi.
5. **Ni iyihe nyugu yo kuvugisha ukuri?** Kuvugisha ukuri bituma abantu bakugirira ikizere kuko uba uri inyangamugayo.
6. Vuga imigani ibiri yavuzwe mu mwandiko umwe uvuga ku kuri undi ugaruka ku kinyoma.
   - Ikinyoma kiranyagisha
   - Ukuri guca mu ziko ntigushye.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo ku mwandiko bigufasha kumenya niba koko bumvise neza umwandiko.

Isomo rya 3: Gusoma no gusesengura umwandiko

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: - Gusoma no gusubiza neza ibibazo bijyanye no gusesengura umwandiko.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Baza abanyeshuri ibibazo bituma biyibutsa umwandiko baheruka kwiga.

II. Uko isomo ryigishwa

a) Gusoma umwandiko

Saba abanyeshuri gusimburana basoma umwandiko mu ijwi riranguruye bubahiriza utwatuzo n'isesekaza rikwiye. Bakosore aho biri ngombwa kandi ufashe abafite ibibazo byihariye.

b) Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda basubize ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu ishuri ureba ibyo abanyeshuri bakora kandi utange ubufasha aho biri ngombwa. Saba abanyeshuri bavuye mu matsinda gutanga ibisubizo ubafashe kubinoza.

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

1. **Kuki umwanditsi yahisemo kwita inkuru "Ukuri kwa Minani"?**
   Kuko agaragaza ubunyangamugayo bwa Minani n'inyungu yavanye mu kuvugisha ukuri.
2. **Urebye imyitwarire ya Minani n'iy'abandi bakozi, ni uwuhe murongo w'imyifatire umwanditsi ashyigikiye?** Umwanditsi ashyigikiye imyitwarire y'ubunyangamugayo no kuvugisha ukuri.
3. **Ni uruhe ruhare ukuri kugira mu kubaka umubano mwiza mu kazi cyangwa mu muryango?** Kurushaho gushinga imizi, kuzamura ikizere n'imishyikirano irambye.
4. **Uyu mwandiko utanga ubuhe butumwa ku bijyanye no kuyobora abandi?** Utanga isomo ko umuyobozi mwiza abaho mu kuri kandi agakora ibyo yifuza ko abandi bakora.
5. **"Ikinyoma kiranyagisha" na "Ukuri guca mu ziko ntigushya" bisobanuye iki mu mwandiko?** Bigaragaza ko ikinyoma gishobora kukugiraho ingaruka, ariko ukuri kuramba kandi kuzanira umuntu icyubahiro kirambye.

III. Imyitozo

Baza abanyeshuri ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko bibafasha gukomeza gutekereza byagutse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kwandika inshamake y'umwandiko "Ukuri kwa Minani"

Isomo rya 4: Ubumenyi ngiro "Guhimba umwandiko"

Intego zihariye
Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora: Guhimba umwandiko ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'izindi mfashanyigisho zifatika n'izidafatika.

I. Intangiriro

Kosora umukoro usaba bamwe mu banyeshuri gusoma inshamake y'umwandiko "Ukuri kwa Minani" bakoze.

II. Uko isomo ryigishwa

Saba abanyeshuri guhimba umwandiko utari munsi y'imirongo makumyabiri bashyiramo ingingo byibura ebyiri z'ibyiza byo kuvugisha ukuri n'ingingo byibura ebyiri z'ingaruka zo kubeshya. Basabe kwandika bubahiriza ibiranga umwandiko n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. Genda ureba ko abanyeshuri barimo kwandika neza, ufasha abakeneye ubufasha. Saba bamwe mu banyeshuri gusoma imyandiko banditse.

Umukoro

Ha abanyeshuri umukoro wo kugenda bakanoza imyandiko yabo banditse ikazaba yujuje ibisabwa.

Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

Ha abanyeshuri isuzuma risoza umutwe hanyuma uzabakosore ubatangarize amanota. Uzakora ikosora rusange hamwe n'abanyeshuri kugira ngo bamenye neza ibyo bagombaga gusubiza.

Ibigenderwaho mu isuzuma:

- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko ku muco w'amahoro.
- Ubushobozi bwo kwandika interuro wubahihiriza imyandikire inoze.
- Ubushobozi bwo gukoresha imigani y'imigenurano bayihuza n'ubuzima busanzwe.

Umwandiko: Ubuhanga bwa Salomo

Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:

I. Inyunguramagambo

1. Simbuza ijambo ritsindagiye iryo bivuga kimwe riri mu mwandiko

a) Imitungo itimukanwa ni **imvano** y'amakimbirane yo mu muryango. →**inkomoko**

b) Umwami yateguraga **iminsi mikuru** agatumira abagaragu be. →**ibirori**

c) Iyo **nicuye** hagati mu ijoro nsenga Imana. →**nkangutse**

2. Koresha amagambo akurikira mu nteruro zumvikanisha icyo avuga mu mwandiko:

- **Kubangama:** Urusaku rwa nijoro rurabangama cyane.
- **Igihangange:** Umwami Salomo yari igihangange.
- **Abagaragu:** Kera abagaragu b'umwami bakoraga imirimo inyuranye.

II. Kumva no gusesengura umwandiko

A. Hitamo ijambo riboneye rikwiriye gusoza interuro

1. Ubutabera butanzwe nabi butera _____.

a) amahoro
b) amakimbirane ✓
c) ubukire

2. Salomo yakundaga guca imanza zitabera kubera _____.

a) umutima
b) ubwiza
c) ubwenge n'ubuhanga ✓

3. Kugira ngo usobanukirwe n'ibyiza n'ibibi bisaba _____.

a) gushishoza ✓
b) gutinya
c) kurakara

4. Umugore wa mbere yifuje ko umwana aguma ari muzima kubera _____.

a) ubwoba
b) urukundo nyakuri ✓
c) inzozi

5. Abaturage bamwubahaga kuko _____.

a) Yaberaga intore.
b) Yasaga neza.
c) Yacaga imanza zitabera neza ✓

B. Subiza ibibazo bikurikira:

1. **Ni iki cyatumye abagore babiri bajya kwa Salomo?**(*Bagiye kumuregera bapfa umwana umwe wapfuye n'undi muzima.*)
2. **Ni irihe hame Salomo yakurikije mu guca urubanza rw'abo bagore?** Yakoresheje ubwenge n'ubushishozi kugira ngo amenye nyina w'umwana.
3. **Umugore wa mbere yagaragaje iki mu gihe habwirwaga ko umwana agabanywa kabiri?** Yagaragaje imbabazi n'urukundo, asaba ko umwana aticwa ahubwo agahabwa mugenzi we.
4. **Uko Salomo yakemuye ikibazo cy'abo bagore bigaragaza iki ku buyobozi bwe?** Bigaragaza ko yari umuyobozi w'umunyabwenge, ushishoza kandi udashishikajwe no kubogama.
5. **Ni uruhe ruhare ukuri n'imbabazi bigira mu gutanga ubutabera?** Ukuri n'imbabazi bituma hatangwa ubutabera buciye mu mucyo kandi bwubaka amahoro.
6. **Uko umugore wa kabiri yitwaye bigaragaza iki ku mico ye?** Bigaragaza ko yari afite umutima mubi, utagira imbabazi, wifuzaga ko bose bababara.

III. Ubumenyi rusange bw'ururimi

1. **Kosora imyandikire itanoze mu gika gikurikira:**
   Ejobundi nijoro nagiye gusura masenge. Naganiriye **na we** umunsi **wose** biranshimisha cyane. Nkunda ukuntu abana be **na bo** bitwara nkatwe. Bwakeye **mu gitondo** ntaha kuko nagombaga guhurira **namwe** ku ishuri.

2. Uzuza imigani migufi ikurikira:

a. Ifuni ibagara ubucuti **ni akarenge**.

b. Aho umwaga utari **uruhu rw'urukwavu rwisasira batanu**.

c. Inkingi imwe **ntigera inzu**.

d. Ababiri baruta **umwe.**

e. Umwe arya **bihora**

3. Soma inkuru ikurikira hanyuma usubize ibibazo bijyanye n'amasano yo mu muryango

Karori yashakanye na Marita babyarana abana babiri Gasana na Mutoni. Gasana yashakanye na Mukaneza babyara Bwiza na Mugabo. Mutoni na we yashakanye na Nziza babyarana Ganza na Kararisa.

Ugendeye kuri uwo muryango, toranya igisubizo kiri cyo

1. Mukaneza yita Karori:

a) Mubyara we
b) Mwishywa we
c) Umukazana we
d) Sebukwe

2. Marita yita Mugabo:

***a)* Umwuzukuru we**
b) Nyirarume
c) Musaza we
d) Umukwe we

3. Ganza yita Gasana:

a) Nyirasenge
b) Mwishywa we
c) Nyirarume
d) Mubyara we

4. Gasana yita Kararisa:

***a)* Mwishywa we**
b) Muramu we
c) Mushiki we
d) Umwuzukuru

5. Ganza yita Bwiza:

***a)* Mubyara we**
b) Mushiki we
c) Musaza we
d) Umwisengezeza

IV. Guhina umwandiko

Hina umwandiko "ubuhanga bwa Salomo" mu mirongo cumi n'itanu (15)

Reba ko abanyeshuri bahinnye umwandiko mu burebure bwasabwe kandi bubahirije amabwiriza yimyandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Ibikorwa by'inyongera

Imyitozo nzamurabushobozi n'imyitozo nyagurabushobozi

- Tahura ikigero cy'ubushobozi bwa buri munyeshuri uhereye ku manota yagize mu isuzuma risoza umutwe maze ubashyire mu matsinda ukurikije ingorane bafite;
- Tegurira abanyeshuri imyitozo ijyanye n'ibyiciro byabo;
- Tegura imyitozo nzamurabushobozi wibanda aho abanyeshuri bagaragaje ubushobozi buke;
- Ku bagaragaje ubushobozi buke mu isuzuma, ushobora gusaba bagenzi babo babyumvise neza kubafasha kubyumva bari mu matsinda;
- Ku bagaragaje ubushobuzi buhagije, ushobora kubaha imyitozo ituma barushaho kwagura ubushobozi bwabo no kutarambirwa mu gihe abagaragaje ubushobozi buke bakizamurwa;
- Gendagenda mu ishuri, ureba uko bakora iyo myitozo mu byiciro byabo, ubafasha ariko wibanda cyanecyane ku bagaragaje ubushobozi buke.

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIJWE

1. **Ikigô cy'Ûbushaakashaatsi mu by'Ûbuhaânga n'Îikôranabûhaânga (N.D),** Inkoranya y'Îkinyarwaanda mu Kinyarwaanda, IRST Butare, Igitabo cya 1
2. **Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco** (2014). Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, Kigali.
3. **Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco** (2015). Imikoreshereze y'Ikinyarwanda: Ntibavuga-bavuga. Imfashanyigisho ibanza, Kigali.
4. **NSANZABERA, J.D**. (2013) Ikeshamvugo mu Kinyarwanda: imvugo isukuye, ikeshamvugo ry'amagambo akwiye n'inshoberamahanga zisobanuye, Kigali.
5. **Mgr BIGIRUMWAMI, A.** (1984). Imihango n'Imigenzo n'Imiziririzo mu Rwanda, Nyundo, Troisième édition.
6. **Rwanda Education Board** (2015). Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, Kigali.
7. **MUTAKE, Th.,** 1991, Ikinyarwanda ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe, Kigali: les edition de la Régis de l'imprimerie Scolaire.
8. **COUPEZ, A.** 1980. Abrégé de Grammaire Rwanda, Tome 1,2. Butare, INRS.
9. **IGIRANEZA T.,**1990, Isomo ry'ikibonezamvugo: iyigantego, inshoza y'inshinga nyarwanda, Kigali.
10. **BIZIMANA, S.,** 2002, Imiteêrere y'Ikinyarwaanda II, IRST, Butare.
11. **Andika Rwanda**, 2018
12. **Andika Rwanda,** 2019